

**Ubukwe Bw'umwana W'intama  
( Marriage Supper of the Lamb )**

Susan Davis

Gashyantare, 2012

ISBN-13: 978-1492351702

ISBN-10: 1492351709

## **IBIRIMO**

Igice Cya Mbere: Kwicisha Bugufi

Igice Cya Kabiri: Ntukiyizere Cyangwa Ngo Wizere Abandi

Igice Cya Gatatu: Umwitozo Mu Kwicisha Bugufi

Igice Cya Kane: Kwizera Imana

Igice Cya Gatanu: Kubabarira

Igice Cya Gatandatu : Mube Mu Isi Ariko Ntimube Ab'isi

Igice Cya Karindwi : Izamurwa N'ubukwe Bw'umwana W'intama

Igice Cya Munani: Mwitegurire Izamurwa

Igice Cya Cyenda: Ibijyanye No Kuzimira Kw'itorero

Igice Cya Cumi: Kwifuza Isi

Igice Cya Cumi Na Rimwe: Isi Irimo Iragana Mu Kaga

Igice Cya Cumi Na Kabiri: Kugaruka Kwanjye Kwegereje

Igice Cya Cumi Na Gatatu: Isaha Iregereje, Bana Banjye

Igice Cya Cumi Na Kane: Isi Yarampindutse

Igice Cya Cumi Na Gatanu: Abayobozi Ntibankurikira

Igice Cya Cumi Na Gatandatu: Isaha Yo Kugaruka Kwanjye Iregereje

Igice Cya Cumi Na Karindwi: Ibijyanye Na Anti – Kirisito

Igice Cya Cumi N'umunani: Isaha Iregereje Yo Kugaruka Kwanjye

Igice Cya Cumi N'icyenda: Nimwitegure

Igice Cya Makumyabiri: Isaha Yanyu Iregereje

Igice Cya Makumyabiri Na Rimwe: Uri Hanze Y'ubushake Bwanjye Anyigometseho

Igice Cya Makumyabiri Na Kabiri: Ikibi Kije Kurimbura Isi

Igice Cya Makumyabiri Na Gatatu: Isaha Yegereje Saa Sita Z'ijoro

Igice Cya Makumyabiri Na Kane: Mureke Amakimbirane Hagati Yanyu

Igice Cya Makumyabiri Na Gatanu: Si Nzabajyana Niba Hari icyaha Mufite Mutihannye

Igice Cya Makumyabiri Na Gatandatu: Mukomeze Mumpange Amaso

Igice Cya Makumyabiri Na Karindwi: Mugomba Kwitegura Niba Mushaka Kujyana Nanjye

Igice Cya Makumyabiri N'umunani: Ubuzima Bwanyu Bw'iteka Ryose Buri Ku Mwunzani

Igice Cya Makumyabiri N'icyenda: Mugomba Kunsanga Mwiruka Mutazarira

Igice Cya Mirongo Itatu: Umugeni Wanjye Ni Uw'igikundiro Mu Nzira Ze Zose

Igice Cya Mirongo Itatu Na Rimwe: Bake Cyane Nibo Bampimbaza Kandi Banyihannyeho

Igice Cya Mirongo Itatu Na Kabiri: Ndi Hafi Kujyana Umugeni Wanjye Mu Mutekano

Igice Cya Mirongo Itatu Na Gatatu : Ndashaka Umwanya Wa Mbere Nta Wundi

Igice Cya Mirongo Itatu Na Kane: Hari Ugutotezwa Kugiye Kuza-Ugutotezwa Gukomeye

Igice Cya Mirongo Itatu Na Gatanu: Nta Nyungu Iri Mu Kwiruka  
Inyuma Y'isi Iri Gushira

Igice Cya Mirongo Itatu Na Gatandatu: Benshi Bibwira Ko Biteguye  
Baribeshya

Igice Cya Mirongo Itatu Na Karindwi: Musigaranye Igihe Gito Cyo  
Kwitegura

Igice Cya Mirongo Itatu N'umunani: Abankurikiye By'ukuri Bari Maso  
Kandi Bariteguye

Igice Cya Mirongo Itatu N'icyenda: Ubuhamya Bwanjye: Ibirebana  
N'ibi Byanditswe No Kwiyiriza Kwanjye

## **INTANGIRIRO Y'UBUTUMWA BWA YESU**

Bana banjye uyu ni Yesu Kristo uvuga, ngiye kugaruka vuba.Ukuza kwanjye kuri hafi ndi ku rugi ndaje mugomba kwitegura.

Iki gitabo cyanditswe mu minsi murongo ine yo kwiyiriza k'umukobwa wanjye SUZANA yabikoze arijye mbimusabye,naramuzanye ahantu hiherereye kugirango apfe muri kamere hasigare jyewe Yesu Kristo. icyo gihe namuhaye amagambo menshi, nashakaga ko agera ku bana banjye hanze. Noneho yanditse amagambo yanjye uko namuyoboje.Izi nyandiko zose zifite ubutumwa mugomba gusoma no kwitaho kuko ukuza kwanjye kugeze hafi.

Uyu ni YESU n'umucunguzi wanyu. Inyandiko zose za Bibiliya ziri muri iyi nyandiko ziva muri King James Version Bible. Aya magambo yavuzwe n'IMANA-DATA, hamwe n'umwana we YESU KRISTO kuri SUZANA igihe cy'iminsi mirongwine yiyiriza hagati y'ukwezi kwa mbere italiki 27/1/2012-6/3/2012.

## **IGICE CYA MBERE: KWICISHA BUGUFI**

Kwicisha bugufi n'ukwitanga n'ukwemera gufasha abandi utitotomba, utabona gukorerwa nabi n'abandi nawe ntubwiteho ahubwo ukabababarira. Ni ukwifuzza gukorera neza abandi ushimisha IMANA, mukwifuzza gukorera abandi igihe cyose ufite ukwizera, umutima wawe ugahora witeguye gukorera IMANA n'abandi.

Kwicisha bugufi kandi ugahora witeguye kwicara mu mwanya w'inyuma (intebe y'inyuma) kuba inyuma ntiwigaragaze (LUKA 14:7-11, MATAYO 19:30).

Ni wa muntu abantu bibagirwa cyane ku bwo kwishyira hasi adakunda kwigaragaza arihisha acecetse yumvira IMANA. Uko niko kwicisha bugufi mukobwa wanjye kandi uyu niwe mugeni wanjye.

Umugeni wanjye nufite nkibyo byose mvunze. Amakosa yawe ubu urayabona mukobwa wanjye? Reka dukomeze, Kwicisha bugufi ni iki? Ni ugukorera mu bwihisho udashaka kwigaragaza uko niko kwitanga wese ku MANA mugushakisha kubaha IMANA muri byose. Kwicisha bugufi n'ukudahangayikishwa n'iby' abandi bagutekerezaho, ni ukwifuzza kugirirwa neza n'IMANA. Ni ugukura mu kugirirwa neza n'IMANA, n'umutuzo ukurira mu MANA n'ukumera nka KRISTO.

Kwicisha bugufi ni byiza ku IMANA. Umuntu wicisha bugufi yubaha IMANA no kugendera munzira zayo kujya mu nsi y'abandi ntiwitekerezeho neza, ntucire abandi imanza. Nijyewe jyenyine uca imanza niko YESU avuga, kubaha ibitekerezo by'abandi, kandi utabisuzuguye mu mutima wawe, kugira impuhwe ku bandi ukabababarira kuko nawe utari umukiranutsi imbere y'IMANA.

Ibingibi ni byo biba iyo umuntu y'icishije bugufi. Bagira ubuhamya bwiza barabagirana mu bwami bw'IMANA no mu maso hayo, bumva ijwi ry'IMANA. Numvira abagaragu banjye bicishije bugufi igihe bandirira. Ngera kure nkiza abagaragu banjye bicishije bugufi, Nzanyeganyeza ijuru n'isi kubw'abagaragu banjye bicisha bugufi. Mukobwa wanjye ibi urabyumva? Abagaragu banjye bicishije bugufi

baba banyitangiye bazi ko ntacyo bakora batari kumwe nanjye. Bahora banshakisha nk'umubyeyi, abo nibo bagaragu banjye. Ntacyo bakora kubwabo, baranyizera mu ngendo zabo za buri gihe baranshakisha ku bw'ibisubizo byanjye, bicishije bugufi kandi bafite icyubahiro imbere yanjye, bavuga baciye bugufi, ntabwo bameze nk'isi ibazengurutse. Bahagarara kure y'isi, ubwiza bwabo busa nubw'IMANA hamwe n'ijuru. Uku niko ijuru ryuzuye abantu biringiye IMANA kuko yasubije ibyifuzo byabo byose.

Nta mpamvu zo kurakara cyangwa kwishira hejuru. Muri njye niho hari ibyo bakeneye, bumva banyuzwe, bakitanga babishaka kandi bishimiye kuba mbaha ibyo bakeneye buri igihe. Nta muntu n'umwe ubereye kuba icyamamare mu ijuru ryanjye. Buri wese aranyuzwe, n'ahantu hejejwe, h'amahoro, umutuzo, urukundo, ibitwenge n'ibyishimo.

Ukwizera nk'umwana ni ngombwa kubera ko umwana ntashobora kwiyo ubwe. Umwana akurikira ababyeyi hafi kubera ko abizera. Yomatana n'ababyeyi be afite icyizere cyo kuyoborwa. Umwana ntabwo afata inshingano z'ababyeyi. Arabizi neza ko atiyobora. Yizera ababyeyi be ku byo akeneye. Igihe umwana avuye iruhande rw'ababyeyi be agira ubwoba kubera ko azi neza ko ibyifuzo bye biva kubabyeyi be yizera kandi akunda. Ubu nibwo busabane buba hagati y'abicisha bugufi byukuri n'Imana. Abicishije bugufi bakurikira Imana nk'impumyi mukwizera no kumvira, kandi Imana ikabatabara.

Nta handi hantu aho ariho hose hari ibisubizo. Imana ni iy'ikirenga kandi ni iyo kwizerwa. Abana bashakira ababyeyi babo mubyo bakeneye byose. Abana baririra ababyeyi babo kuko babitaho nk'uko Imana yita ku bicisha bugufi bakayikurikira bafite imitima ibohoste kandi yejejwe. Ibi urabyumva mukobwo wanjye? Umuntu wuzuye ubwibone yahindura imyitwarire yiwe agacabugufi? Mukobwa wanjye igisubizo ni yego, yitanze nka muyobora nyewe Imana yawe. Hamwe n'Imana byose birashboka? Yego byose bira shoboka hamwe nanjye (IMIGANI 15:33).

Reka dutangire; Kwicisha bugufi bishamikiye ku rukundo rwo mu mutima wicishije bugufi. Urukundo ntabwo ruva mu bwibone. Ubwibone bwangiza urukundo. Ubwibone buravuga buti “ndakuruta, nsobanukwe ku kurusha, uri hasi yanjye, ntagaciro ufite, ndi hagije, singukeneye”. Ibi nibyo ubwibone busobanuye mwana wanjye.

Ubwirasi bwose ni bubu, ubwirasi ni ukwiyitaho kandi imizi yabwo ni ubugome. icyo cyubahiro cy’ubwirasi wiha gituma uvuga ko udakeneye Imana. Uki bonamo ko wishoboye wiyobora, ibyo ni bibi ka ndi ni kizira imbera y’Imana, ntabyiza biri muri ibyo. Ubwirasi butuma wigizayo abandi, butuma obona ko abantu ntacyo bamaze kandi ukumva nta rukundo ubafitiye. Nta kintu Imana ikunda m’ubwirasi kandi ni ikinyuranyo n’ubushake bwa KRISTO, nta cyiza kiva mubwirasi uretse ikibi. Urabyumva mwana wanjye? Ni gute twahunga ubwirasi, Mana? Mukobwa wanjye ugomba guhunga ubwirasi, ubwirasi buhungire kure shaka kwicisha bugufi ibihe byose. Mukobwa wanjye nta mpamvu yo kwishyira hejuru ushaka ko abandi bakumenya niba ufite urukundo rwanjye.

Shakisha urukundo rwanjye kandi rukunyure, maze ibyifuzo byose byo gushakisha urukunda rw’abagukikije bizamirwa n’urukundo rwanjye rwuzura hose. Abantu bari hafi yawe wiringira ntabwo baguha ibyo ukeneye uretse nyewe Imana yawe, ni nyewe wahaza umutima ushonje.

Mfite ibisubizo by’umutima ushonje; natanga ibikenewe byose, ibyo abantu badashoboye gutanga. Ntabwo babishoboye nubwo bigaragara nkaho babishoboye. Ibyo umwana w’umuntu atanga niby’akanya gato ninjyewe utanga ibyuzuye nduzuza kandi ngahaza ibyifuzo by’imitima y’abana b’abantu. Muze kuri jyewe utanga ibikwiriye mu rukundo, mureke ubwirasi, ubwirasi ni imbaraga zica urukundo. Ubwirasi bukorera hanze y’urukundo kandi bwica buri wese ni cyaha cyambere kandi buyobora mumutima y’abantu, ubwirasi butuma abantu bashakisha inzira zose zitandukanye n’inzira z’Imana.

Abantu biyubaka, bakiteza imbere mu myanya bafite mu kazi, mu butunzi, no mu bushuti n’abandi bantu. Ibi nibigirwa mana kandi



ntabwo biva ku Mana kandi abameze batyo ntabwo bashakisha Imana mu bisubizo bashakisha, uretse mu kwiyubaka mubushake butari ubw'Imana kugirango bigaragaze nk'abakomeye imbere y'abandi. Imitima Icyiye bugufi niyo ishakisha Imana ku bw'ibisubizo n'ibyifuzo, bagashyira ku ruhande irari ry'ibintu bashakisha ngo biyerekanane. Igihe ushaka kwigwizaho ubutuzi cyagwa kwimenyekanisha mu isi, n'ubwo haba hari mubikorwa by'ivugabutumwa ni wowe uba urimo kwirwanirira kugira ngo umenyekane mu bakuri hafi ntabwo ari bwo bushake bwanjye. Ntibishoboka ko buba bwo.

Abana banjye bicishije bugufi baranshakisha buri muni kandi nkabasubiza. Niko nigisha kwizera Imana. Igihe abana banjye birwanirira bagatsinda, bagezaho bagatsindwa kuko sinaha umugisha abo bari kure y'ubushake bwanjye n'ubwo ibintu bisa neza mu maso yabo ni ukwibeshya. Nemera ko abana banjye batsindwa kugira ngo bamenye ko bankeneye.

Nshaka ko mba icyifuzo cy'imitima yabo n'igisubizo cy'ibyifuzo byabo, ibindi byose bizera ni ibinyoma gusa bivana abana banjye mu nzira yanjye. Nibyo aba ni abana birata bashakisha inzira zabo, ibingibi bitera kutanyurwa. Gushakashaka abana banjye barashakisha bagaheba ntibanyurwe bagahora bashaka ariko ntibamenye impamvu. Ni nnyewe impamvu, ni nnywe nzira y'ukuri inyura wose. Ndahaza nkuzuzza ibyifuzo by'umutima w'umuntu. Nta kindi nta wundi ukuraho inkomoko y'icyaha, ni umutima uhora ushakisha kunyurwa n'Imana. Ubwihebe ubwigunge no kutanyurwa nibyo biva mu bwirasi, birababaje kuko ntabikorera abana banjye. Ubwirasi icyaha kibi kitarimo urukundo, ukwicisha bugufi kugira urukundo, ntikwiyitaho ntabwo gusuzugura abandi, kwicisha bugufi gushyira abandi imbere kukabashyira hejuru, kwicisha bugufi ntabwo uvuga nabi cyangwa ibyo wishakiye.

Amagambo y'ubwirasi muri rusange ni imyitwarire itesha abandi agaciro. Ukwicisha bugufi nikwiza gucisha make ni ikiremwa cyiza ni urukundo n'umutima wakira abandi ni nk'Imana, ushakisha Imana. Ukwicisha bugufi ntiguhatira abandi kugendera ku bitekerezo byawe. Kwihatira kumva ibyo abandi batekereza, uku ni ukwicisha

bugufi burigihe uba uri inyuma utararikira imyanya y'imbere. Iyi niyo nzira yanjye, kwihangana ntiwirwanirire. Ukwicisha bugufi ni uburyo bw'urukundo ntigushyira agahato ku bandi, gutegereza igihe cyagenwe, kurakunda hejuru ya byose. Uwicisha bugufi yifuriza ibyiza abamukikije .

Ni ukubera iki ukwicisha bugufi ari kwiza kuri njye Mana? Ndishima igihe abana banjye bicishije bugufi imbere yanjye. Ni icyerekana ukunyubaha no kunyizera njyewe Mana yabo bashyira ibyiringiro byabo muri byose muri njye, mukubona ibyo bakeneye. Bikuramo kwiyizera mubyo bakeneye, no gushakisha ibisubizo muri bo. Ntabwo bagomba gukurikira ibyo imitima yabo ishaka ngo njyewe bandeke njyewe Mana yabo. Be kwibanda mugushakisha ibibanyura mu nzira ziri kure yanjye, inzira y'ukuri ni imwe njyewe Mana yabo.

Benshi barayobye bashakisha inzira zabo zitabazana hafi yanjye ngo bashakishye ubushaake bwanjye, ukuri kwanjye, icyerekezo cy'ubuzima bwabo. Abo bayobye bashakisha ibyo isi ivuga ngo nibyiza, bashaka: amafaranga, imyanya y'icyubahiro, no kunyurwa mu buryo bubi buri kure yanjye. Ni ukwibeshya gukabije. Si mvuze ngo ntimukore cyangwa ngo mubeho ahubwo ndavuga nti: mushake mbere ya byose ko mbayobora mu nzira mukwiriye kunyuramo muri iyi isi, ni mukurikira imigambi yanyu n'inzizi zanyu, ntabyivanzemo, ubwo muba mugendera kure y'ubushake bwanjye, mukabaho mwirekuriye umwanzi wanjye, kandi mukabaho mu byaha kubera ko mutari mu bushake bwanjye. Ubu ni ubwirasi no kwigomeka. Benshi babigenderamo. (IMIGANI 18:12, IMIGANI 29:23, MATAYO 23:12, YAKOBO 4:6, IMIGANI 8:13)

Nigute umuntu yaguma mu bushake bwawe Mana? Uku niko umuntu yaguma mu bushake bwanjye: ni ukunyihira wese wese nkayobora intambwe zawe buri muni usaba ko nkuyobora nk'umwana, uku niko kwizera k'umwana. Isi ifite ishusho y'uko iyo wihagije uba warageze ku buzima nyabwo, icyo ni ikinyoma cy'umwanzi wanjye, yayobeje iyi isi, icyo nicyo kinyoma. Abana banjye bashakisha ubuzima mu bitekerezo byabo nta narimwe bangisha inama njyewe umuremyi wabo, bakizera ko byose ari

byiza. Niba kigaragara ko ari cyiza kigomba kuba cyiza, ariko ni kibi kuko kibajyana kure y'inzira ifunganye. Njyewe ubwanjye ninjye mfite inzira nyakuri abana banjye bakwiriye kunyuramo kandi iyi nzira nyibaha buri muni. (YOHANA 5:30)

Niba abantu baba muri iyi isi bagomba gutegura ejo hazaza, icyo ni iki? Mwana wanjye, yego mube mu isi ariko natanga icyerekezo cyo guhitamo ejo hazaza. Abana banjye nibanshaka, ibihe bimwe igisubizo ni yego, shikama utegereze. Abana banjye gusa bari kumwe nanjye bagendana nanjye buri gihe nibo bazahishurirwa ibi. Iyo abana banjye bari kure yanjye, bakaza kunshakisha rimwe na rimwe, ibi si nabihira umugisha. Ntabwo ndi Mana washaka rimwe na rimwe, uko niko benshi babyizera. Benshi baza mu gihe cy'ibibazo barangiza bakanyibagirwa abo ntabwo banzi, ndi Imana ikunda gusabana n'abana banjye. Ibi ni bibi kuri njye. Akazuyazi ndabiruka. (LUKA 7:21-23) ntabwo ari buri wese uvuga ngo mwami mwami, ati twahanuraga mu izina ryawe? Nti twirukanaga abadayimoni mu izina ryawe? Nti twakoraga ibitangaza mu izina ryawe? Kandi nzababwira nti: si nigeze kubamenya mumve imbere mwa bivume mwe.

## **IGICE CYA KABIRI: NTUKIYIZERE CYANGWA NGO WIZERE ABANDI**

None mukobwo wanjye reka dutangire. Uyu munsu ndashaka ko tunganira ku bibazo bijyanye no kwiyizera. Kubaho wiyizera, kuba nyamwigendaho, kubaho wikunda ni umuco mubi. Bitezwa imbere ni imikorere y'isi bigatizwa imbaraga n'umwanzi wanjye.

Kuba nyamwigendaho ni ubusa uretse kwishyira imbere y'Imana. Ni ukugendera mu bushake bwawe uhunga ubushake bwanjye. Mu gihe abantu bakoze ibyo bihitiyemo nta kunshakisha mubusabane nanjye, bagenda bahunga ubushake bwanjye, babaho mu cyaha ni ukwigomeka kuri njye. Ndashaka ko abana banjye bagendera mu bushake bwanjye. Rimwe na rimwe ubushake bwanjye ntibugaragara neza ugereranije nibyo isi ihuriyeho. Isi iravuga: mushake amafaranga, ubutunzi umutekano, igikundiro. Ubushake bwanjye ntibuhuje ni ibyo isi yita ko ari byiza. Bigaragara ko bitandukanye ariko ubushake bwanjye burakomeye.

Naremye abantu mbaremeye kunyizera. Kandi bakagendera mu bushake bwanjye. Kugendera mu bushake bwanjye ugomba gushyira ubuzima bwawe imbere yanjye, mu kwicisha bugufi no kunshakisha buri munsu. Abo banshakisha by'ukuri, bitanga ku bwanjye, basabana nanjye ahantu hiherereye, kandi basoma ijambo ryanjye, bayoborwa n'ubushake bwanjye. Ibi bisaba amahitamo, kubera ko ibirangaza by'isi bishobora kukuvana mu nzira igorotse ifunganye rwose. Hari inzira zindi kandi nyinshi wacamo ariko zakwangiza kuko ni inzira ijya mu irimbukiro ari nini ariko abayinyuramo ni benshi. Bake babona ya nzira ifunganye, kuri njye ni ubuzima bw'iteka. Benshi batekereza ko baca mu nzira ifunganye ariko barayobye kuko bumva abandi bayobye.

Benshi mu bayobozi banjye barayobye bayobya n'abandi kubera ko bizera ko gukora byinshi no guhungira mu nsengeru ari inzira y'umutekano, ariko uku ni ukuyoba. Ni ugusabana nanjye byonyine no kumenya by'ukuri, kumarana igihe nanjye mukumenya. Uru nirwo rufunguzo rwo kwinjira mu mutekano wanjye uhoraho (ZABURI 91:1). Umubiri ugaburirwa mu rusengeru ariko uwo mubiri

ntabwo ukora neza uretse kugaburirwa ni ibyo ntanga mu mwiherero, ni igihe utanga mu gushakisha kumenya. Aha niho umubiri wubakwa by'ukuri aha niho ntangira ubushake bwanjye n'amagambo ku ntama zanjye bikabakomeza mu kwihanganira ibyo umwanzi abatera nk'ibibazo.

Ni mu busabane nanjye kugira ngo wihangane mu bibazo by'ubu buzima. N'ubicamo wenyine uzageragezwa maze utsindwe, kuko ntabwo uzi ibyo nshaka uretse nyewe gusa nijye mucamanza wanyuma kuri bose. Ni gute witeguye kuzarebana nanjye mugihe cy'urubanza niba utaranyegera ngo umenye ibyo nshaka n'ubushake bwanjye kuri wowe . Ni uza imbere yanjye tutaragiranye ubusabane uzaba ufite ubusa, kubera ko wizeye ibyiyumvo byawe, ibitekerezo, ubushake, kandi ugahita ugwa vuba, uzatakaza amanota (ABAROMA 14:12). Ntukayobe benshi bitwa ngo ni abayobozi banjye ariko ntibamarana nanjye igihe kandi ntibakorera mu bushake bwanjye. Kandi bameze nk'impumyi iyobora indi mpumyi bagana mu irimbukiro. Benshi bazatangazwa n'uburyo bayobejwe kuko bizeye abo ngabo batanzi nabo ubwabo bayobye . Ntushobora kwizera ibisa neza byo mu isi, mugomba kunyaha. Mumpe ibyanyu byose munshakishe n'imitima yanyu yose ibyo nibyo nshaka.

Ijambo ryanjye rivuga uku kuri, murisome neza mwirebere. Abayobozi banjye bakunda isi n'ibyo ikora, none bahindura ubusobanuro bw'amagambo yanjye, kugira ngo byumvikane neza mu kubivanga n'ibyi isi. Isi ni umwanzi wanjye, soma ijambo ryanjye. Ukuri ntikwihisha ntabwo wakunda isi nanjye. Ibi narabisobanuye rwose, muri mu isi ariko mugomba kunkurikira mu nzira zanjye mukiri mu isi (YAKOBO 4:4).

Hari ibintu bituma muhunga mu mpande zose bigatuma mudashaka ubusabane nanjye. Mugomba kwifuza kumarana igihe nanjye kuruta ibibarangaza by'isi. Muturije mu bidafite umumaro, ni ubusa nimuturiza mu bintu by'isi mukibagirwa urukundo rw'umuremyi w'ubuzima, umuremyi wanyu, umuremyi w'inyenyeri n'ijuru. ABAHEBURAYO 10:38-39 .....

Ntukirengagize kugendana nanjye by'iteka ryosebihebuje, umuremyi n'umufasha w'ubuzima bwose, kubera iby'isi bidafite agaciro, ibyo mushakisha mu isi ni ubusa, uretse urupfu. Mushakisha iherezo ryanyu mwizera ko mwakwishakira inzira, mwizera ngo mpa umugisha ibyemezo byanyu, ntabwo muramenya neza, iyaba mwari munzi mwari gukora ibitandukanye n'ibyo. Murayobywa ni inzira z'isi n'umwanzi wanjye. Abashakaho mwiyizera kundusha. Ibi sinshobora kubiha umugisha. Rero abana banjye bakibaza impamvu bagwa mu bibazo by'iyi isi. Ikiyoma kinini cy'umwanzi wanjye ni uko wibwira ko byose ari byiza, mugihe ujya kure y'ubusabane nanjye. Iki nicyo kinyoma gikomeme kiruta byose. Byose bisa neza, ariko nimunyitegereza duhuye nzababwira nti nimumve imbere mwa nkozi z'ibibi mwe sinigeze kubamenya.

MATAYO 7:21.....

Benshi bazabwira kuri uwo munsu mwami, mwami, ntitwahanuraga mu izina ryawe, ntitwirukanye abadayimoni mu izina ryawe, ntitwakoze ibitangaza mu izina ryawe, nzababwira nti ni mumve imbere mwa nkozi z'ibibi mwe. Yego iri ni ijamba ryanjye, sinabaremeye kugendera kure yanjye no kwishakira inzira zanyu mutambajije. Yego mushobora gukora ibyo kuko mwisanzuye, ariko ntabwo muri mu bushake bwanjye, kandi ubwo muri kunshumuraho. Abana banjye mbaha ubwisanzure kugira ngo bashakishye mu kwiherera bizera aho mbayobora cyangwa bakangendera kure. Mugihe abana banjye bagendeye kure y'ubushake bwanjye, bashakisha iby'imigambi yabo baba barwanya imigambi y'ubwami bwanjye, kandi ibi ni bibi. Bibazanira kwangirika batazi, kuko bizera ko babaho mu buzima butarimo imigambi yanjye. Basigara bifunguriye umwanzi. Bana, uretse nyewe ntabwo mwakira imigambi y'umwanzi. Ntimukitekereze nk'abanyabwenge muri ubusa mu gihe muri kure ya njye.

Kubera iki mwiga ko abafite kwizera nk'ukwabana aribo bazabona ubwami bw'ijuru? Kuko abana buri gihe babona ko bankeneye, nk'uko umwana buri gihe ashakisha umubyeyi we. Umwana azi ko ari kure y'umubyeyi we ko yahura n'ibibazo. Nk'uko abana banjye bazi neza ko nabo bari kure yanjye bahura n'ibibazo, bakizera

ijambo ryanjye. Niyo mpamvu nsaba abana banjye, kumara igihe mu ijambo ryanjye aho bakura amakuru yose. Ibisubizo by'ubu buzima byose biri mu gitabo cyanjye. Natanze iki gitabo (Bibiliya) nk'umuyoboro wanjye.

Umwuka wanjye agaragaza ukuri mu byanditswe. Uretse mu kunyiha no kwakira umwuka wanjye kurugero rwuzuye nibwo muzamenya ijambo by'ukuri. Ntabwo ari inyigisho z'abantu uretse ku bw'umwuka wanjye nibwo amagambo yanjye akora mu mitima y'abantu. Uretse umwuka wanjye nibwo mwamurikirwa n'ijambo ry'ubuzima riri mu gitabo cyanjye. MATAYO 18:4...

1 ABAKORINTO 2 :11-14....

Isi ubu yuzuye ikinyoma.ntimushukwe n'ikinyoma cyubatswe n'umwanzi wanjye.arabashakaho kwizera amakuru mubona buri munsu aribyo kwizera ibintu by'iyi isi. Mwizera byose mukandeka njye utanga ubuzima mwizera amafaranga, amashuri, umutekano w'isi, ubuyobozi, ni umutekano w'ikinyoma n'ubufasha bw'ikinyoma. Iki ni ikinyoma cyo hejuru kijyana abana banjye kure yanjye, abana banjye bagahuzagurika mu kunyizera, bangarukira gake bagasubira mu bindi. Ubu ntabwo ari ubusabane bwanjye.

Yego muri mu busabane n'isi n'ibyifuzo byanyu ariko tutari kumwe. Mukeneye kunzaho, ibyanyu byose mukabinshyira mu maboko. Mu by'ukuri ntimushobora kumenya kugeza igihe mushyiriye umutekano w'isi ku ruhande munzaho gushakisha ubusabane nanjye. icyo aricyo cyose atari ubusabane nanjye ni akazuyazi. Benshi bazatungurwa mugihe bazambona bakamenya ko kubyina n'isi no kumarana nanjye akanya gato, bizababuza kugera mu bwami bwanjye benshi bazatungurwa (IBYAHISHUWE 3:16).

Niki nshaka kandi ntegereje iki ku bana banjye? Ndashaka ubuzima bwabo.ndabushaka bwose mu kunyiha.kubyina n'isi ukongera ukabyina nanjye ni icyaha, musome ijambo ryanjye. Oh, benshi basoma ijambo ryanjye bavanamo ibyo bashakira kugira ngo bishimishe mu isi, kandi bagakomeza bibwira ko bazinjira mu bwami bwanjye ubuzima bwabo ni burangira. Biratangaje ko abo ngabo

bamenya ko nakira abanyihaye bose. Ugushaka kwabo k'ubukire, kumenyekana, ubutunzi, byose ni ubusa uretse kukubuza kwinjira mu bwami bwanjye . Ubushake bwabo na gahunda zabo z'ejo hazaza byabashyize mu nzira itari mu bushake bwanjye no kure y'imigambi mbafitiye-ubuzima nabaremeye nyobora. Oh, nibyo nta n'umwe uhumeka cyangwa ngo abeho, umunsi, ku munsi, uretse mbitegetse. Niyo mpamvu abana banjye batagomba kwizera cyane imigambi yabo iri kure y'ubushake na gahunda mfitiye ubuzima bwabo. Njyana ubuzima nshatse. Nta muntu wabaho ntabyemeye Ndatanga kandi nkaka uko bikwiriye niyo mpamvu ari, ubwibone buhambaye n'ubugoryi kandi ni bibi. Ni inzira y'umwanzi wanjye ayobora intama zanjye mu nzira yo kurimbuka, mu bigaragara neza ni ikinyoma cy'umwanzi kubeshya benshi (YOBU 12:10), (ZABURI 104:29).



## **IGICE CYA GATATU: UMWITOZO MU KWICISHA BUGUFI**

Mukobwa wanjye niteguye kuguha amgambo, umva neza ibyo ngiye ku kubwira.ubu ndashaka kujya ku makuru mashyashya, ndashaka kuvuga ku mwitoto wo kwicisha bugufi. Iyi ni nzira y'abicishije bugufi, umutima uhora ucecetse mu kwicisha bugufi niwo wanjye, bagenda bacecetse badashakisha ibyubahiro baranshakisha mu nzira zose. Bahora bashakisha Imana yabo. Ntibashakisha ko aribo bibandwaho, ntibashakisha kwitabwaho cyangwa kumenyekana. Bifuza gukundwa no kwitabwaho nanjye Mana yabo. Baranyizera kandi nkabitaho. Mbaha ibyo biringira, mbaha ibyo bakeneye, mbazaniraibyo bakeneye byose, kugira ngo babeho. Ndi urutare rwabo. Ndi umwizerwa ku bagaragu banjye bicisha bugufi. Mbazanira amahoro no gutuza muri buri kibazo. Buri gihe mba ndi hafi yabo, mbana nabo nshaka kubagirira neza. Nkunda abagaragu banjye bicisha bugufi. Ni ab'agaciro kuri njye, barankunda nanjye ndabakunda, ntawe ushobora kudutandukanya. Ndi umwuka wabo bararabagirana nk'inyenyeri. Ntibashakisha inzira z'isi ndabanyuze isi ntacyo bayitezeho. Banshakishaho kunyurwa kandi mbaha ibyo bifuza. Ubu benshi bacitse intege nibake banyura muri iyi nzira, nibake bayivumbura. Abayibona baba babonye inzira yo mubwami wanjye buhora (1 PETERO 5:6).

Abagaragu banjye bicishije bugufi buri gihe bumva ijwi ryanjye. Bagenda mu gihe mbibasabye, kandi bankorera mugihe mbakeneye n'umutima wishimye. Bakunda gukorera mu bwami wanjye. Banyuzwe nogukorera umwami wabo nkabazanira umunezero n'amahoro. Urukundo rwanjye rusakara muribo, ntacyo bakena.

Kwicisha bugufi ugomba kwishyira mu myanya y'inyuma utifuza uwimbere. Ni ubwenge kuba inyuma Atari imbere, ariko mu bwami wanjye nibo batware n'abayobozi. Bashyizwe hejuru mu bwami wanjye. Nubaha abanjye bicishije bugufi, bicarana nanjye ku ntebe yo hejuru kubera ko bampaye ubuzima bwabo bakiri mu isi. Aba baranshakisha nkabaha amahoro ahoraho (MARIKO 10:31).

Ngendana n'abicishije bugufi nkabigaragariza. Iki ni igihembo cy'ubwitange bwabo. Mbega impumuro nziza y'urukundo rwabo kuri nje, kandi nzabubaha. Kwicisha bugufi ni inzira y'ubwami bw'Imana. Buri muntu mu bwami bwanjye yuzuye kwicisha bugufi. Ubwibone ntibushobora kwinjirayo ntibufite umwanya mu bwami bwanjyeuretse kwitanga kuri nje Imana mu mahoro. Ubu ni ubwami bwanjye, bwuzuye kwicisha bugufi mu mutuzo aho buri muntu anyuzwe n'ubwiza busesekara (1 YOHANA 2:16).

## IGICE CYA KANE: KWIZERA IMANA

Reka dutangire mukobwa wajye (Gashyantare, 7, 2012). Uyu muni mwana wanjye tugiye gutangira ikigisho gishyashya. Ndashaka kukubwira ku bijyanye no kwizera imana. Abana banjye ntabwo banyizera. Bibwira ko bizera ariko imitima yabo imba kure, bariyizera ubwabo, ibyo ni bibi. Bizera isi n'ibyayo.

Ntibagendera mu nzira zanjye kubera ko batanyizera. Iyaba banyizera bagendeye mu nzira yanjye, mu bushake bwanjye, mu nzira zanjye zitunganye. Bashaka ikindi cyerekezo cyo kujyamo, bakajya mu zindi nzira. Bashakisha isi mu gusubizwa kwabo, mu mafaranga, kumenyekana, mu butunzi, umutekano, kwinezeza, imyidagaduro.... Aho kunshakisha njyewe Mana yabo. Babaho mu kinyoma iyo bavuze ngo baranyizera bagashakisha ibisubizo mu isi. Ni ikinyoma ni ibinyoma gusa. Mwizere Imana, niko bavuga ariko nta bwo bampaye ubuzima bwabo bwose. Bagakomeza kugundira isi kubw'ibisubizo byabo, bakabaho mu kinyoma bo ubwabo batabona.

Yego abana banjye mbaha umugisha ku bwinshi, ngusha imvura ku babi n'abeza, bagakomeza mu busambanyi n'isi. Iki ni ikizira. Nifuza abana bampa ubuzima bwose, bagashyira ibyiringiro byabo byose muri nje, bagashyira imigambi yabo ku ruhande, bizerera mu bushake bwanjye, kubw'ubuzima bwabo. Ntabwo bakeneye guhatana no guhangayikira ejo hazaza niba bari mu bushake bwanjye. Sinshobora kugaburira ibiguruka? Ni kangaha nita ku bana banjye bampaye ibyabo byose kandi bakanyizera by'ukuri ? (MATAYO 5:44, ZABURI 4:5).

Ndi Imana yo kwizerwa, nta rundi rutare, ibindi byose ni umusenyi. Ndi Imana y'ibihe, ndi Alufa na Omega, intangiriro n'iherezo, ndi uwo kwizerwa. Kubera iki mutakaza igihe cyanyu muhangayikira imigambi yanyu? Nta n'umwe wamenya ikiri bube mu isaha ikurikira. Imigambi yarangira mu gihe gito. Kuki muyigundira nk'aho yabakiza nk'aho yabatunga. Mu by'ukuri ni nko gusenga ibigirwamana (MATAYO 7:26).

Mureke kugundira imigambi yanyu mibi. Mumpe ubuzima bwanyu bwose. Nijye jyenye uzi ejo hazaza hanyu. Nijye uzi ibyo nzakora ejo. Ibyiringiro n'inzozi byanyu hanze y'ubushake bwanjye bizabayobora mu irimbukiro, kubera ko abari mu bushake bwanjye gusa banyihaye buzuye nibo barinzwe by'ukuri. Abo bagendera kure y'ubushake bwanjye mu bwigomeke bwabo ntabwo batera imbere mu mutekano. Ibi nibyo bana banjye. Mukanguke mureke kwizerera mu kwigomeka, mwizere Imana yanyu.

Nijye nzira igana mu irembo rifunganye. Ntimukabeshywe muvugana ngo mushobora kubonera iyi nzira kure yanjye...ubwo ni ubugoryi. Bake babona iyi nzira kuko bareka kugundira inzira zabo. Abana banjye batekereza ko inzira zabo ari nziza kubera ko ababakikije ariho bagana, ariko inzira ijya mu irimbukiro ni nini. Ntukizere benshi bagukikije, barayobye. Ntabwo ubibona? Kuki mutumva ibijyanye n'ibi bana banjye? (MATAYO 7:13-14).

Rero ni munyizere ndi uwo kwizerwa. Ijambo ryanjye ntirijya ritsindwa, musome igitabo cyanjye. Mbohora abo bashaka kubohorwa. Ndi Imana ibohora abo banyitangira bicishije bugufi n'imitima imenetse. None nimuze mubohorwe kandi mwizere Imana yanyu.

## IGICE CYA GATANU: KUBABARIRA

Reka twongere dutangire (GASHYANTARE, 7, 2012). Ubu ndashaka kuvuga kubijyanye n'imbabazi. Bana ndashaka kubabwira, ikijyanye n'iki kintu cyo kubabarira. Abana banjye ntibabarira, hagati yabo, mu mitima huzuye inzika. Sinshobora kubabarira abo batababarira. Birumvikana? Nigute nshobora kubabarira niba mwebwe uwanyu mutababarira ababegereye? Ijambo ryanjye ntiribivuga? Kubabarira ni urukundo. Kutababarira biganisha k'uburyo bwose bw'ibyaha: ubusharire, kwihora, guciraho abandi iteka, n'ibindi... Bibazanira icyuho cy'inzira y'umwanzi kugirango yinjire abarimbure. Ibi bibashyira mu buryo bwo kutanyegera, mu busabane nanjye, Imana yanyu, bigatuma mutakira umwuka wanjye. Ibi ni ukuri.

(MATAYO 6:14). Kuko nimubabarira abantu ibyaha byabo, na So wo mu ijuru azabababarira namwe, ariko nimutababarira abantu, na So na we ntazabababarira ibyaha byanyu.

Niba mutababarira, ntabwo mwiteguye kugaruka kwanjye kuri hafi. Ibi bizabasubiza inyuma. Biradutandukanya.

Nimusige uku kutababarira inyuma. Mubabarirane. Mushyire uburakari buri hagati yanyu hasi. N'iki wunguka mu gihe ubikiye undi uburakari? Uravunika kurusha uwo urakariye. Ntabyo mubona? Agakiza k'iteka ryose kangana no kugirira abandi inzika?

(MARIKO 11:25). Ariko nimuhagarara musenga hakaba hari umuntu wabagiriye nabi, mumubabarire kugirango So wo mu ijuru na we abababarire ibyaha byanyu.

Mugomba gushakisha mu mitima yanyu mwibaza iki kibazo. N'iki kirenze kuba watakaza ubugingo buhoraho hejuru y'amakimbirane? Tera intambwe ubabarire urumva igicu kirabura kikuvuyeho. N'ubwo abandi batakubabarira, basengere, yego musengere abanzi banyu. Basengere n'umutima w'ukuri nzoroshya umutima wawe ku banzi bawe. Nzaguha umutima umenetse.

Nigute wategereza ko abo batagendera mu nzira zanjye n’abo batagira umwuka wanjye kugufata nkaho babikora. Mugomba kwerekana kwihangana, impuhwe, mukihanganira abo bataramenya. Ntibishoboka kuri abo batanzi by’ukuri kwitwara nk’abanzi. Ibi ntabyo ubona? Ntabwo watekereza ibingibi kuri abo bagendera kure.

(MATAYO 5:44-45). Ariko jyeweho ndababwira nti “Mukunde abanzi banyu, musabire ababarenganya, ni bwo muzaba abana ba so wo mu ijuru, kuko ateguka izuba rye kurasira ababi n’abeza, kandi abakiranuka n’abakiranirwa abavubira imvura”.

Isi itekereza ko ishobora kubaho itari kumwe n’Imana yayo. Iribeshya cyane. Uretse nje ushobora gufata ibintu byose hamwe. Nijye njyenyine ushobora kuzana inzira y’ukuri, ku bantu. Iyi Isi, inyigizayo, ibaho mu cyerekezo k’ikinyoma no kuyobywa kubi. Byose byabaye bibi cyane.

Nta kuri kurimo, ni uguhinyuza no kuyobya byonyine. Uretse inzira zanjye z’ukuri, abantu baba mu kinyoma na ruswa. Nta kintu cyangwa umuntu wo kwizerwa, uretse umugeni wanjye uguma ku isi akagendera mu bushake bwanjye, no munzira igororotse ishikamye mu kuri konyine. Abandi bese bibanda mu nzira y’ikibi-ihungabanye mu nzira zayo zose.

Vuba umugeni wanjye arazamurwa isi icure umwijima uziganza ahantu hose, uyu muni uregereje. Kubabarira: ni urufunguzo rwo gushyiraho inzira yo kungarukira. Babarira buri wese. Nta kutababarira wagereranya no gutakaza ubugingo bwawe kuri ibyo.

(LUKA 6:37). “Kandi ntimugacire abandi urubanza mu mitima yanyu kugirango namwe mutazarucirwa, kandi ntimugatsindishe namwe mutazatsindishwa. Mubabarire abandi namwe muzababarigwa”.

Mukobwa, uyu ni umwami wawe ukubwira. Reka dutangire: Ubu ndashaka gutanga amabwiriza yo kubana n’abandi.

Benshi cyane ntabwo bahana agaciro-kwihangana guke, no kubahana guke. Ibi byose bibayobora mu guhatana. Bituma

utanyurwa, ukaba mu maganya. Abana banjye barikunda. Bumva bashaka kuba abambere muri byose, ntabwo bita ku byifuzo by'abandi. Ntabwo bashyigikira mu gufasha abandi. Ibi bibajyana mu mpaka n'umujinya.

Bana mbabazwa n'ibi, inkomoko y'ibibazo ni ukwiyitaho kwabo. Ibi byose biva mu kubura kwicisha bugufi.

(IMIGANI 15:33). Kubaha uwiteka ni ko kwigisha ubwenge, kandi kwicisha bugufi kubanziriza icyubahiro.

Uretse uwo mutima ubohotse niwo ushobora kubana n'abandi. Mugomba gushyira hasi ibyifuzo byanyu kugira ngo ababakikije nabo babone ibyo bakeneye. Ibi bisaba kwicara ku mwanya w'inyuma kuri abo babakikije. Iyi ni inzira y'abicishije bugufi, itanga imbuto arizo: amahoro, kunyurwa n'ibyiza bigukikije. Bake nibo bagenda muri iyi nzira. Bake bavumbura uku kuri. Ariko inzira yanjye ni iy'amahoro. Ntanga aya mategeko kubw'ubuzima kugira ngo abana banjye babeho mu mahoro no kunyurwa, ariko bihitiramo inzira yabo, bikabaviramo guhatana no kutanyurwa.

Bazamenya ryari ko inzira yanjye ariyo nzira yo kugendwa? Nzi byose, nzi uburyo abana banjye babaho hamwe neza. Ndatanga amategeko n'amabwiriza yo kuyobora abana banjye mungo z'amahoro no mu mudendezo. Ibi rwose birasaba ko abana banjye bareka inzira zabo n'ibyifuzo byabo bagakurikira amategeko yanjye.

(ZABURI 34:14). Va mu byaha ujye ukora ibyiza, ujye ushaka amahoro uyakurikire, kugira ngo uyashikire.

Amahitamo yo kwikunda avamo ingo zitanezerewe. Reka nyobore urugo rwanyu....Reka nganze mu imitima yanyu. Inzira yanjye iratuje, amahoro, urukundo. Nzazana urugo rwanyu mu mahoro aho nageneye abana banjye. Mumpe imitima yanyu mubishaka nzayishyiramo amahoro.

Urugo rwanyu nzarwuzuzura urukundo no kubaho mu mahoro. Mugendere mu nzira zo kunyurwa no kwicisha bugufi, kandi kwita

ku bandi bizana imbuto z'umunezero. Mureke nyobore m'ungu zanyu nzahita nzana urugo rw'ibyiza n'umunezero.



## **IGICE CYA GATANDATU : MUBE MU ISI ARIKO NTIMUBE AB'ISI**

Reka dutangire. Ndashaka kukubwira ku bijyanye no kuba mu isi. Bana banjye mube mu isi ariko ntimugashake kuba ab'isi. Isi ni umwanzi kuri njye. Ndambiwe n'ibyaha by'indengakamere.

Bana birashoboka ko mwagendera mu isi ariko ntimugendere mu bintu byayo. Isi ibayobora mu nzira ibagusha yo kubangiriza imitima.

(YAKOBO 4:4). Yemwe basambanyi, namwe basambanyikazi, ntimuzi yuko ubucuti y'iby'isi, aba yihinduye umwanzi w'Imana.

Ni njye soko yonyine y'ubuzima, amahoro n'umutuzo. Ntimugahindukirire isi ngo ibayobore, uretse ko yabayobya. Mugomba kungarukira kugira ngo mbayobore. Mungundire muri iyi saha y'ingenzi, mfite ibisubizo byanyu byose. Ndashaka kubarinda umubabaro n'agahinda, mugomba kumpindurira ubuzima bwanyu mu buryo bwuzuye-Nibwo buryo bwonyine bwo kubakira nkabakiza. Wagenda mu isi neza ariko iby'isi ntibigushishikaze, ariko murankeneye ngo mbagende iruhande. Nabakura mu bihora bibakurura by'isi bibajyana kure yanjye.

Ndashaka ko munyibandaho. Mumpange amaso njye mucunguzi wanyu. Ninjye gihome kibakingira, izindi nzira zose zijyana mu irimbukiro. Ntimubeshywe ngo mumvaneho amaso. Ntanga ibyiringiro mu isi itanga ubusa.Oh, birasa nk'ibyho kwiringirwa,ariko ibimeze nk'aho ari byo birabeshya.

(ZABURI 25:15). Amaso yanjye ahora yerekeye ku Uwiteka, kuko azakura ibirenge byanjye mu kigoyi.

Aya ni amasaha yanyuma, isi iri mu bihe by'imperuka, isi yigaragaza nk'aho ari nzima ariko byose siko biri-iragana mu nzira y'irimbukiro.

Benshi bazamenya ibi igihe cyarenze, mufungure amaso yanyu. Isi itanga ibyiringiro by'ibinyoma. Reka nkuyobore. Mpa ubuzima bwawe ndafungura amaso y'umwuka wera kandi nkugire mushya kandi ubone inzira y'ibintu by'ukuri uko biri, noneho ubone ukuri nyako. Umwuka wanjye wonyine niwo ushobora kugufungura amaso yo mu mwuka akagufasha kwakira iri hindurwa.

Tanga ubuzima bwawe, umutima, umwuka, ubugingo, noneho nguhe uburyo ukeneye bwo kunyura mu isi neza.

(IBYAHISHUWE 3:18). “Dore ndakugira inama: unguheho izahabu yatunganirijwe mu ruganda ubone uko uba umutunzi, kandi unguheho n'imyenda yera kugirango wambare isoni z'ubwambure bwawe zitagaragara, kandi unguheho umuti wo gusiga ku maso yawe kugira ngo uhumuke”.

## IGICE CYA KARINDWI : IZAMURWA N'UBUKWE BW'UMWANA W'INTAMA

Reka dutangire. Aya magambo ni ay'uzayakira wese: Uyumunsi ndashaka kukubwira ku bijyanye niki gihe kiraje vuba. Abenshi ntibiteguye. Barandwanya bakagundira isi. Barashaka kugendera mu munzira z'isi. Bajarajara hirya no hino ntibite kumabwiriza mbaha....Vuba amabwiriza aruzuzwa ngomba kuza kandi itorero ryanjye rigomba kuvanwaho. Riri buvanweho mukanya gato.

(DANIYELI 12:4). « Nuko Daniyeli, bumba igitabo ugifatanishe ikimenyetso kugeza igihe cy'imperuka, benshi bazajarajara hirya no hino kandi ubenge buzagwira ».

Ibimuranga ntabwo bizwi mu isi. Azwi neza. Ndamufite n'ibye byose kuburyo bwuzuye. Umucyo wanjye muriwe urarabagirana, niwe mucyo wanyuma. Igihe ni gito kandi vuba uwo mucyo uzashira. Intumwa zanjye zibaho neza mu rugo rwo mu ijuru bavuye muri iyi isi. Iki gikorwa cy'izamurwa kizaba igikorwa kinini ikurwamo ry'abana banjye biteguye. Nta kintu nk'icyo kigeze kibaho mu mateka y'umwana w'umuntu. Ntabwo hazigera habaho ikintu nk'icyo mbere cyagwa nyuma. Ni ukwimurwa gutangaje mu bihe byose. Abana banyje bazagenda mukanya gato bambikwe imibiri mishya. Iyo mibiri izaba indasanzwe kandi y'iteka ryose. Bazambikwa imibiri y'icyubahiro nk'iyacu. Ndi imbuto y'ibanze. Aba bana bazagira ubuzima batigeze bagira, ubuzima bw'icyubahiro buhoraho.

(1 ABAKORINTO 15:51-54). Dore mbamenere ibanga: ntituzasinzira twese, ahubwo twese tuzahindurwa, mu kanya gato, ndetse mu kanya nk'ako guhumbya, ubwo impanda y'imperuka izavuga. Impanda izavuga koko, abapfuye bazurwe ubutazongerwa kubora natwe duhindurwe, kuko uyu mubiri ubora ukwiye kuzambikwa kutabora, kandi uyu mubiri upfa ukwiriye kuzambikwa kudapfa. Ariko uyu ubora numara kwambikwa kutabora, n'uyu upfa ukambikwa kudapfa, ni bwo hazasohora rya jambo ryanditswe ngo «Urupfu rumizwe no kunesha. »

Aho abana banjye bazaba hari ibintu byiza cyane. Reka mbabwire bike: Abana banjye nibahagera bazasanganirwa n'ababo; inshuti n'abavandimwe bari mu ijuru. Nzaba mpari. Kizaba ari igihe cy'ibyishimo. Mbega impano yo kuguhuza n'abo wabuze..... Abana banjye rero bazahita bajyanwa muri bwa bukwe bw'umwana w'intama. Nzaba mpari muri icyo gikorwa.

(IBYAHISHUWE 19:9). Arambwira ati « Andika uti « Hahirwa abatowe ubukwe bw'Umwana w'Intama » kandi ati « Ayo ni amagambo u'ukuri kw'Imana ».

Ameza yuzuye yarateguwe: Buri kimwe gikenewe cyarateguwe. Ibijyanye n'ibi by'izamurwa bizaba bitangaje. Abana banjye bazaba bicaye ku ntebe zanditsweho amazina yabo na zahabu. Buri mwanya wose uzaba ufite ibikoresho by'izahabu. Hazaba hari amasahani ya zahabu. Ibitambaro by'ameza bizaba bikoze mu ndodo za zahabu.

Umucyo uzaba urabagirana mu mirasire. Ibikombe bizaba ari izahabu. Buri mwanya wose uzaba urimo impano Imana yamuteguriye. Iyo mpano izaba ari ikintu kinyibutsa imigenderanire yanjye n'uwo mwana. Buri mpano yose izaba ifite igisobanuro cy'umwihariko kubera ibihe birebire nagiranye n'umwana. Hazaba hari ugutungurana gutangaje, kuri uwo munsu w'ubusabane bw'ubukwe bwanjye.

(MATAYO 22:2). Ubwami bwo mu ijuru bugereranywa n'Umwami wacyujije ubukwe bw'umwana we arongora, buri mwana azaba afite umumarayika murinzi. Ibyo kurya biri gutegurwa mu gikoni cyo mu ijuru, nta kintu kizaba kibuze. Ibyo kurya byose byo mu ijuru bizaba bihari, ibyo kurya byo mu isi bizwi n'ibyo mu ijuru mutazi. Ubwiza butavugwa buzaba buri kuri ayo meza.

Ameza yanjye azaba yuzuye umucyo: amabujy y'umucyo n'ibintu byiza. Abana banjye bazambara imyenda y'umucyo. Bazatanga imirasire y'umucyo itagira ibicucu.

(YAKOBO 1:17). Gutanga kose kwiza n'impano yose itunganye rwose ni byo biva mu ijuru, bimanuka bituruka kuri Se w'imicyo udahinduka, cyangwa ngo agire n'igicucu cyo guhinduka.

Nzatangiza ifunguro ku bana banjye. Nzaririmba amashimwe ye ku bw'ubwiza bwe kuri nje. Aho hazaba hari imbyino, n'imiziki, n'ibyishimo.

Umugeni wanjye azambona mu bwiza bwanjye bwose ndabagirana mu maso yabo. Ubwiza bwanjye buzaba burasa n'urukundo rwanjye rugera kuri bose. Data azaba areba ubwiza butangaje no kubyina kwinshi mu byishimo.

Nzabyinana n'umugeni wanjye kandi tuzaba umwe. Abana banjye bazabyina bagire ibyishimo. Imitima yose izishima. Nta n'umutima n'umwe uzababara. Iyi izaba isaha itangaje y'ubwiza n'urukundo.

Inuma zizura mu kirere. Zizajya ziguruka mu buryo bwo gushushanya ubutumwa ku mugeni wanjye azaba ari mu cyubahiro.

Umugeni wanjye nzamugaragaza ni impeta. Amazina yacu azaba yanditse kuri iyo mpeta.

Indabo z'amabara yose zizaba ziri hose. Amabara mashya n'asanzwe. Impumuro nziza izaba iri muri icyo kirere. Abana banjye bazazimirira muri ubwo bwiza. (LUKA 15:22). Ariko Se abwira abagaragu be ati "Mwihute muzane vuba umwenda uruta iyindi muwumwambike, mumwambike n'impeta ku rutoki n'inkweto mu birenge". Abamarayika banjye bazakwira mu kirere n'imbyino, indirimbo bavuzwa imiziki. Ibikoresho byo mu ijuru bizavuzwa umuziki. Inyenyeri zizavuga zizihiza umwana w'intama n'umugeni we. (YOBU 38:6-7). Imfatiro zayo zashinzwe ku ki? Cyangwa se ni nde washyizeho ibuye ryo mfuruka, igihe inyenyeri zo mu ruturuturu zaririmbiranaga, abana b'Imana bose bakarangurura ijwi ry'ibyishimo? Abo mu ijuru bose bazahurira hamwe bahimbaze ubukwe bw'umwana w'intama.

Buri wese azaririmba ahimbaza umwami kuko umugeni we yaje. Ariteguye reka ibyishimo bitangire.

(IBYAHISHUWE 19:7). Tunezerwe twishime, tuyihimbaze, kuko ubukwe bw'umwana w'Intama busohoye umugeni we akaba yiteguye.

Umwana w'intama uvanaho icyaha cy'isi ahuye n'umukunzi we mu bukwe bwera. Izina rye rirakomeye! Muhimbaze izina rye ryera ku abo mu ijuru mwese kuko yahuye n'umukunzi umutima we wishimiye.

(YOHANA 1:29). Bukeye bw'aho abona yesu aza aho ari aravuga ati "Nguyu umwana w'Intama w'Imana, ukuraho ibyaha by'abari mu isi"

Abana banjye bazekwa amazu yabo meza cyane. Oh! Mukobwa mbega ubwiza buhebuje. Ibyo amaso atigeze kureba n'ibyo amatwi atigeze kumva ibyo nibyo bitegereje umugeni wanjye w'icyubahiro unkunda.

(1 ABAKORINTO 2:9). Ariko nkuko byanditswe ngo "Ibyo ijisho ritigeze kureba,n'ibyo ugutwi kutigeze kumva, ibitigeze kwinjira mu mutima w'umuntu, ibyo byose Imana yabyiteguriye abayikunda ”.

Mukobwa, aya mazu meza azaba atangaje kuruta ikintu cyose isi yatanga. Nta kintu wagereranya n'ibintu by'agaciro biri mu bu biko bibikiwe umugeni wanjye. Izi ngo zizaba zijyanye n'uko umuntu yifuza. Nta nzu ebyiri zisa. Buri imwe itandukanye n'indi.

(YOHANA 14:2-3). Mu rugo rwa Data harimo amazu menshi: iyaba adahari mba mbabwiye, kuko ngiye kubategurira ahanyu. Kandi ubwo ngiye kubategurira ahanyu, nzagaruka mbajyane iwanjye, ngo aho ndi namwe muzabeyo.

Abana bazatangazwa n'ibyo bazabona muri buri nzu. Ibiri muri buri nzu bizatangaza nyirayo. Ku isi nta kintu cyasobanura ubwiza no gutakwa kw'aya mazu.

Ibirimo imbere biratangaje mu buryo butandukanye. Aya mazu meza arahari. Azajya abajyana aho bashaka mu buryo butangaje kugira ngo bishime.

Tuzasangira ibi bintu bishyashya hamwe. Buri rugo ruzaba rwuzuye urukundo no guseka. Irungu ntirizaba ikibazo mu ijuru. Nzaba ndikumwe n'abana banjye igihe cyose mu byishimo mu byiciro bitandukanye.

(ZABURI 36:8). Bazahazwa rwose n'umubyibuho wo mu nzu yawe, kandi uzabuhira ku ruzi rw'ibyishimo byawe.

Urukundo ruzaba ruzengurutse buri rugendo rwose. Guseka, urukundo n'ibyishimo nibyo bihembo byo muri izo ngo zihoraho, ibyishimo bitavugwa bihoraho.

Ibi ni umusogongerwa w'ibiri kuza. Abana banjye ntabwo bazi na gato ku bibategereje. Nta buryo ubwo ari bwo bwose wamenya ibigutegereje ugereranije n'ibiri ku isi. Uretse kubibona nibwo wabisobanura.

None bana banjye nimuze mwishimire ibyo mu bwami bwo mu ijuru buhoraho mu ngo z'umwihariko zateguwe mu rukundo kwakira umugeni wanjye.

(ZABURI 16:11). Uzamenyesha inzira y'ubugingo, imbere yawe ni ho hari ibyishimo byuzuye, mu kuboko kwawe kw'iburyo hari ibinezeza iteka ryose.

## **IGICE CYA MUNANI: MWITEGURIRE IZAMURWA**

Reka dutangire. Ubu mukobwa, iminsi igiye kuza imbere y'izamurwa hari byinshi mugomba kwitegura. Abana banjye tugomba kumarana igihe twiherereye ahantu hatuje, kugira ngo bamenye. Ndifuzako banyitaho tukaba hamwe. Ndashakagusangira umutima wanjye nabo. Ndashakako banyihana n'imitima yabo, ubuzima bwabo n'ibyo batunze mu isi mu buryo bwuzuye. (ZABURI 91:1).

Abana banjye bomatanye n'isi. Bizera ko isi ibafitiye byose. Iyi isi irimo ubukonje. Buri muntu yiyitayeho, nta n'umwe witaye ku wundi. Isi yahindutse imbwa irya indi. Buri muntu aba ashakacyo yakura ku wundi. Ni isi idafite ibyiringiro yuzuye umubabaro. Kandi abana banjye bagakomeza komatana nayo bizera ko ibafitiye ubuzima bwiza bw'ejo hazaza. Bari gukururwa n'abayobye bashyira imbere inzira zabo ziyobya.

Abana banjye bagomba kuva muri ubwo busa bakangarukira njye Mana yabo, yabaremwe, ifite ibisubizo by'ubuzima bwa none n'ubuzaza. Ndi Imana ikomeye y'ibyaremwe byose, ibiriho n'ibihumeka. Mfite imfunguzo z'ubuzima buhoraho. Muniye mu buryo bwose mbere y'uko nshyira mu bikorwa kugaruka kwanjye gukomeye mu isi, nkavanaho umugeni wanjye, nkamushyira ku ruhande, nkemera isi ikakira ibiyitegereje. (YOBU 12:10).

Ibi biri hafi. Kwitanga birakenewe kugira ngo ube umugeni wanjye, abana banjye bacunguwe. Nta vangura. Kwitanga nyakuri byemerera umwuka wanjye, kuza mu wawe kuwuvugurura no koza umutima wawe akagutwikiriza amaraso yanjye n'ubumenyi buva mu ijambo ryanjye. Ibi ni ngombwa mu kubohora ubugingo bwawe, kukuvanaho ibizinga, kukuvanaho iminkanyari, akakweza, kandi ukitegura kujyanwa aheza. Niba ushidikanya kuri ibi, soma ijambo ryanjye. (ABEFESO 5:25-27).

Musenge ku bw'uyu mwuka wera kugira ngo abuzure. Mushyire hasi ubuzima bwanyu, mwihane ibyaha byanyu. Mutangire kwiyiriza ubusa mwihana ibyaha byanyu mwakoze imbere yanjye, IMANA



yanyu yera! Nzabeza; nzabayobora ku kuri guhoraho mu nzira zanjye no mu bushake bwanjye.

Ubushake bwanyu buzabayobora mu kurimbuka. Ni ya nzira ngari ijambo ryanjye rivuga – Mu bushake bwanjye. Niyo nzira ifunganye nziza. Nzayibajyanamo. (MATAYO 7:13-14).

Ijambo ryanjye rizabayobora mu nzira y'umucyo. Izindi nzira zose ziyobora mu kurimbuka guhoraho. Muze mu mucyo, ubushake bwanjye. Mumpe ubuzima bwanyu. Mureke mbakize icyaha cya kera mbereke inzira ibayobora mu mudendezo hazira icyaha. (ZABURI 119:105).

Uko byamera kose icyaha kibagira imbata. Nababohora, ariko mugomba kubanza kwitanga, kwihana, mukemerako mushaka kukivamo kandi mukabikora mu kwihana n'imitima y'ukuri. Nzishimira kubabohora muri iki cyaha cyabagize imbata cyarabanize. Icyababoshye cyose nababohora. Nta kidashoboka kuri njye – Ntacyo! Naje kubohora imbohe mugomba kubisaba.

(LUKA 1:37).

Reka mbakize umutwaro. Mureke mbakureho umubabaro n'agahinda. Mureke mbaruhure nakire imibabaro yanyu. Mureke mbategurire kugaruka kwanjye guhebuje! Ibi byose n'ibyanyu – mwitange: Mushyire kure ibyifuzo byanyu by'isi noneho muze munyihe. Nzabaha amahoro arenze uko mwabyumva mugahita muba abera mu maso yanjye. Nabazana guhagararana najye mutanduye, DATA na MUKA WERA. (ABAFILIPU 4:7).

Uru rukundo ntabwo warugura. Ni ubuntu – Ni ubuntu kwakira – ni ubuntu gusaba. Mwihute kuko igihe ni kigufi cyo kurutanga, kandi igihe kiregereje cyo kugaruka kwanjye. Ntimitinde. Isaha ni iyi yo kwiyozza mu maraso yanjye kandi mwitegure. (1 YOHANA 1:7).

Reka dutangire, mukobwa. Uyu munsu ndashaka ko tunganira ku isaha y'abo bazasigara inyuma. Isaha ya nyuma y'izamurwa isi ntizaguma uko yari iri. Hazaba impinduka zikomeye hose. Abana

banjye b'akazuyazi bazamenya ibyabaye maze bagire ubwoba, ubwoba bukomeye buzakwira imitima yabo.

Isi ntizakora uko bigomba. Ibintu byose ntibizaguma uko byari biri. Hazaba umuriro n'ibyorezo ahantu hose. Abantu nta burinzi, bazaba bakubitwa bakibwa n'abagizi ba nabi. Aho nta basirikari bazaba bahari ngo bahoshe akavuyo. Benshi bazapfa igihe irimbuka rizaba rigwiriye isi. Impande zose z'isi ntizizasa uko zari zisanzwe, kuko abantu benshi bazapfa icyarimwe.

(1 ABATESALONIKA 5:3). Guhangayika bizakwira impande z'isi yose. Nta buhungiro buzaba buhari, ibiryo bizashira. Abantu bose bazahangayika. Ibi bizamara igihe kugeza aho anti-Kirisito azazira akayobora isi.

Mbere bizasa nk'aho abantu babonye igisubizo cy'umutuzo, ariko umutuzo uzana urupfu kuri benshi. Kuri abo bazahakana imikorere ye, bazatotezwa kandi bicwe.

Guhakana iyi mikorere ye bizaba bibi kuko atazihanganira umuntu wese uzamwigomekaho. Ni umugome nyakuri. Isi azayishyira mu maboko ye y'igitugu. Isi yose izamupfukamira yemere ubuyobozi bwe kubera guhangayika, bashakisha aho bahungira akavuyo katewe n'izamura.

Iki kizaba ari igihe cy'umwijima ku mwana w'umuntu. Benshi baziyahura bashaka ubuhungiro. Iki ntabwo ari igisubizo cyanjye kandi ntikigomba gufatwa nk'aho aricyo.

Anti-Kirisito azashyira ikimenyetso cy'ikinyamaswa ku bantu nk'uburyo bwo kubayobora. Kwanga ikimenyetso bizahwana no gupfa. Ntayandi mahitamo. (IBYAHISHUWE 13:16-17).

(IBYAHISHUWE 14:11).

Benshi bankurikira b'akazuyazi bazamenya igiciro bagomba kwishyura kugira ngo binjire mu bwami bwanjye. Benshi ntabwo baziyegurira anti-kirisito kandi benshi bazapfa kubwo kwizera kwabo bazaba ari umubare munini.

Ntacyo bizaba bitwaye kumenya abishwe n’anti-Kirisito. Kwifuza kuba igihangange no kuyobora nibyo bizaba biri mu mutima we. Ntabwo azaba yitaye kuri abo batakaza ubuzima bwabo. Bizaba ari umunsi w’umwijima kuri abo bahamya izina ryanjye. Izina ryanjye rizazana urupfu kuri benshi. Izina ryanjye rizarwanywa rigaragaza kwigomeka ku mikorere y’anti-kirisito kandi bazashaka kuzimanganya abo bose banshyira imbere n’imikorere yanjye.

Bana mbega umunsi w’umwijima ugiye kuza. Ubu iki gihe kirangiye yari amasaha y’umwijima ariko nta gihe cy’umwijima kigeze kibaho nk’ikigiye kuza. icyo gihe kizaba ari igihe kibi ku bazaba bafite abana. Umwijima uzayobora. Ibi nibyo itorero ryanjye ry’akazuyazi rizabona.

Amatorero y’akazuyazi azangarukira ku mubare munini. Abantu banshakisha uko batigeze banshakisha. Rwose nzaba mpari ariko bizasaba guca mu bihe bikomeye. Imiryango izatandukana umubabaro wiganze. Ibi byose bizaba kubera ko abana banjye binangiye imitima yabo bakanga kumva imbuzi nyinshi mbaha. Ibi byose byahungwa abana banjye baramutse baje aho ndi, bakarira n’umutima uciye bugufi wo kwihana, bashakisha mu maso hanjye, bakiga kumenya mu busabane. Nimuhungire mu maboko yanjye akibategereje. Nzabereka ukuri ku bijyanye n’isaha yegereje yo kugaruka kwanjye n’uburyo mwakitegura nk’abageni.

Muze bana. Muhunge, ntegereje kubakiza ibi byose. Ndi umutabazi ukomeye. Ikifuzo cyanjye ni ukubakiza. Nta n’umwe ukeneye gusigara inyuma. Haracyari umwanya kuri bose baza bakampa ubuzima bwabo bwose. Ndashaka ko munyiha mu buryo bwuzuye no kwihana ibyaha byanyu. Ntimubeshywe nk’aho hari indi nzira. Mureke mbakize iyi saha igiye kuza! Reka twongere dutangire. Abana banjye bizera ngo bafite imyaka myinshi y’ejo hazaza. Ntabwo basobanukiwe n’uko ndambiwe kwihanganira iy’isi.

Abana banjye batwawe ni iy’isi kuburyo batabona uburyo Isi yavanywemo ukuri kwanjye nicyo jyewe, Imana mpagarariye. N’amatorero yabo ari kure y’ijambo ryanjye, ukuri kwanjye, n’igitabo cyanjye.

Abayobozi b'intama zanjye nabo bafatiwe mu mikorere y'isi kandi bakora umurimo wanjye kugira ngo bishimishe. Ntabwo bakigira cyangwa ngo bashakishe urukundo rwajye. Bashakisha ubutunzi, kumenyekana, gushimwa n'ababazengurutse bakibwira ko mbaha umugisha.

Bizera ko umubare munini mu matorero yabo ariko gutsinda kandi ngo binshimisha. Njye ikinshimisha cyonyine n'uko abayobozi banjye bakwibanda mu kuyobora abana banjye mu kunshakisha mbere ya byose no kugendana nanjye mu busabane butuje. Ni bake bigisha ibi kubera ko bitinjira mu matwi ya benshi bikururira bashaka kuzusa insengero zabo. Benshi bazana amafaranga kandi amafaranga ashimisha benshi ariko ubwami bwanjye ntabwo bwubakiye muri ubu buzima. (LUKA 16:13).

Abayobozi banjye bari kure yanjye kandi babuzwa n'iki? Niba bashimishwa n'umubare munini njye igihe cyanjye ni ryari? Nijye utuma babaho! Nijye uzana izuba n'imvura.

Iyi ni isaha y'umwijima kandi irushaho kwijima cyane buri muni, kandi abayobozi banjye bahisha intama zanjye uku kuri. Baraguhisha bakazana gusa amagambo y'umunezero n'ibyishimo. Intama zanjye zirayobye kandi ntiziteguye. Bibwira ko byose ari byiza kandi bikomeza uko bisanzwe.

Ni ayahe magambo y'imbuzi yabakangura ? Ni iki bagomba kumva kugira ngo bizere ko igitabo cyanjye cyarambitse ukuri kose imbere yabo, ariko nta n'umwe wumva, nta n'umwe wizera.

N'iki kigomba kubwirwa amatorero kugira ngo bumve izi mbuzi, kandi bagashyira ku ruhande ibyo bafite by'isi noneho babe maso kandi bitegure. (HOSEYA 4:6).

Baroroshye kandi barimo gushukwa. Igihe kirimo kugenda kandi itorerero ryibwira ko ibintu bimeze neza. Mbega uburyo urusengero rw'akazuyazi rumeze! Mbega uburyo itorerero rikeneye kunshakisha hamwe n'ibyo ntanga. Iyaba itorerero rinshakisha mu busabane, nta mbuzi zanjye zari kubageraho zibatunguye, kandi bari kuba biteguye n'imitima yabo yose.

Iyi ni isaha y'umwijima ikomeye ku matorero. Bake cyane nibo babireba. Bake nibo bagendera mu nzira zanjye. Ubuntu bwanjye ntibuzagera kuri abo bigomeka ku bushake, ntibihane. Mushobora kwirukana kandi mukababaza umwuka wanjye wera, noneho n'iki Itorero mwakora? (ABAFESO 4:30).

Noneho nimwirukana umwuka wanjye wera mu nyubako zanyu nziza kubera ko arenze ukwemera kwanyu –Njyewe n'umwuka wanjye turi umwe. Ninde muramya niba mwirengagije mwuka wanjye kandi mukamwamagana uko muri? Mu by'ukuri ninde muramya? Muramya ibigirwamana! (IBYAKOZWE N'INTUMWA 7:51).

Mwiremeye Imana yanyu, Imana ijyanye n'ibyifuzo byanyu n'ibyo mukunda by'iyi isi, ariko ntabwo ari IMANA imwe y'ukuri ibaho. N'ikigirwamana gisanzwe. Muribwira ngo mutandukanye n'abantu bakera baramyaga ibibumbano byo muri zahabu – muri bamwe! Muze kuri nje mu kwihana guciye bugufi matorero ndahita neza ubugingo bwanyu. Nzabababarira kwiruka inyuma y'abantu kwanyu mukanshyira ku ruhande. Ndifuza kubigarurira. Mureke mbahindure kandi mbazanire amahoro kandi nongere mbahuze n'IMANA yanyu. (MARIKO 8:36).

Uko bimeze, muri kure yanjye n'inzira zanjye. Ibi sinzabiha umugisha. Rwose nimungarukire yemwe torero rizimiye! Ndacyategereje ariko akanya gato. Gutinda si amahitamo. Nimuhaguruke kandi mwumvire iyi miburo. Nimugire icyo mukora! Ubuzima bwinshi bugiye kurimbuka (2 TIMOTEYO 4:3-4).

## **IGICE CYA CYENDA: IBIJYANYE NO KUZIMIRA KW'ITORERO**

Reka dutangire. Ndashaka kuvuga ku itorero ryanjye rizimiye, abo bizera ko bari muri nje nyamara bari kure yanjye. Ndi kubashishikariza: Benshi bari mu matorero bizera ko ari kubaha ukuri nyako ku bijyanye nanjye n'icyo mpararariye – ariko ukuri n'uko hari inyigisho nyinshi zavanzwe n'amazi zijyanye n'ibyo mpararariye mu matorero menshi ku isi. Ibi bisobanura ko bari gutanga ukuri kutuzuye kuko abantu ntibiteguye kwakira ukuri kuzuye.

Ntibashaka kwakira ubutumwa bwiza bwanjye bwuzuye. Bashaka kumva ibibaryohera mu matwi kandi bibafasha mu byifuzo byabo by'isi no kubaho mu buzima bw'isi.

Isaha yo kugaruka kwanjye iregereje kandi ntabwo najyana imitima ituzuye y'abizera b'akazuyazi banjye. Bazasigara inyuma. Icyo gihe bazamenya icyo kwizera kwabo kw'igice kwabakoreye.

(IBYAHISHUWE 3:15-16). None bana ntimushobora kwizera abayobozi b'insengero ko babaha ukuri kose, mugomba kunshakisha ubwanyu ku kuri kose. Mugomba gusoma igitabo cyanjye, munyiyegurire n'imitima yanyu yose, kandi musabe kuzuzwa n'Umwuka Wera wanjye biva ku mitima yihanye, iciye bugufi. Nta yindi nzira. Ndashaka kwitanga kuzuye. Nzahinduranya ubuzima bwanyu n'ubuzima bwuzuye kandi mwebwe n'amaso yanyu muzafungurirwa ukuri, ukuri kwanjye. Nibwo muzasobanukirwa icyo nshaka kwakira mu bwami bwanjye.

Itorero ryanjye ryarahumye kubijyanye no kunkurikira. Ntabwo bakurikira ibyo nshaka n'inzira zanjye. Bashakisha inzira zo gukoreramo ibyo bashaka bagakomeza kwishimisha. Ibi bimaze igihe biba ariko ubu birarenze, kandi bake cyane nibo bashaka ukuri kuzuye, bake cyane nibo bashaka gusobanukirwa icyo ijamba ryanjye rivuga. Bashaka inkuru ntoya zibanezeza uko baza bakagenda ariko ntibashaka kumenya cyangwa uwo ndiwe by'ukuri. Batekereza ko banzi gusa. Ntabwo nzwi by'ukuri n'abayoboze banjye benshi.

Abenshi muri bo barahuzagurika mu busabane nanjye. Ntabwo basobanukirwa by'ukuri icyo bivuze kungira IMANA yabo. Ndi ku ruhande ndeba ubuzima bwabo, ntacyo nkora mu buzima bwabo, ntabwo dusangira ubusabane bwa hafi.

(MATAYO 7:21-23). Ibi birambabaza cyane kuko aribyo naremeye abana banjye, ubusabane nanjye, kugendana nanjye muri iyi nzira y'ubu buzima. Ariko isi yarabakuruye bahitamo ibyo agaciro gake kuruta kuza bakamenya umuremyi wabo.

Mbega uburyo bibabaje gukururwa n'ibyaremwe ukareka umuremyi wabyo; Umuremyi w'ibibakurura byose. Mbega ukuntu bibabaje! Bana banjye, ntabwo mubona ko nshaka kwezwa no gutungana.

Bana ndashaka kuba igitekerezo cyanyu cya mbere, urukundo rwanyu rwa mbere, uwambere wanyu – byose muri byose. Niyo mpamvu mwaremwe kugendana nanjye iteka ryose. Niba ubu mwahisemo kutagendera muri iyo nzira, ni gute namenya ko twagendana by'iteka ryose? Ninde muteze komatana iteka ryose... jyewe cyangwa n'umwanzi wanjye? Mugomba kwibaza iki kibazo.

Urukundo rwanjye rucengera kuruta urukundo rwose umuntu azi. Ntimukigurishe ubwanyu mu gushaka ibintu bidahagije. Ntimuzigera mumenya urukundo ruhebuje kurenza urwanjye.

Bana, mugomba gushakisha mu mitima yanyu kandi mukagenzura ubugingo bwanyu. Nihe duhagaze, njye namwe? Mpagaze hanze ndeba imbere cyangwa dufitanye ubusabane bw'ukuri? Ndi izingiro ry'ubuzima bwanyu? Ni he mushaka ko mba ngo mba? Mugomba kwibaza ubwanyu.

Ndabategereje. Amaboko ararambuye kubazana mu munezero wuzuye mu busabane n'umuremyi wanyu, Imana yanyu.

Isaha iregereje yo gukora amahitamo y'ingenzi. Ushaka kuba umwe n'umugeni wanjye? Ni byose muri byose kuri njye. Arantegereza kandi akampanga amaso. Murutira ibyiza byose biryoshye. Ntabwo umugeni wanjye anshakisha iyo atewe n'ibibazo hari icyo anshakaho. We nanjye turi umwe. Ndagenda, akagenda. We nanjye

turavanze, turi umwe. Ari mu bushake bwanjye kandi aca mu nzira yanjye ifunganye. Inzira yacu irasobanutse.

Bana banjye amahitamo ni ayanyu. N'ubwo nshaka ko mu mpitamo mufite ubushake bwanyu. None ndabatumiye kwinjira mu busabane bw'icyo mwaremewe. Amahitamo ni ayanyu. Ntimutinde guhitamo. Amahirwe ntazarama iteka.



## IGICE CYA CUMI: KWIFUZA ISI

Yego mukobwa wanjye, twatangira. Susan, iki nicyo nshaka kuvugaho uyu munsu: icyaha kizamuka mu mitima y'abantu- ni icyaha cy'irari ry'isi. Inzira zose z'isi ni mbi, abantu babi bahatira gukora ibibi. Ibyo isi ikora byose biri kure y'Imana.

Isi ntabwo iri mu bushake bwanjye, none ntabwo ariyo mu bushake bwanjye. Isi ihamya kuba inzi, ariko iri kure yanjye n'ukuri kwanjye. Isi igendana imbaraga nyinshi mu nzira inyuramo itambajije, umuremyi wayo. Iki ni kibi.

Kugendera hanze y'ubushake bwanjye ni ikibi. Ubushake bwonyine butari bubi ni ubushake bwanjye. Bana banjye ibi ntimubibona? Ubu iyi isi yagendera gute mu nzira z'Imana kandi imaze kugera kure yanjye n'uwo ndiwe nicyo mpagarariye ? Mpagaze ku kwezwa kw'umutima, amategeko na gahunda, ukuri n'ubudahemuka. Iyi isi ihakana inzira zanjye zose kandi ntabwo yizera ibyo igitabo cyanjye gishyira ahagaragara nk'ukuri n'inzira yanjye ihoraho.

Isi irandwanya n'inzira zanjye zose hamwe n'abo bankurikira mu gihe ibonye uburyo. Inzira zanjye ntabwo zubahwa cyangwa ngo zigaragazwe. Iyaba zagaragazwaga iyi isi ntiyari kubona imivumo, ibihe bikomeye, uburwayi, kandi n'umubabaro w'indengakamere. Inzira yanjye izana imigisha. Inzira y'isi izana imivumo kandi imivumo ikuzura.

Uretse abo begendera hafi y'ijambo ryanjye nanjye, bakira amahoro n'umutuzo ntanga no mu bihe bikomeye. Uyu ni umugeni wanjye utajarajara. Aranzi. Arankunda. Ntabwo anjya kure. Azi ko ndi isoko y'ubuzima, ubushobozi, urukundo no gukomera.

Nihe handi yakura ihumure? Azi neza kuruta kumva iruhande ashakisha abandi bakunzi. Nageragejwe, ndasuzumwa, mwigaragariza nk'umunyakuri. Kuri we ndi byose muri byose. Ntawe ushobora gutwara umwanya wanjye mu maso ye.

Iyi isi ntabwo izi urukundo rwanjye. Isi yahisemo ibidahagije bidafite agaciro. Mbega uburyo bibabaje kuri abo bakurikira isi n'inzira zayo, bizera ko imikorere y'isi ibafitiye ibisubizo byose.

Vuba iyi isi izatakaza umucyo wayo wanyuma usigaye ninyivanamo umugeni wanjye. Igihe nzavanaho ishusho ye, isi izasigara mu mwijima, ahantu habi. Ntacyo gushakishwa kizaba gihari gisa n'umucyo uyobora mu kuri n'ubwiza, uretse ubugome burenze n'icyaha nibyo bizaba byiganje. Iyi niyo si igiye kuza. Ibi nibyo bigiye kuzaba (2 ABATESALONIKA 2:3-4).

(2 ABATESALONIKA 2:6-7). Isi itagendera ku mategeko yanjye n'ibyifuzo byanjye ni nk'ubwato butagira umuyobozi. Ubu n'ubwato bupfuye kandi burimo kurohama.

Vuba bana, murabona urupfu no kurimbuka bitigeze biba. Kuko iyi isi yahisemo kwigomeka ku Mana yayo, umuremyi wayo. Ntimube injiji.

Isi ntabwo yakomeza kubaho iri kure y'ukuri kwanjye n'inzira zanjye. Ni ubwato buri kurohama. Igihe kirageze cyo kuva muri ubwo bwato. Nimpamagara abizera banjye uzaba urimo? Uzankurikira cyangwa uzasigara inyuma ugundiriye ibyiringiro by'ibinyoma ko isi igufitiye ibisubizo byose? Ese uracyarimo kumva ibinyoma by'isega yambaye uruhu rw'intama ngo nta kibazo kandi ngo byose bimeze neza? Aya masega atanzi, yambaye ishusho y'ubumana ariko ahakana imbaraga zanjye? Murashaka gukomeza kuyobywa no gushukwa kuko muryohewe n'isi cyane?

(2 TIMOTEYO 3:5). Nimuze mwakire iby'Imana murasanga hari ukuri kurenze, amahoro arenze, urukundo rurenze. Ndi we! Munkurikire, munyiruke inyuma, bana! Mugire kumenya. Nkwiriye gushakishwa. Nkwiriye kumenywa, guhabwa igihe. Ninjye watumye mubaho. Ntimushaka kuzabana nanjye iteka ryose? Hari ubundi buryo. Ni ahantu h'ibyiza byose by'ubu buzima biva kuri njye murimo mutakaza. Ni byo, ibyiza byose muri iyi isi biva kuri njye. Narabiremye byose. Atari njye nta na kimwe mubyo

mwishimishamo, kandi mukabifata uko mushaka, bitemba biva mu mutima w'Imana, mwazongera kubona.

None ibi mubitekerezaho cyane. Muhitemo: Kubana n'Imana iteka cyangwa kutabana nayo. Muhitemo, mufate icyemezo. Nzakujiyana ninza kurokora umugeni wanjye? Aya ni amahitamo yawe. Ariko hari ikiguzi mugomba gutanga. Mugomba kugendera kure y'urukundo rwanyu mu gushakisha isi kuko inzira y'isi mwahisemo ntabwo ari inzira yanjye. Nzabareka mugere ku cyemezo bitewe n'inzira mwahisemo. Bake cyane nibo bahitamo inzira yanjye, bake cyane... (1 YOHANA 2:15).

## **IGICE CYA CUMI NA RIMWE: ISI IRIMO IRAGANA MU KAGA**

Reka dutangire mukobwa wanjye. Ubu ndashaka kuvuga ibijyanye n'ibigiye kuba. Isi iragana mukaga. Hari ibicu by'umwijima bizamuka ahantu hose.

Vuba, vuba cyane, iyi isi izahinduka. Yose izahinduka mu ijoro rimwe igihe umugeni azaba akuweho. Isi izuzura umwijima uko bitigeze biba, nta byiringiro ko umwijima uzavaho. Vuba bana banjye, ibi bizaba. Mutangire kwitegura uku kuri. Ntabwo nkabya ukuri. Amagambo yanjye ashobora kwizerwa. Isaha y'izi mpinduka iregereje vuba. Byamaze gutegurwa kandi ntibishobora guhagarikwa.

Isi imaze kuzura ubugome kandi nta muntu, leta, cyangwa imbaraga byahagarika ibiri kuza. Ibi bigaragaza ibyahishuwe n'iminsi yanyuma. Isaha yo kugaruka k'umwana wanjye iregereje. Isi igiye kumenya icyahindutse nk'umujura mu ijoro. Nta gihari cyahagarika ibigiye kuza. Byavuzwe kera kandi ubu bigiye gusohora, nk'uko ijamba ryanjye ribivuga.

(1 ABATESALONIKA 5:2). Bana, mukeneye gukora imyiteguro. Ubwanyu mwitegure. Mwitegure kugaruka kwanjye vuba n'umwana wanjye kwegereje. Araje n'ingabo z'abamalayika be batwarire abakunzi be mu kirere. Iyi saha iri hafi hano.

Muhaguruke yemwe abizerwa. Mwitegure. Mwitegure umuhango ugiye kuba mu mateka yose, umukwe aje gufata umugeni we. Ni muze kandi mwitegure. Byose bigomba gutegurwa. Nimuze muteguzwe n'amaraso y'intama. Mwitwikirize amaraso ye. Arahari. Mwitange ku rukundo rwe rukomeye. Mumugire itangiriro n'iherezo ryanyu. Turi umwe: DATA, UMWANA na MWUKA WERA.

Ubu bana, umwanzi arimo gushyiraho imigambi ye. Arimo aritegura kugaba igitero ku kiremwa muntu. Iterambere ryose rigiye guhinduka ubusa. Sinshaka ko mutungurwa. Iki kintu cy'impinduka kigiye kuba. Mukeneye kwitegura ubwanyu. Ikiremwa muntu kigiye kumanurwa mu gihe cy'ikibi n'ubusazi butasanwa. Uretse kugaruka

k'umwana wanjye mu isi, nibwo byose bizahagarara – Nibwo ikibi kizavaho.

(2 ABATESALONIKE 2:8). Vuba bana mugomba gufata umwanzuro: Ni iki muzizera? Inkingi yanyu ni iyihe: Ni isi iri gushira cyangwa ubushake n'inzira zanjye? Ntanga ubwami budashira. Ntimwizere ngo isi ibafitiye ejo hazaza. Byose bigiye gushira vuba. Ibigaragara bizahinduka burundu. Ntimugire umururumba, ngo mugundire ejo hazaza hadahari. Muratakaza igihe cyanyu.

Nimuze mwemeranye n'uku kuri kandi muguhagurukire. Ndabaha ukuri. Musome igitabo cyanjye mukigereranye n'ibirimo biba ubu. Birasa kuko uko nabivuze kera niko bigiye kuba. Ntabwo bitunguranye. Iri n'ijambo rikomeye ry'Imana rigiye gusohora.

Ijambo ryanjye ntabwo rihinduka cyangwa ngo ritsindwe. Ijambo ryanjye rirakomeye. NDI IMANA IKOMEYE, IHORA ARI IY'UKURI, ITAGERERANYWA, Y'UBUSHOBOZI BWOSE, IDAHINDUKA UMWAMI W'ABAMI: UWITEKA. Amagambo yanjye ntahinduka...

(1 PETERO 1:24-25). Nimukanguke yemwe abasinziye. Iyi ni isaha yo gukanguka. Mube maso. Iki nicyo gihe. Mukureho ibibahumisha. Mushyire hasi ibintu by'isi kandi mwitonde.

Igicuku kiregereje.

Bana, ndabinginga. Ntimugwe mu mutego. Mwitegure. Mugire imyiteguro.

Isaha yo kugaruka k'umwana iregereje.....

## **IGICE CYA CUMI NA KABIRI: KUGARUKA KWANJYE KWEGEREJE**

Reka dutangire. Ubu mukobwa, uyu munsu ndashaka kwibanda ku kugaruka kwanyje ku bijyanye n'isi. Isi igiye guhura n'impinduka zikomeye. Impinduka zigiyeye kuva mu mpande zose: Ukuvanwaho gutunguranye k'umugeni wanyje – abo ubwabo bazaba biteguye: Biyejeje mu maraso yanyje kandi bezwa n'ijambo ryanjye. N'impinduka zitangaje zo kuvanwaho k'umugeni wanyje bikurikirwa no kurimbuka gutunguranye no kugaragara kw'imikorere y'anti-kirisito.

(ABEFESO 5:25-27). Izi ni impinduka zizaba mu ijoro rimwe. Nta kintu kizaba gikomeye, nk'izi mpinduka, mu mateka y'isi. Abazaba basigaye bazabyumva n'abo bazajyanwa bazabimenya.

Benshi bazapfa mu gihe cy'izi mpinduka kubera ko kurimbuka kurimo kuza muri iyi isi. Kurimbuka kuzakomeza kuko uburakari bwanjye kwasandajwe hanze. Ibyo isi ihamya ni ugusogongera gusa ku bigiye kuza. Niyo mpamvu nkomeza gutanga imbuzi zanyje muri ibi bimenyetso no mu bakozi banjye benshi: Abato n'abakuze hamwe.

Imbuzi zanyje zirasobanutse kandi zirashikamye, mugucisha mu ijambo ryanjye hamwe no mu mbuzi ncisha mu bandi bantu. Mporaho iteka kandi si mpinduka – NJYE NDI UKURI KW'ITEKA RYOSE. Ukuri kwanyje ntiguhinduka – ijambo ryanjye ntirihinduka.

Bana, uko iyi saha yegereje, isaha irageze yo kuvuga cyane no kuburira ababegereye kubw'akaga kagiye kuza mu isi. Benshi batekereza ko igitabo cyanjye ari inkuru yihitira, ariko buri jambo ni ukuri kandi rizasohora.

Vuba, ibyahishuwe birashyirwa mu bikorwa uko byakabaye. Muzabibona byose biziye rimwe mu maso yanyu. Byamaze kuza, mufate umwanya musome, mwitegereze neza murabibona. Ibirimo kuba byose byari byaravuzwe kera. None mushyire gushidikanya kwanyu kuruhande. Murekere aho kumva abo batanzi. Noneho ubwanyu musome igitabo cyanjye. Mushakishye kuyoborwa

n'umwuka wanjye wera. Ahora yiteguye gutanga ukuri, gutanga ibibahumura amaso – Ibyo mukeneye kubona uku kuri.

(IBYAHISHUWE 3:18). Ntabwo nshaka ko mu tungurwa. Ndashaka ko muhagurukira ukuri mukitegura kandi mukaba maso. Ndashaka ko abana banjye baza mu mucyo bakareba ukuri.

Ukuri kurahari kandi kwiteguwe gushyirwa ahagaragara. Ubu nta yindi mpamvu yo kuguma mu mwijima ngo mubure kwitegura ibigiye kuza. Nshobora kubereka inzira, nkabayobora. Nimureke mbikore ndabishaka.

Nshaka kugufata nka kwizeza ko ushobora guhunga ibibazo bigiye gutera isi, byose ntibiratakara. Bana, muze mu biganza byanjye byo kwizerwa. Nd'Imana y'urukundo yiteguye ku kwitaho, ibyo waba warakoze byose cyangwa aho wabaye. Ngwino, ngwino! Iyi n'isaha yo kurokoka kwawe. Ntutwarwe n'isi itacyishoboje kubera ko yihakanye Imana imwe y'ukuri ihoraho n'inzira zayo.

Benshi bazategereza igihe kirekire kandi bicuze amahitamo yabo. Ntiwemere ko ibi bikugeraho.

Niteguye gusangira umutima wanjye namwe... Nkabifungurira... Nkabizanamo kandi tugasangira ibihe by'umwihereho. Iki nicyo kifuzo cyanjye: Nkabaterura nkabakura mu bihe bikomeye.

Ndabinginze mureke dusangire ibibazo byo mu buzima. Ndashaka ko mwemera nkabahoza. Ndifuzaba ubu busabane namwe – Mbega uburyo mbyifuzaba. Ntimukanyigize hirya, nyewe, umuremyi wanyu. Mwakire ibyo mbaha bibabe hafi, hafi kuruta undi muntu uwo ariwe wese kuri mwe. Ibyo nibyo ntanga ku bana banjye, ubucuti budasa n'ubundi bucuti bw'abantu – n'Imana yawe ikuzi kuruta uwo ariwe wese... Nemera ko twegerana. Mbazaniye umutima wanjye. Ninjye mutanga kandi ndawubahaye. Nimwe mugomba kuwusaba. Ni bake bawusaba, ariko urahari.

Bana, umutima urafunguye, ndabatumira kwinjiramo, dufatanye umunezero wo kubaho kwanjye. Muze kuri njye kuruta uko mwaba kure y'Imana.

Nshobora kwegerwa. Nshobora gusangira namwe ibitekerezo bibarimo n'ibyo muhanze amaso. Nshobora kubahoza, nkabatambutsa ibikomeye, nkabaha imbaraga mu gihe cy'ibibazo byanyu gikomeye. Ndi Imana y'urukundo, nditeguye gufungura nkasabana namwe, guca hamwe muri ubu buzima. Ntabwo mugomba guca muri iyi nzira mwenyine. Mpora iruhande rwanyu. Ndahari kubahumuriza, kubafasha, no kubaha imbaraga. Nimuze kuri njye mu bucuti nahoze nshaka ko tubanamo.

Niyo mpamvu mwaremwe – kugirana ubusabane nanjye. Iyo niyo ntego yanyu muri ubu buzima. Mubyizere cyangwa mubireke, ariko ndi umuremyi wanyu kandi ndabihamya. Ndashaka kuba mu mazamuka no mu mamanuka yanyu, mu bihe bikomeye n'ibyoroheje: Dusangire hamwe ubuzima, tugendane mu nzira igororotse. Ubu nibwo buzima nari narabateguriye: umugambi wanjye mwiza n'ubushake bwanjye ku buzima bwanyu.

(ZABURI 139:3). Rwose nimunsange. Mumpe ubuzima bwanyu. Mubuzane imbere yanjye mwicishije bugufi, kandi nzabufata mbasukure kandi mbategurire ubwami bwanjye kandi tuzafatany mu bukwe. Dusangire ifunguro nk'umugeni wanjye. Birahari ariko mugomba kubisaba kandi ibi byose nzabibaha: Nifuzza kubazana mu isi yanjye. Njyewe Imana nditeguye kandi ndategereje. Nimuhagarike kubaho mu buzima buri kure y'Imana yanyu.



## **IGICE CYA CUMI NA GATATU: ISAHA IREGEREJE, BANA BANJYE**

Reka dutangire. Bana, ndimo ndabwira abana banjye: Isaha iregereje bana banjye. Ndaza vuba ku mababa y'inuma yera, nkikijwe na miliyoni nyinshi z'abamalayika. Uyu muni uregereje. Mugomba kwitegura muri maso, muntegereje munshakisha.

(2 ABATESALONIKA 3:5). Ndi urwembe rutyaye, mpora ku gihe. Ijambo ryanjye ni ryiza. icyo navuze ndagikora kandi ngikora ku gihe. Iyi saha irimo kwigira hafi. None ntimucike intege mwebwe muntegereje n'ibyiringiro bikomeye, ntimuzakorwa n'isoni.

Ndi Imana isohoza ijambo ryayo. Ijambo ryanjye ni ryiza, rirakomeye, ni jye rutare! Nta wanyiringiye ngo akorwe n'isoni – Nta n'umwe! Si mpinduka. Uko nari ejo n'uyu muni niko ndi kandi niko nzahora. Ndi itangiriro n'iherezo! Bana, mugomba kwitegura. Mushyire ku ruhanda imihangayiko y'isi mwigereye.

Ni gute mwigereye? Ndashaka ko munyaha mwigereye bugufi. Ndashaka ukwiyoroshya, ukwihana nyakuri no kumenya ko uri umunyabyaha imbere y'IMANA yera iyo mwigereye byose. Ndashaka kwitanga kuzuye – ntimugire icyo musigaye. Ndashaka ko ukwizera kwanyu kose kuba muri njye. Ndashaka ko MWUKA WERA wanjye abuzura. Nimuze mwakire itabaza ryuzuye amavuta.

Ndashaka ko mwiyoza mu ijambo ryanjye, ndashaka ko mwiyoza mu maraso wanjye y'igiciro – amaraso natanze ku bwo kubacungura. Ndashaka ko munshakisha mu nzira zanyu zose mukamenyera mu rwihisho. Ndashaka ko mugendana nanjye umunsi ku muni munyegamiye buri gihe. Ndashaka ko munsenga tukaganira umunsi wose.

Iyi ni IMANA wanyu ivuga. Bana, ndashaka ko muba maso, amaso acyeye ku bwanjye. Ndashaka ko mureba ibimenyetso, mukamenya ibihe mugasoma igitabo cyanjye. Ntimube mu mwijima ngo mubure kumenya ukuri.

Iyi ni isaha y’umwijima kandi ntizigera icya. Nta mucyo urimo kuza muri iyi isi, agahinda gusa, agahinda nyako niko kitezwe.

Ni munyegere mwumve: Ukuri kwanjye buri gihe n’uko kwizerwa. Mukwiriye kugushikamamo. Naravuze ngo iyi saha y’umwijima igiye kuza iri hano kandi ibagereyeho. Bana, ubu ntabwo ari isaha yo guhunikira, mugatungurwa musinziriye. Mukanguke muze mu kuri kwanjye.

Munyivugururire ndabategereje. Murekure ibyo mufite by’isi. Ibyo mwizera n’imitima yanyu yose. Ntimugundire isi irimo kurimbuka nk’aho ibafitiye byose. Mureke kujarajara hagati yanjye n’isi. Sinshobora kwakira imitima yanyu y’igice itanyiyeguriye. Ibi ntibishobora kwemerwa. Mugomba kunsanga mu kwitanga kwuzuye cyangwa ntituzabana iteka ryose.

Ibi nibyo bisabwa kugira ngo ugere mu bwami bwanjye. Icyo nicyo umugeni wanjye yiteguye gukora kugira ngo abe umwe mubagize isi yanjye. Yiteguye kumpa byose. Ndashaka kunyiha kuzuye. Nta kindi kiri bukorwe uretse icyo.

Bana, napfuye ku bwanyu urupfu rwuzuye rw’agashinyaguro – nta cyasigaye kidakozwe. Ntaho nari mfite ho kuruhungira narwakiriye uko ruri: Njyewe wese – icyo nicyo natanze.

Ntabwo nigeze ngendera mu byifuzo byanjye kugira ngo nakire igihano cyari kibagenewe. Nacyakiriye uko kiri. Buri mwanya wari uw’umubabaro no gushinyagurirwa. Nari meze nk’intama mu mbwa. Nta cyari gisigaye kuri nje igihe byari birangiye. Igiciro cyari kishyuwe cyose.

(ZABURI 22:17). Nta kindi gihari ninjye nyishyu. Amaraso yanjye yamenetse, umubabaro wo k’umusaraba, umuburi wanjye washenjaguwe, umutima wanjye washenjaguwe. Narabishyuriye, incungu yanyu, nabikoze mu bushake bwanjye kugira ngo muryoherwe mu mubano na data, nanjye, na MWUKA WERA wanjye. Niyo mpamvu nacye muri ibi.

(ABAHEBURAYO 13:12). Iyi n'impano ihebuje, bana banjye. Nta gicro cyahwana n'iki – Nta kindi gicro cyaba gikwiriye. Ntimugisuzugure. Mwakirane iyi mpano n'icyubahiro. Nta mpano iruta iyi iyo mwahawe n'IMANA.

None bana, simbasaba ngo mugure iyi mpano, nta kiguzi cyabasha kwishyura agaciro kayo. Yatanzwe ku buntu kandi irahari ngo muyakire. Ntimukange iyi mpano itangaje iva ku MANA yicishije bugufi, itangirwa ubuntu. Kwanga impano ikomeye nk'iyi byabazanira igihano gihoraho. Kwanga impano ikomeye nk'iyi byabazanira irimbukiro rihoraho. Murabyumva bana banjye? Rwose ntimufate iyo mpano nk'ikintu cyoroheje. Muyirinde kubera ko ar'igitambo mwatambiwe n'IMANA kubw'agakiza kanjye n'umudendezo uhoraho utaberekeza muri gehenomu.

(ABAHEBURAYO 10:29). Iyi ni impano idasanzwe. Ariko bake muri iyi isi nibo bayireba bakayihira agaciro. Kubw'ibyo bake nibo bazagenda muri ya nzira yanjye ya zahabu, kubw'imyumvire yabo ku mpano y'agaciro ku kiremwa muntu. Kwangiza impano nk'iyi bitera akaga cyane. None nimuyiyegereze, muyishimire, kandi muyihozeho umutima kuko muri yo niho hari agakiza gahoraho, ibyiringiro, n'ubuzima buhoraho mu bwami bukomeye bw'IMANA.

Impano yanjye ku kiremwa muntu niyo yonyine nishyuye kandi niyo yonyine ihagije nta yindi yari guhesha ubugingo. Mbaha urukundo rwanjye ku buntu rwuzuye, urukundo rwanjye ruruta urundi rukundo rwose mwaba muzi.

Nimuze dusangire hamwe ku meza y'urukundo musobanukirwe urukundo rutameze nk'urundi. Ndutanga ku buntu. Iki n'ikintu gitangwa rimwe mu buzima. Murwakire ku buntu. Ntabwo ruzahoraho. Uru ni urukundo rw'igitambo rwashyizwe ahagaragara. Nimuze mwese abarushaka...

UMWAMI WANYU YESU KIRISITO, UMWAMI UKOMEYE  
UMWANA W'IMANA WICISHIJE BUGUFI, IGITAMBO  
CYASHYIZWE AHAGARAGARA.

## IGICE CYA CUMI NA KANE: ISI YARAMPINDUTSE

Reka dutangire, mwana wanjye. Bana, ndashaka kumenyesha isi yampindutse: Iyi isi yarampindutse hamwe n'ibyo mpagarariye. Yabaye mbi idakwiriye no guturwamo.

(YAKOBO 4:4). Bana banjye, iyi isi yuzuye icyaha. Nta n'ahamwe wabona ukuri cyangwa kwezwa. N'amatorero ari kure yanjye. N'abibwira ngo baranzi bari kure yanjye. Ndi kure yabo. N'abayobozi banjye ntibangisha inama. Ntibanshakisha. Ntibanzi. Insengero zabo zahindutse amazu y'ibyaha kuko batanga ubutumwa bw'ikinyoma. Ntabwo banzi kandi ntibashaka no kumenya. Ndi IMANA itazwi.

Isi nta mwanya ifitiye IMANA yayo. Isi ingeraho mu magambo gusa atari mu kuri. Iyi isi yuzuye abanyabinyoma n'abajura, abirasi n'abasenga ibigirwamana bashakisha isi n'inzira zayo, ariko nta gushakisha IMANA yabo.

Mbega uburyo bibabaje kuri abo batanzi, ariko bakamvuga kandi bakizera ko banzi. Ndi IMANA imenyekana. Ntabwo nihishe kuri abo banshakisha. Ntabwo ndi utamenyekana kuri abo banshakisha bicishije bugufi. Ndamenyekana. Munyegere nanjye nzabegera.

(ZABURI 73:28). Bana aho muhindukirira hose hari icyaha. Nta kintu na kimwe mu isi kitateguwe n'umwanzi kugira ngo abakure mu nzira y'ukuri iri hafi yanjye Imana. Imikorere y'isi iteguwe ku buryo intandukanya n'abana banjye.

Niba umwanzi wanjye ashobora ku guhuza n'ibigirwamana ubwo ntimushobora gushakisha ngo mubone inzira yanjye y'ukuri y'agakiza, ukwezwa kwanjye, hamwe n'umudendezo wanjye.

Uyu ni umugambi w'umwanzi wanjye kubagusha, gutuma mubura gutabarwa kwanjye no kubura umwanya mu bwami bwanjye. Iyi mikorere y'isi ibohewe ku migambi y'umwanzi wanjye. Buri kintu cyose cyerekeza mu kwirebaho no kwiyuzuzwa kandi nta gushakisha Imana. Ntabwo yifuzza ko muza munshakisha. Arashaka ko

muhugira mu mikorere yo kwihugiraho no kuba nyamwigendaho. Ntugire n'umwe wizera.

Iyo si inzira yanjye bana. Inzira yanjye, ubushake bwanjye ni ugukurikira IMANA, gutungwa n'Imana, gushakisha ubushake bw'IMANA, inzira z'IMANA.

Nimushakisha ubushake bwanyu, n'imigambi yanyu, muri hanze y'ubushake bwanjye kandi iki ni icyaha. Mubaho mu cyaha igihe kugendera hanze y'ubushake bwanjye.

Ni gute wamenya ubushake bwanjye mu buzima bwawe niba utanshakisha ngo unyizere? Ugomba gushyira ku ruhande gahunda zawe, inzira zawe ukemera nkayobora inzira zawe. Uretse kugendera mu bushake bwanjye nibwo muzagira inararibonye y'umudendezo n'amahoro, amahoro ntanga.

Gukurikira inzira zanyu kure yanjye, birabajyana mu irimbukiro. Ntabwo muzigera mubohoka mu cyaha. Ubushake bwanjye ni ukuzura Umwuka wera no kugira urumuri. Ubu nibwo buryo bwonyine bwo kwitegura kugaruka kwanjye kuri hafi, gukizwa no gutungana. Bana, mugomba gukanguka. Ibi ni ukuri! Nta kundi kuri guhari! (MATAYO 25:4).

## **IGICE CYA CUMI NA GATANU: ABAYOBOZI NTIBANKURIKIRA**

Reka dutangire n’ubundi. Bana banjye ndimo ndababazwa n’uburyo isi imfata nk’ikintu kidafite agaciro. Ntabwo ntwaza igitugu. Nciye bugufi mpamagarwa n’abantu banjye – Abo bayobora intama zanjye. Bakorera gahunda zabo kure yanjye. Ntabwo bemera ko mbatunga. Ntabwo babwira abantu ukuri, uretse ibyo bizera byonyine nibyo bashaka ko bimenywa n’abo bigisha.

Abantu banjye ntabwo bafite aho gushakisha ukuri. Bagomba kuza kuri nyje! Bazayobywa mu nsengeru zabo. Bazashidikanya babona ibintu nk’aho ari byiza by’ukuri: Uretse kugwa mu mitego y’umwanzi wanjye.

Umwanzi ashaka ko bizera amagambo y’abayobozi kandi kunshakisha hirya y’ibyo ko atari ngombwa. Uretse ukuri kuboneka mu kwiyoza mu ijambo ryanjye. Ibi bisaba imyitwarire myiza. Bana banjye muri abigishwa n’abigisha b’intama zanjye. Niba muhugiye mu birimbura by’isi, ni gute mwizera ko muri mu bushake bana? Ibi ntibishoboka. Ntabwo ndi IMANA yo kutubahwa cyangwa gusuzugurwa. Iyi isi imaze kubona ingaruka zo kutubaha Imana yayo. Hari ingaruka zo kugendera kure y’IMANA, ingaruka mbi. Ntabwo nakira abo baza kunshakisha bakongera gushakisha isi bizera ngo ni byiza kumpinduranya. Iki ntabwo ari ikintu kiza cyo gukora. Ariko ibi nibyo isi ikora: Kureka ibyiringiro byose ikikorera ibyo ishaka kandi ishakisha inzira zayo.

Isaha iregereje vuba yo kugaruka kwanjye, murihe bana banjye? Muri kumwe nanjye cyangwa muri kumvaho musubira mu isi? Isi nta kizere ibaha. Ni isi yamaze gushira yazimiye, yamaze kuzimira kuko ntabwo ishakisha ibisubizo ku MANA.

Abadayimoni barayobora mu buryo bwose: Mu butumwa mwakira, imikorere y’isi iriho ubu, mu matorero yayobye.

Uretse ijambo ryanjye niryo ryababeshaho – Ntabwo rihinduka. Mwibande ku ijambo ryanjye. Mushakishe mu mpapuro zose. Mushakishe umwanya wo gusoma amagambo yanjye. Murihe umwanya. Musabe MWUKA wanjye kuza kubahishurira ukuri.

Azabikora, nimumusaba mu kuri. Yifuza kubayobora ku kuri. Iki nicyo kifuzo cye cya mbere kubayobora mu kuri no kwezwa n'ijambo ryanjye (1 ABAKORINTO 2:13).

Bana, ntimukemerere isi ko ibahumya amaso. Ntimukemere umwanzi kubayobya nk'uko amaze kuyobya beshi. Mube maso. Nimuze mu mucyo wanjye. Muhabwe ukuri kwanjye n'ukubaho kwanjye kwera: Nkabeza n'inyigisho z'ijambo ryanjye. Mureke mbazane mu mucyo wanjye. Mureke mbereke ibyo mutigeze kumenya mbere. Mfite byinshi byo gusangira namwe. Ndashaka kubavana mu mwijima. Iki ni igihe cyo kumenya ukuri atari ukuri kutuzuye cyangwa ibinyoma. Ntimushake gukinisha agakiza kanyu.

Rwose nimunsange. Muririre ukuri. Nzabaha ukuri, ukuri kudahinduka. Bana , ubu nicyo gihe. NI YESU KIRISITO UMUREMYI WA BYOSE.

## **IGICE CYA CUMI NA GATANDATU: ISAHA YO KUGARUKA KWANJYE IREGEREJE**

Reka dutangire. Isaha, bana banjye, yo kugaruka kwanjye iregereje. Iyi saha iregereje mu by'ukuri nk'uko ijoro rihinduka amanywa. Ndaje vuba kandi nta kintu kizahagarika iki gikorwa.

Mugomba gutekereza impamvu y'iki gikorwa. Kizagira impinduka kuri buri muntu: Nta kibaho, igihumeka gifite ubugingo kitazahungabanywa mu buryo bwose. Hazabaho abazajyana nanjye mu kirere n'abo bazahura n'irimbuka.

Uko uzahura n'iki gikorwa ni amahitamo – Uko uzabaho muri ibi bintu ni amahitamo yawe. Uzajyana nanjye nintabara umugeni wanjye cyangwa uzahitamo gusigara ugahura n'akaga: Uburakari bwanjye busandaye hanze n'umwanzi wanjye mu mbaraga nyinshi? None ibi bigaragara nk'amahitamo yoroshye – riko bake nibo bahitamo kunkurikira mu gutabarwa. Bake nibo banshakisha cyangwa bizeye ko isaha yo kugaruka kwanjye igeze hafi. Kuki ibi biba bana banjye? Ni uko icyaha cyabaye indengakamere. Bamenyereye imico y'isi yuzuye icyaha, gukunda inzira zayo kandi baniteguye gufatanya nayo. Ntabwo basoma cyangwa ngo bizere ijambo ryanjye. Ntabwo banshakisha kubw'ibisubizo byanjye. Isi n'abantu bararemerewe mu bitekerezo byabo.

Bana, ntabwo nshobora gutabara abo batampindukirira ngo banyihe nk'abana bicisha bugufi. Nta kunyiha kuzuye ntabwo nabatabara igihe cyanjye cyo kuvanaho itorero kigeze. Umugeni wanjye azajyanwa mwe muzasigara. Nineho abazasigara bazahura n'umwanzi wanjye. Izaba ari isaha y'umwijima ukomeye. Ntahazaba haboneka ubutabazi (MARIKO 10:15).

Muracyafite uburyo bwo kungarukira iminsi yanyuma mbere yo kugaruka kwanjye, nimunyiha ubwanyu, mukampa ubushake bwanyu kandi nzabagira abantu bashya mbategurira ubwami bwanjye.

Bake nibo bafite ubushake bwo gutera iyi ntambwe, abantu bake nibo banshaka kuri uru rwego rw'ubusabane nifuzza. Bake nibo



bampa ubuzima bwabo. Benshi barashyira ubuzima bwabo mu isi bakita ku bitekerezo by'abantu. Bana mugomba kugarura imyumvire yanyu. Ninjye njyenyine ushobora kubafasha.

Nta handi ho guhungira. Yego. Mwahindukirira isi, ariko iri mu bihe bidafite ibyiringiro, irimo irarigita buri munsu. Mugomba kuza mu buzima. Nimunsange. Ntimukabeshywe n'ibyo mubona ubu bisa neza.

Ibigaragara bishobora kubayobya. Isi ntiyakomeza kubaho iri kure yanjye. Ninjye muyobozi – atari nje n'inzira zanjye zitananiwa, iyi isi ntishobora guhagarara itari kumwe nanjye.

Bana banjye vuba, vuba cyane ibi byose bizaba: Ukuza kwanjye kwegereje, nsinshaka ko mutakara cyangwa ngo musigare. Ndashaka ko munsanga. Ubu ni ubutumire bwanjye kuri mwe. Ndashaka ko munyegera uruhande rwanjye. Kugendana nanjye mu nzira ifunganye. Mureke mbayobore. Mureke mbereke inzira... Mumfate ikiganza. Ntimutakaze amahirwe yo kuba umugeni. Ni mwiza kandi ariteguye.

Ndamukunda cyane. Ni itorero ryanjye rinkunda hejuru ya byose. Arampamya. Mubereye “ byose muri byose” nje kumukiza ku bw'akaga kagiye kuza. Azarokoka ibigiye kuza byose, azahita ayanwa n'amaboko yanjye amutegereje.

## **IGICE CYA CUMI NA KARINDWI: IBIJYANYE NA ANTI – KIRISITO**

Reka dutangire, bana, ndashaka kwibanda ku bintu bishyashya uyu munsu: Ndashaka kuvuga kuri anti – kirisito n’ubuyobozi n’ubutegetsi bwe ku isi. Vuba azaza ku isi gutegeka no kuyobora – byose bizahinduka.

Isi ntabwo irabona akaga nk’aka. Nta mfungwa izagira. Izaba yibanze ku kurimbura. Uzahangana nawe azarimburwa. Kizaba ari igihe cy’umwijima no kurimbuka (1 YOHANA 2:22).

Abazavuga izina ryanjye bazahura n’akaga. Izina ryanjye rizaba risobanuye urupfu. Benshi mu banjye bazaterwa n’ubwoba bwo kwatura izina ryanjye. Ibi bizaba mu isi hose. Ibiteye ubwoba bizakwira mu isi yose, kurimbuka kuzakwira hose. Isi ntabwo irabona ukurimbuka nk’uku (IBYAHISHUWE 20:4).

Anti – kirisito azigaragaza mu gihe isi izaba ikeneye ibisubizo n’ihumure kubw’irimbuka rizaba ryakurikiye izamurwa ry’itorero. Iki gikorwa kiraba vuba. Isi igiye kubona akaga itigeze ibona (1 YOHANA 4:3).

Anti – kirisito azagerageza kvanaho abashikama mu nzira zanjye, ubuhamya bwanjye. Anti – kirisito naza azazana ikimenyetso k’ikinyamanswa niryo tegeko rye ry’ambere ryo kuyobora abantu.

Abo bazanga kwakira ikimenyetso azahita abica kuko bazaba barwanya ubuyobozi bwe. Abazakira icyo kimenyetso bazatoteza abo banze kucyakira. Kizaba ari igihe cy’umwijima. Abazafata ikimenyetso ku bushake bazaba barimbutse by’iteka. Bizaba bisobanuye ko wemeye imikorere y’anti – kirisito (IBYAHISHUWE 14:11).

Bana mugomba gutekereza ku mahitamo yanyu mwe kwirengagiza iyi miburo n’ibigiye kuza mu isi mu kanya gato.

Isaha iregereje yo kuza kwanjye kubw'umugeni: Abo bazarokoka – Itorero ryanjye ry'ukuri. Iyi saha iraje nta kabuza imikorere y'anti – kirisito kugira ngo itangire.

Anti – kirisito nta mpuhwe azaba afite kandi azaba anyotewe amaraso. Nta na kimwe azemerera kumwitambika. Afite umujinya mwinshi n'inyota yo kuyobora. Ikiremhamuntu ntacyo kizaba kivuze imbere ye. Nta mpuhwe afite – icyo yirebera we n'ukuyobora no gutegeka isi.

Azaba ashishikajwe no kugaragaza imbaraga ze mu kuyobora. Nta kintu kizamuhagarika kugeza igihe nzagarukira ku isi kubihagarika. Ubwo nibwo buryo bwonyine, azahagarikwa. Nta bundi buryo bwo kumuhagarika buzaba buhari. Nta muntu cyangwa umuryango uzamuhagarika. Azaba ar'umugome ukabije.

(2 ABATESALONIKE 2:8). Hari ibihe bibi birimo kuza. Inyuma hatagaragara hari imigambi mibi irimo itegurwa. Inzira irimo irategurwa neza kugira ngo iki kibi gitangire.

Vuba abazasigara nyuma y'izamurwa ry'itorero bazasobanukirwa ibijyanye n'imikorere ya anti – kirisito ku bijyanye no kurimbuka n'ubutegetsu bubayoboye.

Abakirisito b'akazuyazi basigara inyuma bazasobanukirwa neza ibyabaye. Ukwicuzza kuziganza. Benshi bazaganzwa n'igitugu cya anti – kirisito. Inzira z'anti – kirisito zizaba zoroshye ugereraniye no kutazinyuramo. Kizaba ari igihe gikomeye cy'amahitamo. Benshi bazamenya mu mitima icyo bakwiriye gukora ku bwo gushishikara no kwifuzza ubwami bwanjye bazakurikira icyemezo cy'ukuri bakwiriye gufata. Ukwizera kwabo niko kuzabahagurutsa: Ukwizera mu kwanga imikorere ya anti – kirisito nk'icyemezo cyiza no kumpitamo njye IMANA.

Benshi bazaba badafite kwizera n'izi mbaraga. Kizaba ar'igihe cy'umwijima (IBYAHISHUWE 19:20).

Mu by'ukuri bana, mukwiriye kuba maso bwangu mukitegura ubwanyu kugira ngo mutabarwe – kwitegura, mukitunganya.

Iyi saha iregereje. Mukeneye kwitegura... Mugutegereza... Muri maso... mureba muri maso munyiteguye. Ninjye rembo gusa – ni nanjye w’aho gusohokera – ninjye buhungiro! Vuba ndaba ngifashe urugi rufunguye hanyuma rufungwe. Aha niho honyine ho guhungira ibigiye kuza. Iki kiraje. Isaha iregereje. Itorero ryanjye rikeneye kwitegura (MATAYO 25:10).

Anti – kirisito arimo araguruka. Arimo aritegura kuzamuka ku butegetsi. Arimo arashaka kuganza mu isi. Nta nahamwe azagarukira. Iterabwoba niyo ntwaro ye. Azayobora mu iterabwoba nta n’umwe uzamuhagarika ku isi. Imbaraga ze ziva ku mwanzi wanjye. Uyu niwe nyakuri uri inyuma y’urugomo. Ntimwirengagize uku kuri. Bigaragara nk’aho atari byo. Ibintu bigaragara nk’ibisanzwe ariko n’ibiyobya. Ibi biri gukorwa n’umwanzi wanjye. Ashaka kubavana mu nzira. Ntabwo ibifuriza kunyura mu nzira igororotse kandi ifunganye kuri njye, no gutabara kwanjye kuje vuba.

Ubu ikinyoma kirimo kiraza mu rwego rwo hejuru. Benshi barimo baribwira mu bitekerezo ko byose bimeze neza! Isi iri gushira. Bana mufungure amaso cyane. Mwemezanye n’ibigiye kuba. Nimubanguke mwitegereze. Mushakisha cyane mu ijambo ryanjye kugira ngo mumenye ibigiye kuba mu isi.

Iyi isi yanze Imana yayo ku mugaragaro mu mpande enye zose z’isi. Sinshobora ku byihanganira. Nkuye ibiganza byanjye by’uburinzi ku isi nyemereye kwakira ibyifuzo byayo, isi itari kumwe n’IMANA yayo, UMUREMYI WAYO.

Ndi IMANA nyayo, ariko isi ninsaba kwigirayo, ndabikora. Noneho mukareba uko ibintu bigenda mudafite uburinzi bwanjye! Ndi IMANA yihangana, ariko kwihangana kwanjye kurarangiyeye kuri aba bantu bantaye! Bana, ndabinginga... Nimugarure ibitekerezo! Nimunsange mu kunyiha.

Nimumpe ubuzima bwanyu. Nzabwakira. Nzabatwikira mu maraso yanjye y’igicro. Nzaboza mu ijambo ryanjye. Isaha iregereje. Mukeneye gusukurwa kugira ngo muzanjyane nanjye nimpamagara

umugeni wanjye kunkurikira mu buhungiro. Nimuze. Mwitegure ubwanyu, mwitunganye vuba. Iyi saha ntabwo iriburindire n'umwe. Nta nakimwe kizahagarika kugaruka kwanjye.

NDI YESU KIRISITO... UMWE UKOMEYE... IMANA YICISHIJE BUGUFI (YOHANA 15:3).

## **IGICE CYA CUMI N'UMUNANI: ISAHA IREGEREJE YO KUGARUKA KWANJYE**

Reka twongere dutangire. Ubu n'igihe cyanyje cyo kuvuga ku bijyanye n'ingingo nshyashya: Bana, isaha iregereje yo kugaruka kwanjye. Iraje vuba. Benshi ntabwo biteguye, benshi bari kuva mu nzira... Benshi ntabwo bigeze bitegura. Hari impinduka nyinshi zigiyeye kuba mu isi. Ndashaka ko muhamya uku kuri.

Bana, isaha iregereje yo kugaruka kwanjye, ndabona ko benshi batiteguye. Benshi bizera ko biteguye ariko ntabwo aribyo. Benshi baracyomatanye n'isi. Ibi ntibishoboka, bana banjye. Mugomba kurekurana n'isi. N'ubwato burimo kurohama kandi irabajyana.

Bana banjye, ntabwo mpa agaciro igihe mutakaza kure yanjye mwirukanka ku by'isi. Mushakisha ibisubizo mu isi. Ntibishoboka bana banjye. Muri kureba mu bisubizo bidahari... Amasezerano adahari... Ukuri kudahari. Muzagira igihombo gikomeye nimukomeza kumanuka muri iyi nzira. Irabaganisha mu kaga.

Kuki mukomeza kwizera ko isi ibafitiye ukuri kutari ukwanjye? Ndi ukuri! (1 YOHANA 2:15).

Bana, nimwigire hafi mwumve, igihe cyanyu kirarangiyeye. Musigaje igihe gito cyo kwitunganya. Iki nicyo gihe cyo kwitegura. Niba mushaka kujyana nanjye, mugomba kwibanda ku kugaruka kwanjye. Umwanzi wanjye aritegura gukora igikorwa cye vuba. Imigambi ye izahindurwa no kugaruka kwanjye mukanya gato.

Ntimureba, bana banjye ko mukwiriye kuba maso kandi mukitegura kubw'ibigiyeye kuba? Vuba, nta n'umwe utazagerwaho n'impinduka zigiyeye kuba mu isi. Murajyana nanjye mu buhungiro cyangwa murasigarana n'umwanzi wanjye muhure n'akaga kagiye kuza.

Uyu muni, uraje, bana banjye. Uraje kandi nta n'umwe wawuhagarika. Mukeneye kwitegura ubwanyu kuko isaha iregereje. Iraje vuba. Nimuze mumenye. Nta yindi nzira. Nimudafata igihe cyo kumenya, ntabwo muzajyana nanjye mu buhungiro.

Mugomba kumpa ibyanyu byose. Ndabategereje, bana. Ninde uzanyiha wese? Ninde uzaza kumenya, kumenya by'ukuri? Nicyo nshaka.

Nabaciriye inzira. Nabateguriye inzira. Nabishyuriye ikiguzi kinini kugira ngo mugire umudendezo, kugira ngo mubashe kubana nanjye ninza kujyana umugeni wanjye. Ariteguye kandi ndikuza kubwe.

Ikiguzi nishyuye cyari kinini. Nta n'umwe wari gukora icyo nakoze ninjye gusa wari kukirangiza. Ninjye gusa wari kwishyura iki kiguzi gikomeye – IMANA yaje guhonyorwa kubw'ikiremamuntu. Iki kiguzi kirarenze. Nta gaciro wabigereranya. Nta mubare wari guhwana n'iki kiguzi.

(YESAYA 52:14) Bana, ntimwirengagize iyi mpano. Muze, nyitangira ubuntu. Nimuyiteho. Irabategereje ko muyakirana umutuzo, kugira ngo mujyane nanjye ninza kujyana abana banjye mumunezero.

Ibi byose n'ibyanyu – mugomba kuza mukitanga. Nimumpe ibyanyu byose. Iki nicyo mbasaba. Nimutanyiha ubwanyu, muracyari ab'umwanzi wanjye. Ntabwo mwigenga. Muri abanjye cyangwa ab'umwanzi wanjye. Nimuhitemo kuba abanjye. Ntegereje igisubizo cyanyu.

Uyu ni UMWAMI N'UMUCUNGUZI wanyu YAHUSHWA MESIYA UKOMEYE.

## **IGICE CYA CUMI N'ICYENDA: NIMWITEGURE**

Reka dutangire (Gashyantare kuwa 19. 2012) Bana, mfite amagambo menshi: Isaha yo kugaruka kwanjye iregereje. Mugomba kwitegura. Ndashaka kujyana namwe ninza gufata umugeni wanjye mwiza, niba mutiteguye, ntabwo nzabajyana.

Mugomba kwitegura ubwanyu. Nimunyereke ko mwiteguye. Nifuzako mumpanga amaso. Ndifuzako amaso yanyu yose muyanyerekezaho. Nimutaba maso ntimushobora kwitegura. Abari maso bonyine nibo biteguye (ABAHEBURAYO 9:28).

Bamwe bavugako badakeneye kuba maso ngo bitegure. Ibi n'ikinyoma kiva ku mwanzu. Arishushanya kandi yuzuye ikinyoma. Ashakako kujyana abana banjye bose kure y'inzira ifunganye. Mugomba guhora mwiteguye ibihe byose. Mugomba kuba maso kandi mukitegura kuko mutazi isaha ndaziraho. Nzaza nk'uko umujura aza mugicuku. Ijambo ryanjye ntiribivugako? Ijambo ryanjye rirasobanutse kuri ibi. Benshi bazasigara inyuma, batiteguye, batunguwe kubera ko bananiwe kuba maso kandi ngo bitegure.

Ntimube muri iki kiciro cyanze kumva imiburo yanjye ku kuba maso hamwe no kuguma biteguye. Ab'iki kiciro bazababara batangare kwisanga basigaye inyuma guhura n'akaga: Ingorane zitegereje umuntu n'ibibazo by'isi. Ntimukirengagize imbuzi zanjye nyinshi. Mwitegure... Mubyuke... Mukanguke (2 TIMOTEYO 4:8).

Bana banjye mwemerere ibikorwa byanyu guhagarara mu nzira yo kwitegura iki gikorwa cy'ingenzi. Insengero nyinshi n'abayobozi benshi bazasigara. Ntimutungurwe n'iki gikorwa. Mube maso. Mwitegure. Mwihangane.

Ntimwemere ko inzu yanyu yibwa. Ntimuhagarare ngo murebere batobora inzu yanyu. Umuruzi utiteguye ngo arinde iyo umujura aje aramutungura – mwirinde ubwanyu, mwitegure. Kuko mutazi igihe nzazira gutwara itorero ryanjye (MATAYO 24:42-44).



Igihe nzaza gutwara itorero ryanjye, umugeni wanjye, sinzongera kugaruka muri iyo nzira. Urugi ruzahita rukingwa nta muntu uzashobora kurukingura.

(LUKA 13:24-25) Kuza kwanjye n'ukuri kandi ni kwiza. Sinzatinza iki gikorwa kubw'umuntu cyangwa ikintu. Muby'ukuri kiraje, kiraje. Ejo hashobora kuba kera, uko niko kuza kwanjye kwegereje. Ntimutinde mu gufata icyemezo kwanyu, ndetse no mu kwitegura kugaruka kwanjye kwegereje. Nimutinda muzambura.

Ubu ntabwo aricyo gihe cyo kwidagembwa mu nzira z'isi. Bana ntimutinde mu byemezo mufata ku bwanjye. Ntabwo nzategereza igihe cyose ku itorero ryanjye ry'akazuyazi ko ribyuka.

Rwose nimwakirane aya magambo uburemere. Ntabwo nzagumya kurindira igihe cyose ntegereje itorero ryanze kunyakira no kundeba. Ibi ntibishoboka.

Umugambi wanjye uzashyirwa mu bikorwa nzajyana abanjye biteguye: Abo banshakisha bizeye ko bambona. Abo nibo bazajyana nanjye – abandi bose bazasigara.

Munyahanganire niba aya magambo abakomereye, imbuzi zanjye zirasobanutse kandi zihoraho. Kuki abantu bagira ngo sinzakurikiza ijamba ryanjye n'imiburo yanjye myinshi? Si ndi Imana idahinduka y'iteka ryose? Si mpinduka (ABAHEBURAYO 13:8).

Mwitegure kubera ko nanjye niteguye kujyana umukunzi wanjye. Niteguye kumujyana. Niba ushaka kuba umwe muri we ugomba kwitegura ubwawe. Isaha n'iyi yo kwitegura. Igihe kiri gushira. Mube maso kandi mwitegure. Aya n'amagambo yanjye. Ndi ukuri kw'amagambo yanjye. UMWAMI WANYU YAHUSHWA.

## **IGICE CYA MAKUMYABIRI: ISAHA YANYU IREGEREJE**

Reka dutangire (Gashyantare kuwa 20. 2012). Niteguye kuguha amagambo. Bana ninjye, UMWAMI wanyu kandi niteguye kuguha icyerekezo gishya.

Isi irarangira vuba. Igihe kiraje vuba mu isi kubona umujinya wanjye. Iyi saha iraje vuba cyane bana, n’umuvuduko uhambaye. Igihe gisigaye ni gito ku isaha. Isi yugarijwe n’akaga. Vuba bose barabimenya, vuba cyane.

(IBYAHISHUWE 14:10). Bana mugomba gutuza mukitonda. Ntimwirengagize iyi miburo y’ingenzi. Mube maso mwigure. Kuza kwanjye kuregereje. Hari igihe gito cyo gutakaza. Mugomba gukanguka. Sinzategereza igihe cyose bana. Sinshobora.

Ngomba kvanaho umugeni wanjye tukajyana. Ariteguye. Yariteguye ubwe. Ndashaka ko namwe mwigura, bana banjye. Nimunsange mu kwicisha bugufi. Iyi ni isaha yanjye yegereje. Ntimurindire ibihe byose.” Ntabwo mufite igihe kidashira”. Isaha yanyu iri hafi kurangira. Ndabizi ibi bibageraho bitangaje kandi bikomeye kubyizera, ariko ni ukuri, isaha iregereje mbere y’uko njyana umugeni wanjye. Ariteguye. Nдитеguye kandi isi yanteye umugingo by’ukuri.

Vuba cyane, umugeni wanjye utegereje araba atagitegereje kandi sinzamwemerera gusigara inyuma guhura n’ibyo bigiye kuza vuba kuri abo bose bampindutse bari mu isi. Yariteguye kandi isaha ye iregereje yo kumujyana mu mutuzo (IBYAHISHUWE 19:7).

Iki kizaba ari ikintu gitangaje ku rwego rutigeze rubaho mu mateka y’umwana w’umuntu.

Bana mwigure kugira ngo muzajyane nanjye. Nimunsange mu kirere. Ndashaka kujyana namwe. Ndashaka kubarinda ibigiye kuza. Vuba, vuba cyane ibi byose biraje.

Ntimushukwe n’ibisa nka aho aribyo kandi byiza. Benshi bazagundira isi, nk’aho ibafitiye ibisubizo byose. Ariko ibabakiye

ibiteye ubwoba n'agahinda vuba cyane. Ntimwirengagize kuri iyi miburo. Muyakire nk'ukuri. Mugaruke ku gitabo cyanjye. Mwige ibyanditswe. Mureke ukuri kubajye imbere, ukuri kwanjye.

Munshakishye mushakishye MWUKA wanjye. Mureke UMWUKA wanjye abareke ukuri. Mumwemerere kuza mu buzima bwanyu abahindure bashya, mucengerwe no kumva ijambo ryanjye. Umuntu ntashobora kukwerekana ukuri uretse UMWAKA WERA wanjye (2 ABAKORINTO 2:11-14).

Bana, iyi saha iregereje. Mureke nkore ku mitima yanyu. Mureke mbuhagize amaraso yanjye yo kubacungura. Mureke ntwikire ibyaha byanyu n'amaraso yanjye atunganye ikiguzi natanze ku bwinshi ku musaraba, umusaraba w'isoni, aho naviriranye kugeza ku rupfu kubera ibyaha byanyu. Nabikoze ku bwanyu, bana banjye. Mwese – Naviriranye ku bwanyu – kuri bose bakira iyi mpano. (ABAFILIPU 2:8).

Ni byo ni urukundo rwanjye n'ubushake gucungura ikiremwe mu bibi no mu mivumo iyi isi. Iyi mpano ni iyanyu nimuhitamo kuyifata kandi mukakira imbabazi nyinshi ku nzira y'ibyaha byanyu byinshi.

Mugomba kuyishaka. Mugomba kunsanga mu kwicisha bugufi kuzuye. Ndashaka kubabona muva mu nzira zibafatanye n'urukundo rw'isi. Sinabakira mu bwami bwanjye niba mugifatanye n'urukundo rw'isi.

None mufite guhitamo: Inzira zanjye cyagwa izanyu n'umwanzi wanjye. Aho nta kiciro cyo hagati gihari – Ni kimwe cyangwa ikindi: Ubushake bwanyu cyangwa ubushake bwanjye butunganye ku buzima bwanyu. Aya ni amahitamo mugomba gukora.

Nimuza mu bushake bwanjye butunganye, mugomba kunsanga mu kwicisha bugufi kandi mukagira kwihana icyaha cyanyu. Nzabatwikira n'amaraso yanjye kandi nibagirwe icyaha cyanyu. Ibyabitswe byose bizahanagurwa kandi ubuzima bwanyu buzaba nk'ikintu gishya (ABAHEBURAYO 13:12).

Ibi nibyo bibategereje nimunsanga mu kwicishs bugufi no kunyiha no kwihana ibyaha byanyu bya kera. Iki ni cyo gihe cy'aya mahitamo. Ntimutegereze. Iyi saha iregereje yo kugaruka kwanjye. Nta n'umwe wayihagarika. Mukeneye kwitegura. Mwitegure ubwanyu. Ntegereje igisubizo cyanyu.

Iyi ni IMANA yanyu yihangana n'urukundo YAHUSHWA.

## **IGICE CYA MAKUMYABIRI NA RIMWE: URI HANZE Y'UBUSHAKE BWANJYE ANYIGOMETSEHO**

Reka dutangire, mukobwa wanjye. Bana ndashaka kubabwira ku ngingo nshya. Vuba cyane, bana banjye, nzaza gukuraho itoreror ryanjye, bake nibo biteguye.... Bategereje.....Bake nibo bazajyanwa.

Ibi n'ibyukuri rwose bana banjye. Bake mu bana banjye nibo bafite amakenga, bake nibo babyitayeho. Benshi ntabwo basoma igitabo cyanjye cyangwa ngo bashyire ijambo ryanjye mu bikorwa bakurikize amategeko nashyize imbere yabo. Benshi bakora ibyo bishakiye batitaye kubyo ntekereza.

Rwose bari hanze y'ubushake bwanjye bakora ibyo bishakiye. Mu gihe mugendera hanze y'ubushake bwanjye muba munyigometseho. Ibi birababaje bana, kubera ko benshi batizera ijambo ryanjye bityo bagahitamo gukurikira isi. Bana isi n'umwanzi wanjye. Ntimwagira isi icyarimwe (YAKOBO 4:4).

Bisobanuye iki kuba uw'isi? Bisobanuye guhindukirira Isi kubw'ibisubizo byawe byose: Gukurikira Isi kubw'ejo hazaza hawe, mutekereza ko Isi ibafitiye ibisubizo byose? Uyu n'umutekano w'ibinyoma-gushakira ibisubizo mu bantu - abantu batazi ku by'ejo hazaza. Uretse nyewe, IMANA nzi ejo hazaza. Isi irashakisha ibisubizo byayo ku bantu no ku badayimoni. Imikorere y'isi n'imikorere y'umwanzi wanjye. Umwanzi wanjye arashaka kurangaza abana banjye mu buryo bwose bushoboka kugira ngo ntibanshakeho ibisubizo, bityo ntibazashake kumenya mu buryo bw'ubusabane. Ibi n'akaga bana banjye (ZABURI 20:7).

Umwanzu wanjye arashaka aho azabahera akabarimbura. Azakoresha uburyo bwose bushoboka bwo kubajyana. Azakoresha inzego z'imirimu yo mu matorero, imiryango uburyo amafaranga n'ubukire, imyidagaduro, n'ibindi bishya mushobora gutekereza. Aya n'amayeri ye kugira ngo abamvaneho kugira ngo abarangaze.

Iyi niyo migambi ye yo kubarimbura kandi yamaze kwigarura benshi. Uretse bake b'ukuri nibo bankurikira, banshakisha, babaza

aho ndi. Iri niryoro torero ryanjye ry'ukuri. Abo nibo bigishwa banjye b'ukuri, bashyize ubuzima bwabo hasi kubwo kunkurikira. Kuki mukomeza gukurikira Isi? Mu gihe arijye mucyo w'ukuri, ndi ubuzima buhoraho. Mbaha ubuzima, ndabakomeza. Ninjye urinda ubuzima bwanyu. Ninjye ntanga ubuzima cyangwa nkabutwara, ntawundi (YOBU 12:10). Kuki mukomeza kunyirengagiza? Mugashaka abandi bakunzi, abakunzi batariho? Murimo muricukurira ibyobo - ibyo mutazashobora kuvamo.

Nimunsange. Mwihane kandi mumpu ubuzima bwanyu bwose. Ninjye nnyenyine ufite ibisubizo byose. Uretse nje wabakorera ibintu byiza. Nijye ufite urufunguzo rw'ejo hazaza h'ubuzima bwanyu. Mushake kumenya mu buryo bw'ubusabane. Munkurikire mu buryo bukomeye kugira ngo mbahe imfunguzo z'umwami. Iyi si nta kintu ibafitiye, uretse imiruhoro, kubatenguha, n'urupfu rwegerere kurimbuka kuri kuza muri iy'isi. Mureke gushyira ibyiringiro byanyu ku Isi yapfuye kandi irimo gupfa - Irapfuye kuko itakinzi nk'Imana yayo n'umuyobozi wayo ndetse n'ubuyobozi bwo mw'Isi.

Abayobozi b'isi bese bashakisha indi myemerere kundusha nyewe Imana n'umuremyi. Iki n'ikizira kandi sinzacyakira. Isi ntigihindira umushyitsi imbere yanjye, noneho vuba ndaza ndongera kubigisha uwo ndiwe. Ngiye kvanaho abizerwa banjye bake mbajyane ahari umutekano noneho isi izahita imenya ko ndi IMANA yo guhabwa agaciro. Atari IMANA yo kwirengagiza. Vuba rero nzavanaho ukuboko kwanjye kurinda noneho umwanzi wanjye azaba akorana imbaraga zuzuye ku isi - we ubwe n'ingabo ze z'abadayimoni. Kizaba ari igihe cy'umwijima kuri abo batuye ku Isi (ZABURI 111:10).

Niki nakora kugirango uku kuri kubagereho? Byose biranditse mu gitabo cyanjye, ariko bake nibo bifuzaga kumenya ukuri. Bajarajara hirya no hino bashakaga ubwenge n'ubumenyi ariko ntibagera ku kuri (DANIYERI 12:4).

N'isaha mbi ku kiremwamuntu: Abantu biruka inyuma y'isi ariko ntibifuzaga kugira ubumenyi ku muremyi wabo. Iki n'igihe kibabaje ku kiremwamuntu. N'ingaruka zo kunyirengagiza, njye IMANA yabo, ni

ngombwa: Ibyaha bikabije, uburwayi, urupfu, ihungabana ry'ubukungu, intambara n'ibihuha by'intambara. Ibi n'ibibazo abantu bahura nabyo igihe bavuye ku MANA yabo bagakurikira isi.

Bana nimungarukire. Igihe ntabwo kirarangira. Ndabakira. Ndabategereje. Muhungire mu maboko yanjye. Nimuze munkurikire. Twabana hamwe iteka ryose. Nabagira abanjye. Mwaza mu bwami mukaryoherwa n'ubuzima buhoraho turi kumwe.

Yego bana, mushobora kunshakisha, umuremyi wanyu cyangwa isi iri kure yanjye. Aya n'amahitamo yanyu. Ndaje vuba ku bwabo bampisemo njye gusa bari kure y'isi. Muhitemo hagati yanjye n'isi, kuko ngiye kuza vuba gukiza abanjye, abo bahisemo kureka isi ku bwanjye. N'iki uri bukore? Ntegereje nihanganye ariko ntabwo ari igihe kirekire. Vuba ndaba ndafite amahitamo uretse kujyana umugeni wanjye ahari umutekano.

Uyu ni UMWAMI wanyu n'UMUYOBOZI, UMUREMYI W'ISI YAHUSHUA

## **IGICE CYA MAKUMYABIRI NA KABIRI: IKIBI KIJE KURIMBURA ISI**

Reka twongere dutangire. Uyu n'umubyeyi wanyu ubabwira, mfite amagambo menshi yo gutanga uyu muni. Hari incubi y'umuyaga irimo kuza – yitwa "ikibi". Ije kurimbura abatuye isi.

Iyi nkubi iraza nimara kujyana umugeni wanjye mu mutekano. Azavamo mbere. Ntabwo azabona akaga kagiye kuza. Hagiye kuza ibyago byinshi ku isi bizasaza abantu. Akaga katavugwa kagiye kuza. Izaba ari isaha iteye ubwoba by'ukuri. Abantu bazatatana bagire no guhangayika. Nta n'umwe wo kwizerwa, mbega isaha y'akaga igiye kuza.

Anti – kirisito azashyiraho ikimenyetso. Azaza mu kwigaragaza kuzuye, imbaraga ze azaziyoboza isi yose. Nta n'umwe ushobora kuzamuhagarika. Abayobozi b'igitugu b'icyo gihe bazaganzwa

n'ubutegetsi bwe mu kwigaragaza no kunyoterwa amaraso. Azaba ntacyo wamugereranya ku bw'iterabwoba rye azazana mu isi. Nta n'umwe uzashobora kwihisha. icyo gihe nta butabazi buzaba buhari. Ntaho guhungira ubutegetsi bwe bw'igitugu. Hazaba hari ubuhungiro bumwe bw'igitugu n'amategeko bye: Ni urupfu no gupfa. Azaba ar'isaha y'umwijima mu mateka ya muntu (IBYHISHUWE 18:4-5).

Bana, muhagurukire uku kuri. Musome igitabo cyanjye. Musome ubusobanuro bw'ibigiye kuza. Ntimufatwe mutiteguye. Mugane ubuhungiro – Nimuze mu maboko yanjye ategereje. Mpagurukiye kubakiza. Niteguye kubakira, kubaha umugisha kandi nkabazana mu bwami bwanjye butangaje, ahari urukundo n'ubwiza buhoraho. Nzabazana dusangire mu bukwe bwanjye aho tuzahurira tugasangira urukundo rwacu iteka.

Ntabwo mukeneye kugira ubwoba bw'ejo hazaza. Ntimukeneye kugira impungenge ku bijyanye n'akaga kagiye kuza. Mukwiriye kunyiha gusa. Mukwiriye kunyitangaho muburyo bwuzuye. Mumpi ibyanyu byose: ubuzima bwanyu, ubugingo bwanyu, imitima yanyu, imigambi yanyu y'ejo hazaza. Mungire umwami n'umukiza wanyu wuzuye. Nzabayobora aho umutekano uri. Bake nibo baza, bake nibo bifuza kuba bamwe muri gahunda yanjye yo gukiza, nimbazana mu mutekano nkabajyana mu ijuru ryanjye.

Muzabona imibiri mishya y'ubwiza. Izaba ari imibiri yuzuye umucyo, umucyo wanjye wo mu ijuru. Uzaba urabagirana, uhoraho, udahinduka, w'ubwiza. Bana banjye umugeni wanjye azaba ari mwiza, azaba ari uw'igikundiro kumureba.

Nibyoyi, iri hindurwa ry'itorero riri hafi kuba. Ntabwo azongera gusa uko yasaga. Azaba ari umuntu udasanze. Iri hindurwa rizaba mu kanya gato nk'ako guhumbya. Mukanya gato itorero rizaba rihinduwe ryiteguriwe umukwe wanyu, ryiteguriwe ukugaragara kwanjye mu kwezwa no gutungana birenze: bagaragara nk'abadasanzwe (1 ABAKORINTO 15:51-54).



Azaba ari mwiza mu kugaragara kwe. Umugeni wanjye ndamuzi, ndabizi ko ari maso kandi aranshakisha. Niwe napfiriye. Niwe wakira impano yanjye, impano yanjye y'ubuntu ku kiremwamuntu y'agakiza. Bake nibo bifuzwa iyi mpano kandi nibo bayishakisha. Ibi birambabaza, bana. Narapfuye mpfa urupfu rubi kugira ngo nkize abantu bose. Ni bake bashaka aka gakiza, bake nibo bakira aka gakiza kandi bakanyiha mu buryo bwuzuye. Nimuze bana banjye ntimube muri abo basigaye kandi batakaye. Mugarure ibitekerezo byanyu. Munshakisha nta kwizigama. Muhungire mu maboko yanjye abategereje.

Iyi saha irimo irarangira. Muri hafi kubona intangiriro y'ibibi n'itotezwa rikomeye. Mukanguke vuba. Mwuzuze amavuta amatabaza yanyu. Ntabwo muzaza, kubera ko atuzuye (MATAYO 25:4).

Nimuze mwakire umwuka wera mu buryo bwuzuye. Azabazana mu rukundo rwuzuye hamwe nanjye. Nabozza mu maraso yanjye nkabakuraho ibizinga ku myenda yanyu nkabategurira ubwami bwanjye. Ibi ni ukugira ngo mbakureho imyanda kandi mbatunganye: umugeni wanjye mwiza (ABEFESO 5:27).

Ndashaka kubazana muri uyu mwanya, umwanya w'umudendezo kandi n'ubuzima buhoraho. Rwose nimunsange mu kunyiha kuzuye natangira no kubategura. Igihe kiri gutakara.

Nimuhitemo. Murasigara inyuma cyangwa muraza mu mutekano no mumudendezo? Ubu bana, mufate icyemezo. Ndashaka ko mwitegura, ukwitegura nyako. Urukundo rwanjye rurabategereje UMWAMI WANYU YAHUSHUA.

## **IGICE CYA MAKUMYABIRI NA GATATU: ISAHA YEGEREJE SAA SITA Z'IJORO**

Reka twongere dutangire. Bana uyu n'umwami wanyu ubabwira. Mfite amagambo menshi yo gusangira namwe.

Igihe cyagiye, bana banjye. Kiri kwiruka cyane, isaha iragiye. Imeze nk'urushinge rw'isaha rugiyeye kugera saa sita z'ijoro. Hasigaye iminota ibiri ku isaha.

Ibi bishatse kuvuga ko musigaranye igihe gito cyo kwitegura, mu by'ukuri ibyo nshaka kubabwira n'ukugira mutegure imitima yanyu, no kugira ngo mwitegure ubwanyu. N'isaha yo kugaruka kwanjye yururutse, n'ukuza kwanjye ko kuvana umugeni wanjye mu gitugu cy'umujinya ugiye kuza. Ntabwo ari bufatirwe mu bibi bigiye kuza. Ndamukura mu isaha y'umwijima igiye kuza. Ntabwo azigera ahura n'ibibi bigiye kuza.

Umugeni wanjye ni mwiza kandi aranyiteguye, UMWAMI WE  
N'UMUKWE WE

Amaso yanjye ari kuri we gusa. Ubwiza bwe buranshimisha. Anyuhagiza ubwiza bwe. Umugeni wanjye ni abantu biteguye – n'abantu biteguye kwakira umukwe wabo (INDIRIMBO YA SALOMO 4:9).

Baritunganije bariteguye ubwabo. Bogejwe mu maraso yanjye. Biyogeje mu ijamba ryanjye. Bari maso bantegereje. Banshakisha buri muni. Banyitayeho. Dusangira ubusabane hagati yacu. Turaziranye. Abantu banjye bashyize ubuzima bwabo imbere yanjye kandi baretse ibyifuzo by'isi. Bigurishije kuri njye gusa. Bashakisha mu maso n'ijwi byanjye. Bazi ijwi ryanjye. Ndavuga bakankurikira. Biruka bansanga (YOHANA 15:19).

N'abo igiciro mu maso yanjye. Ndayobora bakankurikira. Ubuzima bwabo busakaza umucyo wanjye ku isi. Bagaragaza ishusho yanjye ku isi, yatakaye irimo gushira.

Vuba uyu mucyo uravanwa mu isi hazasigara umwijima. Ibicucu bizinjira bitangire kuyobora isi – umwijima uzatsemba isi – impande zose. Uzaba ari umunsi w’umwijima koko.

Ntimukwiriye kuba muhari kuri iyo saha. Mushobora kunkurikira mu kunyiha kuzuye. Nzabiyegereza, mbarinde, mbayobore mu mutekano, ninza kubw’itorero ryanjye, itorero ryanjye ryiza, ririteguye kandi nzaririnda umwijima ugiye kuza.

Bana, isaha yanjye iregereje. Hasigaye igihe gito. Mugomba kwitegura. Rwose hasigaye igihe gito. Ntimutakaze iki gihe, muri gushakisha ibintu by’isi. Mufate igihe cyo kwitegura.

Munshakishye n’imitima yanyu yose. Mwishane ibyaha byanyu byose. Ndashaka kumva kwihana kwanyu nyakuri kw’imitima yanyu yuzuye ibyaha. Umutima w’umuntu uramushuka. Uretse nje ni nje ushobora kureba ibiwukorerwamo. Ndeba no mu byumba by’umutima ibyaha byometsemo bitagaragara (YEREMIYA 17:9).

Ninjye nnyenyine mfite imbaraga zo kubuzuzanya mbinyujije mu maraso yanjye ku bw’ibyaha byanyu. Ibi nifuzanya kubibaha kubeza no kubatunganya (IBYAKOZWE 22:16).

Bana, bana banjye, ndabategereje ko munsanga mu kwihana guciye bugufi, ukwihana kuvuye ku mutima. Mugende musanga umucyo wanjye: mwakire agakiza kanjye, igitabo cyanjye, amaraso yanjye yaguze agakiza. Mureke mboze mbategure. Ninjye nshobora kubakorera ibi. Mutange ubuzima bwanyu ku birenge byanjye. Mureke mwakire bwuzuye. Ntimutinye. Isi irimo iradandabirana. Nta bisubizo ibafitiye nta kuri. Ntabwo ari iyo kwizerwa. Ninjye gitare. Ninjye mwakiringiza ubuzima bwanyu. Mumpe ubuzima bwanyu bwose. Mubumpe bwose, mutibaza byinshi.

Mubumpe nzabwakira, mbafate neza. Nzabagira ibihembo byanjye mbuzuze urukundo rwanjye, umwuka wera wanjye, amahoro yanjye. Ntabwo muzatinye ikibi kigiye kuza kuko amahoro yanjye azenze imyumvire y’abantu. Ntanga amahoro atagereranywe. N’amahoro adasanzwe. Birimo gutegurirwa imbere y’Imana yera. Ibi

birakwiriye kandi n'iby'iteka ryose. Nsobora kubageza kuri ibi... Amahoro atagereranywa.

Ubu n'isaha yo kungaragariza kwizera kwanyu, ko kumpitamo. Nimutampitamo muzahitamo umwanzi wanjye. Hari amahitamo abiri – abiri gusa. Uri uwanjye cyangwa unyigometseho. Nta mwanya wa gatatu uhari ntimushukwe. N'unyaha igice ntabwo uri uwanjye ndashaka ko munyaha byuzuye.

Ni munsange byuzuye, mu kwihana guciye bugufi kandi nzabavanaho ibyaha byanyu bibabe kure nk'uko iburasirazuba hitaruye iburengerazuba. Ntabwo nzongera ku bibona. Nzabiyuzuzamo. Tuzasangira ubusabane muzamenya IMANA yanyu, muzamenya by'ukuri. Nifuzako tumenyana (ZABURI 103:12).

Rwose nimuze, nimuze mumenye, mu by'ukuri nkwiriye kumenywa nzabazana ahantu h'amahoro n'ubumenyi. Mwuka wanjye azabayobora abafungure amaso ku kuri, ubuzima bucunguwe bw'ukuri. Azabereka igihe mugezemo. Muzagaragarizwa ukuri kutigeze kumenywa, ku bw'ibyo muzakizwa kandi muzamenya ko mwemerewe umwanya mu bwami bwanjye, ibi nibyo nifuzako kubagezaho.

Nimuze mumenye IMANA yanyu. Mureke tugende dufatanye mu biganza nzabayobora. Igihe kirarangiyeye. Isaha iri ku mpera, nimumpitemo.

Ndi UMWAMI wanyu n'UMUCUNGUZI wanyu UKOMEYE MESIYA UMWAMI UCIYE BUGUFI YAHUSHUA.

## **IGICE CYA MAKUMYABIRI NA KANE: MUREKE AMAKIMBIRANE HAGATI YANYU**

Reka twongere dutangire. Bana banjye mbafitiye andi magambo mashya.

Uko bigaragara byose siko biri. Ibintu birimo biregereza nk'uko mwabyumvise. Bana banjye, umwijima uraje. Umwijima urimo uraza hose. Uko muzi ubuzima burimo guhinduka mukanya gato. Vuba, hazaba hatari ukureba inyuma, nta mahirwe azaba ahari yo gusubiramo.

Izi ni imbuzi zanjye. Ndimu ndababurira ariko bake nibo banyumva, babyitondera. Kuki abana banjye batumva? Bazatungurirwa mu isi yabo – Itari isi yanjye, Atari imitekerereze yanjye, Atari imbuzi zanjye. Ibi n'iby'ukuri bana banjye. Ntabwo mbaburira ku bw'inyungu zanjye, ahubwo kubw'inyungu zanyu. Nzi ibigiye kuba. Ndashaka ko namwe mubimenya (MATAYO 6:24).

Bana sinshaka ko muguma mu mwijima. Ndashaka ko muhagurukira ukuri. Ndashaka ko mumenya ibigiye kuba. Rwose nimukanguke! Mugire amakenga y'ikibi – kuko kirabegereye. Byose byahindutse ikibi. Nta n'umwe wakira ukwezwa. Buri muntu yarayobye (YESAYA 53:6).

Uretse umugeni wanjye mwiza niwe usigaye wo kwizerwa. Niwe wenyine ukindeba. Niwe unshakisha n'urukundo niwe unshakisha buri mwanya. Uyu n'umugeni wanjye, itorero ryanjye ry'ukuri.

Bana, mureke guhangana. Murimo gusenyanana. Mureke kujya impaka ku magambo yanjye. Iyi si isaha yo kurakarira mugenzi wawe. Umwanzi yaraje arabayobya. Arashaka kubiyegereza ku rwego rwe ngo mumere nka we. Mureke amatiku hagati yanyu mukundane (YOHANA 13:34).

Mwihane hagati yanyu. Mwiaturireho imigisha hagati yanyu atari imivumo. Iyi si isaha yo gukimbirana. Mushyire hasi intonganya munsange. Nzabereka uko mukwiriye kubana. Abana banjye baraguye kuko barahangana hagati yabo. Ubu si bwo buryo. Ubu

ntabwo ari uburyo bwanjye. Mumpindukirire mwihane. Noneho mwiye. Mubabarirane. Isaha irangiye. Nimureke amakimbirane mufitanye, ababuza agakiza kanjye k'iteka ryose.

Ndashaka kubakiza bana banjye, ariko ntabwo nakiza abana bafitanye amakimbirane. Ibi ntibishoboka. Murimo murahagarika ubusabane hagati yanjye namwe (MATAYO 6:14). Rwose mubabarirane by'ukuri mwibagirwe ibyo mwakorewe. Ubu nibwo buryo bwanjye bana, uburyo bw'IMANA YERA. Mushyire hasi inzika mufitanye munsange mukwihana (MATAYO 6:15).

Ndashaka kubakiza iki cyaha. Nta cyaha mu isi wagereranya n'agakiza k'iteka ryose. Ndabinginze mwibuke ibi. Bana, urukundo rwanjye rurahebuje, ariko sinirengagiza icyaha. Rero mwihane uyu munsu kandi mubabarirane. Iki abe aricyo muharanira. Ntimugire icyo musiga inyuma. Mubabarire bese, kugira ngo nanjye, DATA wanyu wo mu ijuru azabababarire. Ibi biroroshye, ariko bake nibo bazi akamaro ko kubabarira bagakira ibikomere bya kera.

Mureke mbakize akababaro ka kera. Muniyikoreze imibabaro yanyu kugira ngo mbakize. Ninjye mbishoboye. Nimuze mbikorere imitwari yanyu. Nzabikora kuko ndabishoboye.

Mubabarire abo babagiriye nabi mumpindukirire mbakize agahinda. Nshoboye kongera gusana imitima yanyu. Iri niryo sezerano ryanjye.

Musome ijamba ryanjye. Ndi IMANA isana. Mureke mbanane mbahindure bashya. Ninjye nsana nta wundi. Mureke mbereke urukundo rw'ukuri. Ninjye ntanga urukundo rw'ukuri (YOWELI 2:25).

Nibyo, isaha yegereje kugaruka kwanjye. Mureke mbanane kandi mbanane ku bw'ubuzima bushya muri njye. Mureke mbategurire kugaruka kwanjye. Nditaguye kandi ndabishaka. Ninjye byiringiro byanyu, ibyiringiro byonyine.

Nimunsange. Iki nicyo gihe. Ntimutegereze igihe kirekire. Ninjye njyenyine nkwiye. Umwana w'Intama niwe ukwiye. Muhungire mu maboko yanjye, vuba. Uyu n'UMWAMI wanyu YAHUSHUA.

## **IGICE CYA MAKUMYABIRI NA GATANU: SI NZABAJYANA NIBA HARI ICYAHA MUFITE MUTIHANNYE**

Mureke twongere dutangire. Niteguye kubaha amagambo menshi: Bana, isaha yo kugaruka kwanjye iregereje vuba. Ije ku gihe cyayo.

Bamwe bibwira ko ntazagaruka. Benshi bibwira ko nzagaruka nyuma y'imyaka myinshi. Bana banjye, ndagarutse vuba kugaruka kwanjye kuri hafi. Ndi kurugi. Kugaruka kwanjye kuzatungura benshi. Benshi bazaba basinziriye mu gihe nzaza, basinziriye mu buryo bw' umwuka (1 ABATESALONIKA 5:6).

Vuba, iyi saha iraje. Uretse abo bari maso, bategereje nibo bazaba biteguye. Abo batitondeye kugaruka kwanjye bazasigara guhura n'ibizaza. Igihe kiregereje.

Bana, mugomba kwitegura. Ntimutungurwe. Si nshaka ko hari umuntu usigara unyuma, ariko ikibabaje n'uko benshi bazasigara. Mbega isaha mbi igiye kuza. Ndashaka ko mukanguka mukumva uku kuri. Ndaje ngeze no kurugi. Vuba, nta n'umwe uzatungurwa n'ibibaye kuko ukuri kuzaba gusohoye. Isi izamenya ko habaye impinduka muri yo, impinduka zikomeye. Vuba, ntibizongera kumera uko byari bimeze.

Bana banjye nimutege amatwi hafi yanjye, ntabwo nzabajyana niba hari icyaha mutihannye. Ntituzajyana. Ntibishoboka, bana banjye. Rero muze imbere yanjye mwihane ibyaha byanyu. Rwose iki nimukigire icy'ingenzi (LUKA 13:5).

Nimuze mwiunge nanjye. Ndifuza kubazana mu bwami bwanjye. Ndashaka kubakiza ibigiye kuza. Ntabwo nabajyana, niba mutari abanjye. Niba mutaraza imbere yanjye, ngo mumppe ubuzima bwanyu, ntabwo muri abanjye. Iki n'icy'ingenzi bana. Mugomba kumpa ubuzima bwanyu. Mukabushyira hasi ku birenge byanjye. Musigarane ubusa.

Iki nicyo gihe cyo kuza imbere yanjye mu kwihana guciye bugufi. Nimunzanire imihangayiko n'ibibazo byanyu... ndashaka ubuzima bwanyu. Ubuzima bwanyu bw'ibikomere n'imibabaro,

nzabuhinduramo ubuzima bw'urukundo, ibyishimo, kandi byuzuye. Vuba, vuba cyane ndaje kandi mukwiriye kwitegura. Iyi saha iregereje. Mureke mbazanire kuruhurwa no gusanwa kuzuye.

Urukundo rwanjye rushobora gutwikira ibyaha byanyu byose. Nimunsange ndabategereje n'amaboko arambuye, ibiganza byo kubakira no kubakunda (Luka 5:31).

Ntimutinde iyi n'isaha y'agaciro. Ntabwo nzatinda kujyana umugeni wanjye. Niteguye kumujyana mu rugo mu mazu meza cyane namuteguriye aha niho azajya gufatwa neza.

None bana banjye mwigure ubwanyu, kubwo kuza kwanjye kuri hafi. Ndababwira nk'umubyeyi ubwira kandi ukunda abana be. Ndashaka kubakiza, nkabakura muri iyi isi igiye gusara. Mureke mbereke umuryango w'ubuhungiro. Urugi rurafunguye, ariko vuba rurafungwa. None mwigure, kuko niteguye kubakira.

Uyu ni UMWAMI IMANA yanyu yo mu ijuru, YAHUSHUA.



## **IGICE CYA MAKUMYABIRI NA GATANDATU: MUKOMEZE MUMPANGE AMASO**

(Luka 13:24-25) Reka twongere dutangire. Bana, uyu ni UMWAMI wanyu uvuga.

Ndashaka ko mukomeza kumpanga amaso, amaso muyampanze. Iyi ntabwo ar'isaha yo kujya hirya no hino muhanze amaso isi. Iyi n'isaha yo kwitegura no gutumbera. Iyi n'isaha yo kwitonda no kumpanga amaso ku bwo kwitegura kugaruka kwanjye kuje. Buri muni igihe kiregereza.

Ntimwiringagize izi mbuzi zanjye. Izi mbuzi zanjye zirimo ziva mu mpande zose. Ndimu ndatanga ubutumwa buva mu byerekezo byinshi. Ubutumwa burimo guca mu: Ibiza, mu ntambara, no mu mpuha z'intambara, mu bahanzi, no mu bavugabutumwa, mu bimenyetso n'ibitangaza byo mu kirere. Nta kwiregura n'usigara inyuma.

Nta n'umwe uzarenganya uretse wowe ubwawe nusigara inyuma ugahura n'ibibi bigiye kuza. Igitabo cyanjye kirabisobanura neza ibijyanye n'ibihe murimo ubu n'ibigiye kuba mu isi: Bana, muhagurukire uku kuri. Ntimuhagarare imbokoboko mwibwira ngo ntacyo nabahaye cyo kubayobora nta n'imbuzi. Nabahaye igitabo cyanjye, ariko nimwanga mukirengagiza amagambo yanjye n'imiburo, sinzabafasha.

Nabasobanuriye neza mu butumwa bwanjye mwahawe. Muzahagarara imbere yanjye mudafite icyo kwireguza nimwanga kwakira ubu butumwa. Ntabwo nabinginga ngo mbasabe kuntega amatwi, sinzabahatira gufata icyemezo. icyemezo n'icyanyu (2 PETERO 3:3-4).

Bake nibo bazafata umwanzuro mwiza cyangwa nibo bazagerageza guhitamo. Nta mahitamo arimo guhitamo umwanzi wanjye. Birababaje kuko benshi batahitamo, ahubwo bazaguma mumbaraga n'ubushobozi bw'umwanzi wanjye. Ibi birambabaza cyane kuko natanze igiciro gihenze ku musozi wa Kaluvaliyo kugira ngo abana banjye babone umudendezo, w'ukuri babohoke ku

mwanzi. Ntabwo ari ngombwa ko abana banjye bababazwa nk'aho badafite ubitayeho muri ubu buzima cyagwa mu buzaza nta byiringiro by'iteka ryose (MATAYO 24:37-39).

None bana, nimukanguke! Mwakire ibi, mbega impano nziza ntanga kandi mureke ngure umudendezo wanyu. Nabikora ndabishoboye. Ni ibyanjye kubibaha kandi mbitangira ubuntu. Biranshimisha kubuzuzwa amahoro no mu bitekerezo. Ibi byose n'ibyanjye ni mungarukira, mwitange mu buryo bwuzuye, muzane ubuzima bwanyu ku birenge byanjye. Mureke mbabere umwami n'umuyobozi. Mureke mbuzuze umwuka wanjye kandi mbatwikire n'amaraso yanjye kugira ngo mpanagure ibyaha byanyu mu byanditswe (LUKA 17:16).

Mureke mbereke inzira yo kunyura mbakure mu nzira z'umwanzi. Nimunsange kandi mwakire imitima yejeje icishijwe mu muriro wanjye, yogejeje mu mazi y'ijambo ryanjye. Ibi n'ibyanjye (YOHANA 15:3).

Va ku migambi yawe yose umpe ubuzima bwawe, n'imigambi yawe yose. Mureke mfate ubuzima bwanyu. Nasimbuza ubuzima bwanyu imigambi yanjye myiza n'ubushake bwanyu ku buzima bwanyu-imigambi yari igenewe ubuzima bwanyu nari narabibateguriye, igihe nabaremaga. Mugendere mu bushake bwanyu, ntimwongere gucumura mugendera mu bushake bwanyu. Nimuze mu bushake bwanyu mutungane imbere yanjye. Ibi nibyo byifuzo byanjye ku buzima bwanyu.

Ndi umuremyi wanyu. Nzi ibyiza bibakwiriye. Nimuze mwakire iyi mpano ikomeye – Amahoro n'umuremyi wanyu.

Bana, isaha iregereje. Ntimutakaze igihe kirekire mu gufata uyu mwanzuro. Iyi saha iratangaje. Ntimwifuze kureba ibi bibi. Nimunshakisha nzabereka uku kuri mfungure amaso yanyu. Nzabakuraho amagaragamba ubundi mbatunganyirize gutahana nanjye mu mutekano (IBYAKOZWE 9:17-18).

Ndashaka ko mukanguka. Iki nicyo cyifuzo cyanjye, kuri mwe kugirango muze mu biganza byanjye bibategereje.

Ntimushidikanye. Gushidikanya n'ikibi bishobora kubabuza agakiza k'iteka ryose. Aya magambo arava ku MUREMYI wanyu ubitaho ubakunda YAHUSHUA.

## **IGICE CYA MAKUMYABIRI NA KARINDWI: MUGOMBA KWITEGURA NIBA MUSHAKA KUJYANA NANJYE**

Reka twongere dutangire. Bana nd’Imana yanyu kandi mbafitiye amagambo.

Isaha irarangiye. Vuba ndaza gufata umugeni wanjye kumujoyana mu mutekano, aho yagenewe. Azazamurwa hejuru y’isi agendera mu bwiza, n’intsinzi yanjye. Nzamwishyira duhurire mu kirere.

Iki gikorwa kitwa “Izamura” uko mwabyita kose iki gikorwa kiraba vuba. Nzavana umugeni wanjye muri iyi isi igiye gushira burundu idafite uwayirengera, isi iri kure y’Imana yayo (1 ABAKORINTO 15:51-52).

Ndi IMANA iyobora, ubu isi igiye guhura n’ibihe bikomeye idafite ukuboko kwanjye gukomeye ko kurinda. Vuba ibi biraba.

Benshi bazahamirizwa iki gikorwa kuri abo bazaba basigaye inyuma. Bake bazabihamirizwa n’abo bazaba bakuwe mu isi. Ndashaka ko muzaba muri abo bazakizwa, ariko mugomba kwitegura niba mushaka kujyana nanjye. Abo bonyine biyogeje mu maraso yanjye bategereje ukugaruka kwanjye bazajyana nanjye nimpamagara umugeni wanjye hejuru. Bake gusa nibo bazaza. Ibi ni byo, abandi bose bazasigara (1 YOHANA 1:7).

Mbega umubabaro ubategereje, abo bazasigara inyuma. Ntubw umwe muri abo. Ntabwo ugomba kubamo. Nabaciriye inzira. Nabateguriye aho kunyura. Nacye inzira n’amaraso yanjye. Inzira yanyu irateguwe irarekuwe muri njye. Nta yindi nzira.

Nta wundi wabakiza. Nta bindi bisubizo bihari. Uretse iki: Mumpindukirire, munyihe. Ntimushidikanye. Mukore ibi vuba kuko kuza kwanjye kugeze hafi. Mufate igihe cyo kumenya. Nditaguye kandi ndategereje. Urukundo rwanjye rurategereje.

Nimunsange mu kwicisha bugufi. Nzabategurira mu maraso yanjye arinda no mu ijamba ryanjye – ukoza kw’ijamba ryanjye (ABEFESO 5:25-27).

Nimunsange. Ntimutakaze igihe. Iyi n'isaha yo gukomera ku MANA.  
Ntimurindire igihe kirekire.

Ndi UMWAMI IMANA YANYU YAHUSHUA.

## **IGICE CYA MAKUMYABIRI N'UMUNANI: UBUZIMA BWANYU BW'ITEKA RYOSE BURI KU MWUNZANI**

Reka twongere dutangire. Igihe kiri kugerwa ku mashyi bana, cyo kuza kwanjye. Kiregereje.

Ni byinshi byo gukora kugira ngo mwigure. Mbafitiye byinshi byo gukora. Ndashaka ko mumpa ubuzima bwanyu mu buryo bwuzuye. Ndabushaka bwose: Kwitanga kw'igice ntabwo ari ukwitanga. Rwose ibi ntimubifata nk'iby'agaciro. Kubaho kwanyu kw'iteka ryose kuracyajajara. Uretse kwitanga k'ukuri, ntabwo muri abanjye by'ukuri, ibyo wavuga byose cyangwa watekereza; uretse kunyaha ni bwo buryo bwonyine uba ur'wanjye byuzuye.

Bana, ndashaka ko mugumya kumpanga amaso, amaso yanyu yose ari kuri njye. Nzi inzira yo gusohokeramo. Nzi icyerekezo cyo guhungiramo: Ninjye ufite urufunguzo rwo gutabarwa kwanyu, kugukiza ibigiye kuza.

Nimureba uburyo n'ibumoso murarangara. Ntimubyemere. Isaha irarangiye. Bana banjye mukwiriye gukanguka. Mugarure ibitekerezo. Mube maso (MATAYO 7:14).

Isaha irangeranye kugira ngo mvaneho umugeni wanjye, tukajyana hamwe mu rugo, kumuherekeza mu mazu mashya, aho tuzabana iteka ryose: umukwe we.

Ndifuzza kumutwara mu biganza byanjye, musukeho urukundo rwanjye, kumwishimira, kandi nkamwereka urukundo rwanjye. Ibi biraba vuba. Nditeguye n'umugeni wanjye ariteguye. Ategereje mu kwihangana.

Umugeni wanjye n'umucyo w'isi: araka cyane mu mwijima, isi mbi. Niwe mucyo usigaye. Umucyo we ni mwinshi kandi ugaragarira mu wanjye. Uyu mucyo n'ukuri – ukuri kwanjye guhoraho. Ibindi byose n'ibinyoma by'umwanzi wanjye. Yujuje isi ibinyoma n'ukuri kutuzuye. Isi yarayobejwe kandi abantu ntibabibona (YEREMIYA 17:5-6).

Isaha irageze kugira ngo abana banjye bakanguke, bahure n'ukuri. Isi yegereje gushira. Igihe gishya kiraje: Igihe cya Anti-kirisito gikurikiriwe n'impinduka mbi. Nta n'umwe uzarokoka keretse abankurikira by'ukuri abo nzajyana mu rugo, nimbajyana mu mutekano. Aba nibo bonyine batabona ibigiye kuza- Ibyo isi izahura nabyo umwanzi wanjye namara kugera ku buyobozi yemerewe kuyobora no gutegeka. Mbega umunsi mubi ur'imbere (IBYAHISHUWE 17:16-17).

Kizaba ari igihe cy'icuraburindi ku kiremwamuntu, umwijima ukabije n'ibiteye ubwoba bigiye kuza. Isaha iraje ku muvuduko uhambaye. Vuba ibintu birahinduka ntibizaguma uko byari biri.

Bana ndashaka ko mwigura tukazamukana muva muri iyi isi. Ndashaka ko tujyana. Mushobora guhunga ibigiye kuza mu isi ni muvanaho ibibahumishije amaso mukansanga mu kwihana guciye bugufi no kwitanga kuzuye. Nifuzza kubatwara mu biganza byanjye, no kubarokora akaga kari imbere, nicyo cyifuzo cyanjye cya mbere, kubarokora isaha iteye ubwoba igiye kuza.

Nashyize ahagaragara amagambo yanjye menshi n'ibimenyetso kugira ngo mbagezeho uku kuri. Bake nibo babyitondera. Benshi baracyishyinye kuri iyi isi y'indaya n'ibibi byayo. Nibyo, bana igihe cyose mukigundiriye iyi isi n'inzira zayo muba mukomeje ubusambanyi no kundwanya kandi si nzabakira mu bwami bwanjye. Nimusohoke bana banjye. Ni muhunge isi n'ibyo ishingiyeho byose. Iyi isi n'icyaha, irwanya Imana, sinshobora kuyihanganira na gato (EZEKIYELI 16:35-36).

Igihe kiri gutakara. Mugarure ibitekerezo byanyu. Mufungure amaso murebe ibihe murimo. Ntimushukwe n'ibyo mubona nk'aho ari ukuri.

Nzabajyana mu bwami bwanjye iteka ryose. Nimunyihe byuzuye. Mungire UMWAMI N'UMUYOBOZI WANYU . Isaha y'icyemezo n'iyi. Nta gutinda!

Uyu ni UMWAMI N'UMUYOBOZI WANYU YAHUSHUA.

## **IGICE CYA MAKUMYABIRI N'ICYENDA: MUGOMBA KUNSANGA MWIRUKA MUTAZARIRA**

Yego mukobwa, reka dutangire. Bana banjye, uyu n'umwami wanyu uvuga. Ndashaka ko mumenya ko ngiye kuza vuba. Isaha igeze ku rugi: Vuba ndafata inzira nze gutwara umugeni wanjye. Ni uw'igikundiro kandi ubwiza bwe buramurika.

Ndamureba n'ukwifuza gukomeye n'amatsiko menshi kugira ngo tujyane mu majuru ye meza kandi mu rugo namuteguriye. Iyi saha iregereje, bana banjye. Mugomba kwitegura. Mugomba kugira imyiteguro.

Hari umunsi w'umwijima wegereje. Vuba ndajyana umugeni wanjye. Ndamujyana ku ruhande mu mutekano. Ibi n'ibindi bihe. Kugaruka kwanjye ku geze ku rugi. None muze vuba mu biganza byanjye bitegereje bana banjye.

Mugomba kunsanga mwiruka mutazarira. Ntimube abana bigometse. Ntimufate ibi nk'imikino imbuzi zanjye n'iz'ukuri. Nzabazana muri uyu mwanya; ndashaka ko mukanguka, muze ahari ubuzima, guhura n'ukuri. Iyi saha igeze ku rugi vuba.

Nimunyumve bana, ndashaka ko mukanguka. Hari ibiteye ubwoba bigiye kuza ku isi. Ibiteye ubwoba bigiye kuza ku isi bitunguranye. Kandi byamaze kugera hasi bidafite rutangira. Nta mugabo, nta mugore, nta mwana wahagarika ibigiye kuza.

Hazaba ingaruka mbi kuri abo birengagije imiburo yanjye. Nashyize ahagaragara imiburo yanjye mu buryo bwinshi, mbega imiburo myinshi. Muzaba mudafite urwitwazo nimuvuga ngo ntabwo mwigeze mumenya.

Buri muntu azahanirwa icyaha cye - nk'uko nabisobanuye mu gitabo cyanjye. Byose byanditse neza mu gitabo cyanjye niba abana banjye bagerageza ku gisoma. Bifata igihe gusoma igitabo cyanjye. Ibyo mukorera isi kandi mukanabishakira muri yo mugomba kubishyira ku ruhande mugafata igihe cy'igitabo cyanjye. Ariko



ntabwo mushyira ku ruhande ibyo mushakisha, kugira ngo mufate igihe cy'igitabo cyanjye (ABAROMA 14-12).

Mwakina n'isi. Ariko ibyo mubona bibengerana ntabwo ari zahabu, bana banjye. Isi igaragara nk'ibengerana kandi nshya, ariko ni uburozi bwuzuye, kandi itanga urupfu gusa. Mushyire isi ku ruhande murebe Imana yanyu. Sinkwiriye gushakishwa? (YOHANA 12:25).

Nibyo, nabapfiriye urupfu rubi ku musaraba mubi w'igiti. Byari umubabaro. Nibyo natanze ubuzima bwanjye kuri DATA hanyuma y'amasaha y'umubabaro mu maboko, y'ababi, y'abanyabyaha, abanzi bari gukora ubushake bwa se, umwanzi wanjye. Iki cyari ikiguzi cyanyu n'ubuzima bwanyu. Ku bw'ibyo si nkwiriye urukundo rwanyu, igihe cyanyu no kunyitondera? (ZABURI 22:12-18).

Nimunsange. Ndashaka ko munsanga mureke mbakire mu biganza byanjye mbafate, mbiteho nk'abanjye. Ndi umubyeyi wanyu ubakunda. Nta rukundo ruhebuje rubaho nk'urwanjye - nta bikorwa bibaho nk'ibyanjye. Ntimunyime urukundo rwanyu. Nimunsange mu kwihana guciye bugufi. Mureke mbasukure, mbeze imbere hanyu. Mureke nuzuze ibyishimo mu mitima yanyu. Ndabishoboye, nabikora.

Iki nicyo gihe. Ntimutegereze cyangwa ngo mushidikanye. Uyu n'umunsi wo kugaruka kwanjye. Nje kubakuramo. Mureke mbuzuze umwuka wanjye. Mureke mbaruhure: mbiyuzuzemo. Igihe kiri gushira, bana. Vuba hazaba hatakiri igihe gisigaye. Ntimwiringagize aya mahirwe y'agakiza karyoshye n'amaraso navuye kubwo kubacungura kugira ngo kandi mbuzuze muri nje by'iteka ryose (MATAYO 25-46).

Nifuza ko tumenyana mu busabane, twakegerana. N'ibyanyu kwakira, nimunsabe ndabibaha. Ndifuza gusangira ubusabane namwe, kugirana ubumwe, n'icyifuzo cyanjye kuba hafi yanyu buri gihe mu buryo bukomeye kuri buri muntu.

Nimunsanga muri ubu buryo nanjye nzabasanga. Ijambo ryanjye rirabigaragaza ndashaka ko tugirana ubusabane. Ndashaka ko munshakisha mu mwiherero aho twasangira umubano.

Bana banjye aha niho mbahera amabwiriza y'uko nshaka ko mubaho mu buzima. Nimunsanga mu busabane twatangira kumenyana ngashyira gahunda yanjye imbere yanyu uko nshaka ko mubaho mu buzima.

Ariko mbere ya byose, mugomba kuba mu bushake bwanjye kandi kuba mu bushake bwanjye mugomba kumpa ubuzima bwanyu - mumppe ibyanyu byose. Mumpindukirize ubuzima bwanyu ntihagire na kimwe gisigara - mumppe ubuzima bwanyu by'ukuri. Ndabushaka mu kwitanga kuzuye. Ibi bisobanura kureka byose n'isi. Ndashaka ko mureka ibyo mwiyeje byo mu isi mukemera kunkurikira aho mbayobora.

Iki ntabwo ar'ikintu abantu benshi bifuzaga gukora. Abantu benshi bifuzaga kugundira ibintu batarekura. Bana banjye, n'ibiki muri kuzana hagati yacu? N'akazi kanyu, n'ubutunzi bwanyu? Ni ibikorwa byanyu? N'abana banyu? N'ibiki muri kuzana hagati yacu? Ni ibiki bibashimisha kunduta? (MATAYO 10 :37-39).

Bana, nimutanshyira imbere ya byose, muzahomba ibibashimisha n'ibyo mundutisha nanjye mumbure. Aya n'amagambo y'ukuri bana banjye, ariko akeneye kuvugwa. Ndashaka ko munyumva mukareba aho mugeze muri njye. Nd'uwambere, cyangwa nta gaciro mfite muri mwe? Bana banjye, mugomba kugenzura aho muhagaze muri njye. N'uwuhe mwanya mfite mu mitima yanyu? Bana muhagarare hafi yanjye - Nifuzaga kubagira hafi y'umutima wanjye. Sinshaka ko musigara inyuma ngo muhure n'ibibi. Nimuze munshake. Mpora ndi hafi, ndabategereje ko munshaka. Urukundo rwanjye rurahebuje! Ntimuhombe ibyishimo by'urukundo rwanjye rw'iteka ryose.

Uyu n'UMWAMI WANYU, UMUKWE, YAHUSHUA.

## **IGICE CYA MIRONGO ITATU: UMUGENI WANJYE NI UW'IGIKUNDIRO MU NZIRA ZE ZOSE**

Yego mukobwa, reka twongere dutangire. Bana banjye ninjye, Imana yanyu. Ndabasuhuza mu izina rya Data, umubyeyi wanyu.

Bana isaha iregereje yo kuvanamo neza umugeni wanjye. Ni uw'igikundiro mu nzira ze zose. Nishimira kumwita uwanjye. Ni umukunzi wanjye. Vuba ndamujyana mu biganza byanjye bimutegereje. Azabana nanjye iteka ryose.

Tuzaba dukina nk'inyenyeri ikina n'indi, njye na we. Urukundo rwacu ntiruzigera rumenya aho rugarukira, rutarangira, n'urw'iteka ryose. Amahoro muzanira azahoraho. Ni umugeni wanjye uryoshye. Arumvira kandi akunda inzira zanjye. N'urukundo rwanjye kandi arankurikira. Agendera mu nzira yanjye ifunganye. Ari maso ku bwanjye. Inzira ze ni nziza.

N'umucyo wa nyuma usigaye ku isi. Agaragaza inzira zanjye ku isi. Isi imbona muri we. Agaragaza ishusho yanjye mu isi. Inzira ze ziciye bugufi nk'umwana wizera. Ibi n'ibigaraza abari mu ijuru.

Isaha yanjye yo kumuvana mu isi iregereje. Ndi kumwizanira. Ndi kumujyana mu mutekano. Vuba, azajyana nanjye mu mutekano aho nzamuhungisha ibibi bigiye kuza. Iyi saha iregereje ntimushidikanye (MATAYO 18 :3).

Ndashaka ko mwitegura ubwanyu nk'uko umugeni wanjye yiteguye. We ubwe ariteguye, yiyogeje mu maraso yanjye. Ubwe ariteguye nta kizinga na kimwe kimuriho. Yiteguye kuza mu majuru yanjye gusabana nanjye akaryoherwa no kubaho kwanjye (ABEFESO 5:25-27).

Ndamwiteguye kunsanga mu kirere, kuza hejuru. Ibi ntabwo bisanzwe, n'ibidasanzwe cyane, azahindurwa agirwe mwiza. Azahindurwa ase n'ishusho yanjye mu mubiri mushya w'ubwiza.

Umubiri we uzahindurwa: Utarangira, umucyo uhoraho, umucyo wanjye. Azarabagirana mu majuru. Azaba ari mwiza abengerana

kubera ko tuzaba dusa. Uyu mubiri ntuzigera upfa cyangwa umenya urupfu. N'itangiriro ry'ubuto buhora. Uyu mubiri ntuzigera umenya iherezo. Abana banjye bazishimira imibiri yabo mishya. Ntabwo bazigera bahura n'imibabaro. Iyi mibiri izahindurwa n'ibyo ishaka byose. Izagenda mu ijuru iko ishaka.

Iyi mibiri izaguruka cyangwa igende. Izakora ibyo imibiri isanzwe ikora n'ibirutaho. N'imibiri y'umucyo. Iyi mibiri ntawe uzayibuza gukora ibyo ishaka nk'uko babuza imibiri y'abantu. Abana banjye bazarya bishimire ibiryo nk'uko bimeze ubu. Ibintu byose biri kuri iyi mibiri myiza bizatangaza abo bazayakira. Ibintu byose bizahinduka, mu kanya gato.

Abana banjye bazahinduka mu kanya gato. Bizababaho mu kanya gato bazatangara. Bana iri n'ihindurwa rihoraho. Nta maso yari yabona cyangwa amatwi yari yumva ibyo nateganirije abana banjye. Abana banjye bo kwizerwa (1ABAKORINTO 15:51-54).

Muhindukire mundebe. Ntimukwiriye guhomba iki gikorwa n'ubwiza bwanjye bwose, igihe nzaza gufata umugeni wanjye, ku bwanjye iki gikorwa kiraje. Bana nimwitegure - mukore imyiteguro. Mube maso munshake. Ni bake bari maso ku bwanjye. Ntabwo bitaye ku by'isi.

Byose birasa neza nk'ibisanzwe, ariko n'ibinyoma gusa. Isi n'mubeshyi yuzuye ikibi, igundiriye ukuri kwayo. Igundiriye ikinyoma niko kazi kayo ikabiha abantu nk'aho ari ukuri. Nta kuri ifite muri yo. Isi irabizeza ngo byose ni byiza ariko ntabwo ari byo. Vuba isi izamenya ibi neza.

Mwitegure ubwanyu. Sindibutegereze igihe kirekire ukugaruka kwanyu kugeze ku rugi. Mpagaze ku rugi nkomanga. Munyakire mu mitima yanyu. Isaha iri gushira. Umucanga urenda gushyika ku ndiba y'ikirahuri.

Muve mu byo kwinezeza mujye ku mavi mwihane ibyaha byanyu mumpindukirize ubuzima bwanyu mbasukure, mbategure, nifuzza kubikora. Mwitandukanye n'isi. N'urupfu ntabwo yakomeza itari kumwe nanjye. Ukurimbuka kwayo kuri gutuma imvaho yishakira inzira z'ikibi (1 ABATESALONIKA 5:23).

Oya bana, mugomba guhitamo. Muragendana n'isi cyangwa murajyana nanjye. Mugomba guhitamo. Ntabwo nabahitamo. Ndabasaba gusa ko muza kuri njye.

Ndashaka ko mumba iruhande iteka ryose. Nifuza ko munsanga mu ijuru ryanjye. Ariko mugomba guhitamo. Mugomba kunyiha cyangwa mugasigara inyuma. Ntegereje amahitamo yanyu. Urukundo rwanjye rurihangana, ariko vuba ngomba gutabara umugeni wanjye. Aya magambo n'ay'ukuri. Ndi IMANA itabeshya. Nimunsange igihe kitararangira. Ndi IMANA IKOMEYE YAHUSHUA.

## **IGICE CYA MIRONGO ITATU NA RIMWE: BAKE CYANE NIBO BAMPIMBAZA KANDI BANYIHANNYEHO**

Reka twongere dutangire (28 Gashyantare 2012). Bana banjye banshimisha, isaha yegereje kugaruka kwajye. Mukeneye kwitegura. Mukeneye kuba mwiteguye. Mwiteguye ubwanyu. Ndashaka kubatwikira ubwanyu n'amaraso yanjye.

Isi yegereje gushira. Irimo irasatira iherezo ryayo. Ibyayo birimo birarangira. Igeze aho umucyo wayo urangirira. Irimo iregereza ikibi nyacyo. Irimo iratera Imana yayo umugongo. Bake cyane nibo banshakisha ku rwego nifuzza nk'abana banjye. Bake cyane nibo bikubita ku birenge byanjye bampimbaza kandi bakanyihanaho. Bake nibo bemeye kunkurikira aho nshaka ko bajya nta kwivovota (MARIKO 8 :34).

Benshi bafatiwe mu isi n'ibyo bakurikiye. Ntabwo muzi ko iyi isi ari umwanzi wanjye? Ntabwo ndibwihanganire iyi isi igihe kirekire.

Si ndibwemerere iyi isi ikomeza. Vuba ndakuraho umugeni wanjye njyane abana banjye mu mutekano. Ni mwiza cyane kandi ndamwiteguye ko aza mu rugo namuteguriye mu ijuru. Mu by'ukuri ibi biraba vuba bana banjye. Mugomba gusobanukirwa. Mukeneye guhagurukira uku kuri.

Benshi barimo barahunikira, basinziriye ubuticura. Bari kumvaho. Bari kugwa mu maboko y'umwanzi kandi byihuse nk'innyoni igwa mu mutego w'umuhigi (ZABURI 124:7).

Muhagurukire uku kuri, bana banjye. Muhaguruke murebe, ndaje! Muhaguruke mbere y'uko mufatwa mutiteguye mukarimbuka burundu. Isaha iregereje yo kugaruka kwanjye kandi benshi basinziriye ubuticura. Iyi ntabwo ari isaha yo gufatwa mutunguwe. Mugomba gukanguka! Vuba umwanzi arabajyana aho ashaka nimutanyihya byuzuye. Iyi niyo saha yo kuba ku Mana by'ukuri.

Nd'IMANA yihangana, ariko kwihangana kwanjye kurarangira vuba. Sindibwihanganire iyi isi irimo gupfa, iri gupfa kubera ko yataye Imana yayo. Buri mpande z'isi zarantaye. Yarantaye by'ukuri. Isi

yahobeye ikibi. Ihobeye ikibi, iryamana n'ikibi. Ibyukira gukora ikibi; iryama gukora ikibi. Uretse umugeni wanjye niwe unkurikira by'ukuri niwe w'umwizerwa gusa. Niwe wenyine ufite ibinganza bisukuye. Niwe unshakisha gusa yitandukaniye n'isi. Niwe utaranduza imyenda ngo yifatanye n'ibintu by'isi.

N'umucyo wanjye muri iyi isi y'umwijima. Aramurika cyane muri iyi isi y'umwijima. Umucyo we ni nk'umwangazo mu mwijima, isi igenda ihinduka umwijima buri muni. Vuba uwo mucyo uzashira kuko ngiye kujyana umugeni wanjye mu mutekano. Noneho isi izahinduka umwijima izime. Iyi n'isaha y'umwijima, bana banjye.

Mugomba kwinjira mu mucyo mugifite amahirwe. Hasigaye igihe gito. Isaha iregereje. Urushinge rw'iminota ruri hafi gushyika saa sita z'ijoro. Ntimufate aya magambo nk'ibisanzwe. Ni kubw'inyungu zanyu: Kubakiza ibibi bigiye kuza (YOHANA 8:12).

Bana banjye, mbakunda nk'uko umubyeyi akunda. Ndashaka ko muza mu binganza byanjye aho muzaba mufite umutekano. Ni muri njye gusa mushobora kubona umutekano. Uretse kuri njye no muri njye nibwo mwakizwa. Nta yindi nzira. Nimuhindukirira isi ku bw'ibisubizo byanyu muri bubeshywe no guhindukirira imiyoborere y'abana b'abantu, abana b'abantu badafite icyo banziho cyangwa ukuri kwanjye.

Isaha iregereje bana banjye. Nimuze mwitandukanye n'isi. Nimukarabe ibinganza byanyu mwitandukanye n'ibyo isi ibazanira. Irimo kubajyana kure yanjye. Nimuze munyegere. Mumpange amaso. Ninjye mukiza wanyuma mbere y'uko irangira burundu. Ntimutakaze uku kurokoka kumwe gusa gusigaye (YAKOBO 4:8).

Mwitegure kuba umwe mu mugeni wanjye. Nimunsange mu kunyihira kuzuye. Muzane ubuzima bwanyu ku birenge byanjye. Munyemerere ko munyihaye, burundu. Nzabayobora mbajyane mu mutekano. Iri niryonyo sezerano ryanjye kuri mwe - Inzira y'umutekano, gukizwa ibigiye kuza mu isi vuba.

Ntimwiteshe iyi mpano mbaha. Ntimuzicuze amahitamo yanyu. Ndi ukuri kw'ijambo ryanjye. Ndabajyana mu mutekano. Ndi IMANA

ikomeye yo kwizerwa ko isoza amasezerano. Ntimuhagarike imitima. Muhungire mu maboko yanjye akiza. IMANA yanyu yo kwizerwa YAHUSHUA.



## **IGICE CYA MIRONGO ITATU NA KABIRI: NDI HAFI KUJYANA UMUGENI WANJYE MU MUTEKANO**

Mukobwa wanjye, reka dutangire (28 Gashyantare 2012). Bana nd'IMANA yanyu. Nd'IMANA yanyu ibitaho cyane. Ndabashakira ibyiza gusa.

Ubu bana banjye, ndashaka ko mwumva amagambo yanjye. Nimunyegere mwumve isi iri hafi guhinduka. Vuba isi irahinduka. Hari byinshi biri bube mu isi imbere n'impande zayo, kandi bike nibyo bizaba ari byiza. Isi ngiye kuyivanaho ukuboko kwanjye kurinda, kubera ko yanyigometseho. Igendera mu cyerekezo gitandukanye n'umutima wanjye, inzira zanjye, ukuri kwanjye. Ni ikizira kuri njye. Ndi hafi kwemerera imbwa za satani kuyobora isi (ZABURI 22:16).

Iki gikorwa kiregere. Bana banjye iyi n'iminsi y'umwijima irimo kuza, ntabwo ndi bwihanganire ikibi gikomeza mu isi. Ndi hafi kujyana umugeni wanjye mu mutekano. Agiye kuvamo vuba. Si ndi bukomezanye n'iyi isi igihe kirekire. Ndi hafi gushyira iyi isi hanze. Ikibi cyabaye indengakamere kuri iyi isi kiri kuborera mu maso hanjye. Ntabwo nshobora gukomeza kukireba. Sinshobora kwemerera abakunzi banjye bari mu isi bakomeza kwihanganira icyaha igihe kirekire. Ndi hafi kujyana itorero ryanjye mu mutekano. Iyi saha iraje vuba.

Bana kuki mushidikanya? Ukwizera kwanyu kuri he? Ni kuki muri abatizera? Niba mwizera cyangwa mutizera ntacyo bihindura ku bigiye kuba. Bigiye kuba, bana banjye uko igitabo cyanjye kibigaragaza niko bizaba. Nabaye umwizerwa mu magambo yanjye yose. Nasobanuye ibihe by'imperuka mu gitabo cyanjye. Musome ijambo ryanjye, mwimenyereze igitabo cyanjye. Musome aya magambo mwitonze. Muzabona neza mu by'ukuri ko ibihe by'imperuka no kugaruka kwanjye bigeze hafi. Bana, mureke kumvirana muze munshake. Muze n'imitima y'ukuri nzabereka ukuri. Ndifuza kubereka ukuri.

Ntabwo nyobya abana banjye. Ariko nibahitamo kutanshakisha ntabwo nzabereka ukuri. Bazakomeza kugenda nk'impumyi bagana mu nzira zo kurimbuka.

Nimuze tujyane mbereke inzira. Nzabayobora mu nzira yanjye ifunganye. Bake nibo bayibona, bana banjye bake nibo bayishakisha. Ntimube muri abo benshi batabona iyi nzira. Hari benshi bataririra mu nzira, benshi bari mu nzira ngari igana mu irimbikiro. (MATAYO 7:13).

Mugarure ibitekerezo, bana banjye, nimuze mu buzima. Munshakisha cyane. Iyi n'isaha yo kuza mu buzima, kuza mu buzima kuri njye. Nta zindi nzira zigana mu mudendezo no mu buzima buhoraho.

Ubu, iyi niyo saha! Muhungire mu biganza byanjye bibategereje. Ntimushidikanye. Ugushidikanya kuzaba iherezo rya nyuma no kuzimira. Ndashaka kubakiza. Munyihe ni ibyanyu byose. Mumpe buri kintu cyose mufite. Ndabishaka, kwitanga igice ntabwo bihagije.

Ni munsange kandi mushyire ubuzima bwanyu hasi. Nzabakira kandi mbagire beza kubw'impamvu zanjye zo kunkorera no kwishimira ijuru iteka ryose (YEREMIYA 30 :19).

Iyi saha iregereje. Umwanzi wanjye afashe inzira ku mugaragaro vuba nti muraba mushobora kwikura mu isaha mugezemo. Ariko birashoboka ko igihe cyagiye kugira ngo mwikize kandi muzaba mwahombye amahirwe yo gukizwa. Bana banjye, ndagerageza kubakangura nkabazana ku kuri. Nakora iki kugira ngo munyiteho? Ni mutegereza igihe kirekire kugira ngo munsage muzasigara inyuma. Bizaba ngombwa ko musigara. Ntimwemere ko ibi bibabaho.

Ukwihana, ukwitanga, ubusabane: Ibi nibyo nifuza; ibi nibyo mbashakaho. Ibi nibyo bisabwa kugirango winjire mu bwami wanjye. Igitabo cyanjye ntikibivuga? Nimuze ubu mbereke y'uko igihe kiri kurangira. Nimuze mbasukure mu maraso yanjye muraba mwiteguye guhagarara imbere yanjye mukakirwa mu bwami

bwanjye, ubwami bwanjye bwiza buhoraho (IBYAHISHUWE 1:5).  
Igihe kiri gushira. Ntimugire undi munota mutakaza muri iyi isi.

UYU NI UMWAMI W'ABAMI UVUGA, URI HEJURU UKOMEYE  
ITEKA RYOSE UMWAMI N'UMUYOBOZI, YAHUSHUA

## **IGICE CYA MIRONGO ITATU NA GATATU : NDASHAKA UMWANYA WA MBERE NTA WUNDI**

Reka dutangire. (1 Werurwe 2012) Bana iyi n’Imana yanyu. Mfite amagambo menshi yo kubaha kugira ngo muyitondere: Bana banjye hari igihe gishya kigiye kuza ku isi. Igihe cyuzuye ikibi: Abantu babi, ibihe bibi. Mugomba kwitegura kujyana nanjye. Ndashaka ko mwigura. Ndifuzza kuvana umugeni wanjye muri iyi isi y’ikibi nkamujyana mu mutekano.

Ntabwo namurekera muri iyi isi igihe kirekire. Kubera ko iyi isi vuba iribuhinduke mbi kubayibamo. Umugeni wanjye agomba kujyanwa mu mutekano. Isi igasuka ibibi byayo kubazaba basigaye inyuma. Vuba iki gikorwa kizaba. N’ubu incubi z’umuyaga ziri kwegerana kugira ngo zubake ubumwe bukomeye bwo kurimbura, umuraba uteye ubwoba vuba uzarangiza ikiremwamuntu kitampisemo.

Ngomba kuba uwambere mu buzima bwanyu. Ngomba kugira umwanya wa mbere kugira ngo uhunge iki kintu kigiye kuba. Ntabwo ndi Imana yifuza kureba abana banjye bababara, ariko nimwanga kunshira hejuru y’ibigirwamana mufite mu mitima yanyu, none muzamenya icyo bivuze guta IMANA yanyu, umuremyi wanyu. Ntabwo ndi Imana yo gukinisha. Ndashaka umwanya wa mbere cyangwa nta mwanya. Si nitaye ku mwanya kabiri cyangwa ku wa gatatu ku mwanya w’ibyo mwashyize imbere. Nabaremye kubw’inyungu zanjye zo kundamya, gutanga icyubahiro no kumenya, ndifuzza kugirana ubushuti namwe mu buryo bw’ubusabane tukagirana ubucuti bwa hafi.

Nimudahitamo kumenya muri ubu buryo ubwo muraba muhisemo inzira zanyu, ubwo twaba dutandukanye mu bumwe bwacu ugahita ugirana ubumwe n’umwanzi wanjye mu irimbuka rihoraho. Ndi IMANA ifuha. Ntabwo nabaremye ngo mbasangire n’umwanzi wanjye (GUTEGEKWA 32:16).

Mube abanjye gusa cyangwa muhitamo kunyura mu nzira nini igana mu irimbukiro iyo benshi banyuzemo. Bake nibo bashaka kumenya bandutisha ibyo bakeneye mu isi.

Nihe mpagaze mu buzima bwanyu? Si nkwiye umwanya wa mbere mu mutima wanyu? Narabapfiriye bana banjye, urupfu rubi. Narabaremye mbaha ubuzima. Ndabarinda buri gihe. Bana banjye mukeneye guhitamo vuba.

Murashaka amahoro yanjye, umutuzo, n'urukundo? Murashaka ngo mbanze mbizeze ko ndi bubakure muri iyi isi igiye kurangira vuba? Noneho ubu n'isaha yo guhitamo icyo mukwiriye gukora. Ni gute mufata Imana yanyu... n'urukundo no kwitanga cyangwa n'ibitandukanye n'ibyo? (ABAFILIPPI 2:8).

Ku mpano yanjye mbaha yo kunsanga mu kwihana guciye bugufi mukansanga nkabababarira ibyaha byanyu nkabatwikira n'amaraso yanjye. Uretse mu maraso yanjye honyine mushobora gukirizwa, uretse mu bitambo natanze ku musaraba.

Nimuhe agaciro iyi mpano. Bana, mwe gutegereza igihe kirekire. Gutegereza mureba ikizaba. Kwirengagiza aya mahitamo byatuma mubura ibyo nabateguriye mu buzima buzaza. Ntimube injiji, mugarure ibitekerezo. Mwitegure, mube mwiteguye. Ndashaka kubakiza ibibazo bigiye kuza. Ndabasabira. Ndimu ndabasabira kuri DATA. Bana iyi saha irimo iregereza.

Ndashaka ko muhitamo. **NDAZA KUBW'UMUGENI WANJYE!** Ntuhombe iki gikorwa cy'Imana ikomeye. Ntimuhombe ibyo mbafitiye byose. Ndi ukuri kw'ijambo ryanjye. **NZAGARAGARA N'ITORERO RYANJYE RIZAGARAGARA!** Mugomba kumva ijambo ryanjye. **NDI UWO NDIWE UKOMEYE NDI IMANA YAHUSHUA WO KWIZERWA KO ASOHOZA.**

## **IGICE CYA MIRONGO ITATU NA KANE: HARI UGUTOTEZWA KUGIYE KUZA-UGUTOTEZWA GUKOMEYE**

Reka dutangire (2 Werurwe 2012). Bana banjye, ninjye Mana yanyu. Mfite amagambo mashya yo kubaha: Bana, iyi n'isaha ikomeye hari umubabaro mwinshi ugiye kuza mu isi. Hazaba ibibi n'ibibabaje. Ibi byago byaratangiye. icyaha cyabaye indengakamere mu bantu. Ntimwirengagize n'ubwo natsinze isi. Ndaje kujyana umugeni wanjye mu mutekano. Ni mwiza kandi n'uw'igikundiro kureba. Ategereje kugaruka kwanjye, ukugaruka kwanjye kuje vuba. Ampanze amaso. Ndamukunda n'umutima wanjye wose. Muhozaho amaso yanjye. Mwitaho buri gihe. Ntabwo amva imbere.

Vuba azabana nanjye mu biri mu ijuru turi kumwe mu mutekano mugihe isi yantaye izaba irimo gushira (YOHANA 16:33).

Ubu iki gikorwa kiraje bana. Hari ugutotezwa kuje-gutotezwa gukomeye. Kutigeze kubaho mu isi. Mwese mumeze nk'aho mutitaye ku miburo yanjye, ibimenyetso byanjye, igitabo cyanjye.

Ntabwo mwumva ko ibi byago bigiye kuza muri iyi isi? Biraje kandi nta muntu ushobora kubihagarika. Ibi birimo birasatira isi yataye Imana yayo, yanze Imana yayo. Iyi isi ntabwo indeba n'inzira zanjye. Ngomba kuvanaho ukuboko kwanjye kurinda. Vuba iyi isi iramenya icyo iterabwoba risobanura (1 YOHANA 4:1-8).

Bana sinshobora kubabeshya, ndi IMANA. Iyi isi s'ahantu ho gusigara kugira ngo murebe iki gikorwa kigiye kuza. Ntabwo muzarokoka ibigiye kuza nimutagumana nanjye. Abo bose bahamya izina ryanjye nimara kujyana umugeni wanjye bazapfa kubwo kwizera kwabo. Kizaba ari igihe gikomeye ku bana banjye. Ntimube ibicucu ngo mutekereze ibindi (2 TIMETEYO 3:12).

Ntabwo nkinishwa. Iyi isi ntabwo yakomeza uko ikizera ngo nta ngaruka. Ndushye kurinda no kwita ku isi yanga ikankinisha. Iki gihe kiri hafi kurangira. Vuba ndemerera isi gufata inzira yayo. Isi idafite Imana yayo ngo iyikize ikibi. Isi ntabwo impa agaciro nk'IMANA yayo, none nzayireka yakire icyifuzo cyayo, kwiyobora iri kure

y’Imana yera, iyoborwa riva mu ijuru. Isi izamenya akamaro ko kubaho igendera ku mategeko yanjye n’inzira zanjye zihoraho.

Isi iri kurimbuka bitagira igaruriro, ibyo nibyo abana banjye bazaba basigaye inyuma bazabona. Izaba ari isaha mbi ku kiremwamuntu. Ntuzasigare inyuma. Nimunsange ubu ntimutegereze. Mwiyoze mu maraso n’ijambo byanjye. Mushakishe cyane mu ijambo ryanjye.

Mwihane kandi mumpe ubuzima bwanyu. Mureke mbakize ikigiye kuza. Ndabishaka. Igihe ni gito. Ntimutinde. Iyi n’isaha yo kwirukankira mu maboko yanjye. Urukundo rwanjye rurabategereje. Mureke mbakize ibibi. Nimuze mwitwikirize amaraso yanjye mu mutekano. Mfite amashyushyu yo kubakiza. Aya magambo n’ay’ukuri. Iyi n’IMANA YANYU YAHUSHUA ISHOBOYE GUKIZA.

## **IGICE CYA MIRONGO ITATU NA GATANU: NTA NYUNGU IRI MU KWIRUKA INYUMA Y'ISI IRI GUSHIRA**

Reka twongere dutangire. Bana iyi ni IMANA yanyu ibabwira: Bana ndaje mu mwanya muto ntimucike intege. Iyi Isi irimo irihutira ko dutandukana. Abo banze kunyitunganyaho, mu kwihana no kwitanga by'ukuri bazabona ingaruka.

Umwanzi wanjye anyotewe amaraso n'umujinya mwinshi. Isi izabona akaga itigeze ibona. Iyi saha iregereje vuba. Ntabwo nzemera byinshi kuri iki kibi, iki kibi cy'isi. Nabonye, numvise byinshi. N'isi yanze Imana yayo itera umugongo inzira z'ukuri z'Imana (YAKOBO 4:4).

Bana muri kuyoborwa n'impumyi nimukomeza kwiruka ku isi. Mu by'ukuri muri kwiruka inyuma y'isi iri gupfa idafite icyerekezo. Namwe ubu murabibona. Nimuze muhamanye n'ukuri.

Nta byiringiro ku isi yapfuye, kandi irimo gupfa yanga umuremyi wayo. Mugomba kuza mu bwitonzi mugafungura amaso yanyu. Murimo murayoba muva mu nzira ifunganye.

Bana, bake nibo babona iyi nzira. Mube maso ! Mwisukure, musukure amaso yanyu, muvaneho amagaragamba. Nimunsange kubw'amaso y'umwuka. Mureke mbafungurire ukuri.

Mureke gukina n'umwanzi nk'aho ari umukino utagira ingaruka. Ni mubi, yiteguye kubakubita igihe mudakeka. Ntabwo mwahangana na we mutari kumwe nanjye. Mugomba kunyegera kugira ngo mbarinde. Uretse kumba hafi, nibwo mwabona umutekano. Uretse kuguma mu gitabo cyanjye no kugirana ubucuti bwa hafi nanjye nibwo mwarokoka. Ibi murabyumva? Nimugenda mwenyine ntabwo muzabishobora. Nimwitange. Ntimube injiji. Umutima w'umuntu uramushuka. Umwanzi wanjye abarusha ubwenge kandi arihuta cyane. Ntabwo mwamutsinda keretse mufitanye ubucuti bwa hafi nanjye. Niba muri hafi, hafi cyane, umwanzi wanjye ntabwo ashobora kunyegera. Umwijima ntubana n'umucyo.



None mushyire hasi imigambi, n'ubuzima byanyu, mubimpe. Mureke mbyakire mbibaguraniremo ubwiza. Mureke mbereke ibyo nifuriza ubuzima bwanyu. Nabikora. Ndabishoboye. Ni icyifuzo cyanjye ko ubuzima bwanyu buba mu bushake bwanjye. Iki nicyo nifuzo, kubasukura mu maraso yanjye nkabiyegereza, nk'umubyeyi ukunda umwana we, ndifuzo kubitaho (YESAYA 66:13), (MATAYO 23:37).

Bana isaha yo kugaruka kwanjye iregereje. Ntabwo muri maso. Murasinziye. Ndimu ndaza gufata abana bari maso, bifuzo kunshaka mu buryo bw'ubusabane. Aba nibo bari buze. Abandi bose, birababaje bazasigara. Benshi bazarimbuka muri ako kanya.

Iyi n'isaha y'imiburo nyabyo musome igitabo cyanjye, murambure impapuro. Musabe umwuka wanjye abayobore ku kuri kose.

Igihe kiri gutakara. Ntimutakaze n'umunota n'umwe kuri iy'isi inyanga, njyewe Imana yanyu. Murimo muragana mu cyerekezo kitari cyo. Mugarure ibitekerezo byanyu. Mushake umwuka wanjye, mushake DATA, mudushake. Turi umwe twifuzo kubakiza.

Vuba isaha iraje yo kugaruka kwanjye. Ntimuhombe kurokora kwanjye. Iyi n'IMANA YAHUSHUA, ibakunda cyane.

## **IGICE CYA MIRONGO ITATU NA GATANDATU: BENSHI BIBWIRA KO BITEGUYE BARIBESHYA**

Reka dutangire, mukobwa wanjye (Kuwa 4 Werurwe 2012). Mwumve neza mbahe amagambo mashya. Mwana wanjye, n'umwami wanyu. Rwose andika aya magambo: Isaha iregereje yo kugaruka kwanjye, benshi ntabwo bari maso, benshi bafite ibibahumya ntibumve bakanga kumva ngo babitekerezeho. Isaha yo kugaruka kwanjye iri kuza vuba mugomba kwitegura bana. Mugomba kwitegura ubwanyu.

Mube maso. Ibi birakenewe cyane mu kwitegura, uretse abo bari maso nibo bazajyanwa. Abo bose bita kumenya kugaruka kwanjye nibo bashobora gutegurwa. Abo batabyitayeho kandi batabibona nibo bazasigara guhura n'akaga.

Benshi bazatungurwa n'uko basigaye. Benshi bazatangazwa n'uko batatwawe. Benshi bakeka ko biteguye, baribeshya. Bari kure yo kwitegura. Bafungiwe mu bintu by'isi. Ibitekerezo byabo biri ku bindi bintu. Ntabwo bitaye ku kugaruka kwanjye biyitayeho ubwabo n'ibintu by'isi. Nta mwanya bagirana nanjye. Ntabwo bantegereje.

Baraseka bakanatoteza abiteguye, ariko bazisanga basigaye inyuma, bibwira ko banzi. Ntabwo banzi na gato.

Bibwira ngo baranzi. Imitima yabo iri kure yanjye. Ntabwo bansanga mu mwiherero. Birukura ibintu by'isi. Amaso yabo ntabwo ashishikariye kuntegereza. Bakunda ibifatika n'ibyo bafataho by'isi.

Imigambi yabo ni y'ejo hazaza. Bashyiraho imigambi idasozwa. Ntabwo bambaza kuri iyi migambi, iyaba babikoraga nababwira bakanyitaho, nimuze hafi yanjye, gushyira hasi imigambi yabo no kunyiha. Ibi nibyo nshaka... Kunyiha byuzuye, gushyira imiganbi yanyu ku birenge byanjye, kumpa ibyanyu byose, n'ubuzima bwanyu, n'imigambi yanyu y'ejo hazaza.

Ninjye njyenyine uzi ibizaba ejo. Imigambi yose buri muntu yishyiriraho ishobora gushira mu gihe gito. Kuki mutandeka ngo nshyire mu bikorwa imigambi yanjye mu buzima bwanyu. Nzi ibyiza

kuri mwe, bana banjye. Nzi itangiriro kugeza ku iherezo. Ndi ALUFA na OMEGA (IBYAHISHUWE 22:13).

Ndi umuremyi w'izuba, ukwezi, n'inyenyeri. Ntimutekereza ko nshobora no kwakira imigambi yanyu y'ejo hazaza? Nzabaha ubwami bwanyje nimumpa ubuzima bwanyu. Nabazanira ku mahoro n'umutekano; Mbajyane mu mutekano hamwe. Mwaba mu mahoro muzi ko imigambi yanjye ari myiza ku buzima bwanyu kandi nkomeye mu gusohoza.

Muzagira uyu mutekano nimuba mu bushake bwanyje bwiza ku buzima bwanyu. Ntabwo muzigera muhangayikira undi muni ni muba mu bushake bwanyje. Mushyire hasi ibyo mushyize imbere mufite mu nzira n'imigambi byanyu. Bizabayobora ku kubarimbura gusa.

Mumpe ibyanyu byose, mwinjire mu bushake bwanyje, mu bushake bwanyje bwiza. Mureke uzi itangiriro akageza ku mperuka abiteho. Ninjye Mana yanyu ihoraho. Nzabazana mu bwami bwanyje buhoraho. N'ibyanyu ku bisaba (IBYAHISHUWE 21:6).

Mwitange, mwihane, mungire uwanyu. Mugire kumenya. Nzasangira umutima wanjye namwe. Nifuza kugendana namwe; Ntabwo muzaba mwenyine. Iyi niyo saha yo kwitanga. Iyi niyo saha. Iki nicyo gihe. Muhitemo neza. Hari inzira nyinshi. Imwe niyo y'ukuri, imwe niyo igororotse. Mumenye ndabayobora mu nzira igororotse. Iki ni icyifuzo cyanjye, kubayobora inzira (ABAHEBURAYO 12:13).

Vuba urushinge rw'isaha ruraba rugeze saa sita z'ijoro. Muhungire mu maboko yanjye, amaboko arimo umutekano. Mureke mbakize. Muhitemo vuba. Birambabaza kugira uwo nsiga inyuma, ariko amahitamo ni ayabo. Ntimushidikanye kwakira urukundo rwanjye.

YAHUSHUA IMANA y'urukundo rutagereranywa. (1 YOHANA 4:16)

## **IGICE CYA MIRONGO ITATU NA KARINDWI: MUSIGARANYE IGIHE GITO CYO KWITEGURA**

Reka dutangire. Ndabaha amagambo menshi: Bana, ninjye UMWAMI wanyu kandi mfite amagambo menshi yo kubaha.

Isaha iregereje. Hari umucyo muke usigaye ku muni. Mukeneye kwitegura. Mwitegure nk'aho kuza kwanjye kwegereje. Kuregereje.

Bake nibo biteguye kandi bari maso. Bake nibo bita ku kwitegura. Benshi bahitamo kwirengagiza imiburo yanjye. Benshi ntabwo bitaye ku bigiye kuza. Iyi saha iregereje.

Mube maso mushikamyeye. Niba atar'ibyo, muzatungurwa. Niba mutari maso ntabwo muri bubone ibigiye kuza. Abo bari maso nibo biteguye. Abo bafite kwitegura ubwabo kuko bari maso. Ni gute witaguye niba utari maso? Uretse abo bitunganije kandi biteguye nibo bazagenda. Abandi bese bazasanga amavuta yabo ari igice (MATAYO 5:7-10).

Iki ntabwo ari igihe cyo guhunikira bana banjye. Iyi ntabwo ari isaha yo gusigara. Ntabwo nzaza gufata abo badashobora kuguma bari maso igihe kirekire ngo bantegereze. Abo basinziriye ninza bazakanguka bakabije inzozo zabo mbi, z'ibigiye kuza ku isi. Mbega igihe kibi ku itorero ryanjye risinziriye (ABAHEBURAYO 9:28).

Abana banjye basinziriye ubuticura kandi nibadakanguka vuba bazisanga mu biganza by'umwanzi. Umwanzi wanjye n'umunyamujinya mwinshi nta mpuhwe kandi nta n'umwe yitayeho. Afite ikintu kimwe mu bitekerezo: Gukomera no kuyobora. Azayobora abantu n'inkota. Ntabwo nabarundaho byinshi ku bigiye kuza. Iyi n'isaha ikomeye kandi hari ibikomeye bigiye kuza ku isi.

Ntabwo binshimisha ko mbabwira ibi bintu. Ndashaka kubabwira gusa ku bigiye kuza ntabwo nifuzaga ko mubabazwa n'ibigiye kurimbura isi.

Mugarure ibitekerezo byanyu bana. Nimubyuke muve mu bibarangaje, muvaneho ibibahumishije. Nimunsange mwihuse.

Musigaranye umwanya muto. Mugomba kumpungiraho vuba. Ndifuza ku bakiza ku bibi.

Ntimufatwe n'inkuba y'umuyaga igiye kuza yegereje. Bake nibo bazajyana nanjye ninjyana umugeni wanjye. Bake cyane nibo bahisemo kuba maso ku bwanjye kandi bakitegura ku bwabo biyoza mu ijambo n'amaraso byanjye. Nta bindi bisubizo. Ntayindi nzira (ABEFESO 5:25-27).

Mwitange muri iyi saha. Niteguye kubakira ndifuza ko munsanga kugira ngo mube mu mutuzo. Nzabatwikira mbarinde ibyago bigiye kuza. Mwikize munsanga. Ninjye buhungiro ntabundi. Mumpe imitima n'ubuzima byanyu mu kwitanga kuzuye. Muzaba mwiteguye, mwitegure kubw'umurimo w'umwuka wanjye wera. Mureke abuzure azabereka ukuri, ukuri kwanjye. Niteguye kubajyana mu bwami bwanjye. Muraje?

Uyu ni UMWAMI wanyu YAHUSHUA. Ndihangana n'umubabaro w'igihe kirekire ntegereje ko mufata icyemezo. Nimumpitemo mukizwe.

## **IGICE CYA MIRONGO ITATU N'UMUNANI: ABANKURIKIYE BY'UKURI BARI MASO KANDI BARITEGUYE**

Reka dutangire. Mukobwa wanjye niteguye kuguha amagambo mashya: Bana, n'IMANA yanyu ivuga. Isaha iregereje yo kugaruka kwanjye kandi abana banjye barasinziye, barasinziye cyane. Barahunikiye cyane ntibazi ibibazengurutse. Nta n'ubwo bari maso. Uko bigaragara barahumye kandi amaso yabo ntari kuri jye.

Nzaza nk'umujura mu ijoro. Benshi bazatungurwa. Ijambo ryanjye siko ribivuga? Niba ari uko kuki benshi birengagiza iyi miburo. Kuki benshi banga kuki benshi banga kuba maso no kubwitaho? Nifuzaba ibyabo by'ibanze bakampa ibyanyuma.

Iyaba abana banjye bankurikiriraga hafi bari kumenya kuba maso, bareba kandi bantegereje. Bari kumenya isi ibazengurutse n'uburyo impande zose z'isi zinyanga ku mugaragaro.

Abankurikiye by'ukuri bari maso. Bariteguye. Amatwi yabo ari ku butaka bumva intambwe z'ibirenge byanjye. Bitegereza uko ngenda kandi bumva ijwi ryanjye.

Ndaje kandi iki ntabwo ari ikinyoma kuri abo bantegereje bari maso. Aba bana barihanganye kandi bafite amatsiko. Iri niryo torero ryanjye ry'ukuri, n'umugeni wanjye. Afite umwete wo kugaruka kwanjye ibyo birankurura. Nkunda amatsiko antegerezaniye, uyu niwe napfiriye, abankurikiye bo kwizerwa bapfuye ku bwanjye (LUKA 12:37).

Bashyize ubuzima bwabo ku birenge byanjye bareka isi n'ibintu by'isi kubw'IMANA yabo. Kubw'ibi ndishimye cyane ni ibihembo by'itorero ryanjye ryiza.

Ushobora kuba umwe mu bagize iri torero, mugeni wanjye. Ushobora kwitegura kugenda, nitugenda turi hamwe mu mazu meza nabateguriye mu ijuru ryanjye. Hasigaye igihe gito cy'agaciro rwose mube maso mu kunshakisha.

Ndashaka ukwitanga kuzuye. Ndashaka ko munyitaho cyane. Mushyire hasi ubuzima bwanyu ku bwanjye nta na kimwe musize inyuma. Ndashaka ubuzima bwanyu bwose. Ndabuhinduranya n'ubuzima bushya muri njye. Ndashaka kubazanira ubuzima bushya, ndashaka kuboza mu maraso yanjye; mbubakire ubwami bwanjye; mbahe umwanya mu bana banjye; abazankorera iteka ryose; kandi tukayobora tukanategeka iteka ryose turi kumwe.

Uyu ni umugeni wanjye. Ni mwiza cyane, n'abantu biteguye kandi bategereje, bari maso kubw'umwami wabo. Ndaje kugira ngo nkize abo bana, mbajyane mu mudendezo no mu mutekano kure y'ibibi bigiye kwibasira isi. Ni abatsinzi banjye. Ushobora kuba umwe muribo. Ndabategereje, bana banjye, gutaha ubukwe bwanjye, kuba bamwe mu bwami bwanjye. Mbafitiye umwanya ku meza y'ubukwe bwanjye, hari umwanya ubateguriwe, ariko mugomba kuza kuwusaba.

Ntabwo nzakomeza nkinguye imiryango igihe cyose. Vuba nzazana abana banjye biteguye muri iyi nzira y'umutekano noneho ihite ifungwa isige abo banze ubutumwa bwanjye kugira ngo baze, bazasigara inyuma guhura n'ibibi.

Mbega umunsi mubi kuri abo banze impano yanjye no gutabarwa. Kumenya kwabo kuri uwo munsi ibyo bahombye kuzaba kubabajye. Noneho ukuri kuzahita kugaragara ibyo batakaje n'ibyo bagiye guhura nabyo. Hazaba hari ukwicuza gukomeye. Hazaba hari ukurira n'umuborogo mwinshi igihe itorero ryanjye ry'akazuyazi riba ritumva amahitamo yabo mabi bakoze yo kwanga no kwirengagiza imiburo yanjye.

Nibyo uguhomba kwabo kuzaba gukomeye n'umubabaro ukabije. Bana, ibi ntibikwiriye kubabaho. Ntimukwiriye gusigara kureba umwijima ugiye kwibasira isi. Nimunsange mu kunyiha kuzuye, no kwifuzza cyane kunkurikira n'imitima yanyu.

Nzahindura imitima yanyu kandi noze ibizinga by'ibyaha n'amaraso yanjye bibe umweru. Muzahagarara imbere yanjye mutunganye kandi mwiteguye, mu gufatanya mu ifunguro ry'ubukwe bwanjye.

Iki n'icyifuzo cy'umutima wanjye ko mungarukira. Ndi SO wanyu, UMUBYEYI WANYU. Ndifuzza ko munsanga bityo nkabagira abakobwa n'abahungu banjye. Aya ni amahirwe yanyu gushyira ibintu mu bikorwa hamwe nanjye. Nimureke tubane iteka ryose ntegereje icyemezo cyanyu.

NDI IMANA YANYU, UMWAMI WANYU, NDI IMANA YEHOVA.



**IGICE CYA MIRONGO ITATU N'ICYENDA: UBUHAMYA  
BWANJYE: IBIREBANA N'IBI BYANDITSWE NO KWIYIRIZA  
KWANJYE**

Imana yarampamagaye kujya ahantu hiherereye kubw'amasengesho no kwiwiriza iminsi mirongo ine nywa amazi gusa. Hanyuma y'ibyumweru bibiri nafataga ifunguro ryera. Buri muni nyuma y'akanya gato, nafataga ibirahure bine by'umutobe. Uku kwiwiriza cyari ikintu gikomeye ntari narigeze nkora mu buzima bwanjye.

Imana yanzanye mu kwiwiriza kugira ngo mpfe ku bwanjye, narabikoze. Yampaye amagambo menshi ayo nagerageje kwandika kugira ngo n'abandi basome. Ibi byanditswe nabyandikishijwe n'Imana muri icyo minsi yo kwiwiriza kwanyije kuva ( ku wa 27 Mutarama 2012) kugeza (kuwa 6 Werurwe 2012) (mumenye ko ibyanditswe nahawe ntitaye ku mataliki kuko kwiwiriza kwari kunkomereye cyane, si nifuzaga kumenya ngo tugeze ryari cyangwa kureba uko igihe cyo kwiwiriza kigenda buhoro). Muri uku kwiwiriza IMANA yambwiye gusaba UMUGATI WO MU IJURU. Igihe cyose nashakaga ko umfasha kubera umubabaro n'inzara. Narabikoraga buri gihe numvaga inzara cyangwa kubabara, kubera kwiwiriza. Buri gihe nasabaga umugati wo mu ijuru uburibwe bwahitaga bugenda. Cyari igitangaza gihebuje (musome icyanditswe kiri hepfo).

Ngeze mu cya kabiri cyo kwiwiriza, narimo nsoma igitabo cyatumye nkanguka. Cyavugaga ku mugore weretswe ijuru na gehinomu. Yaravuze ngo muri gehinomu abari yo bafite inzara n'inyota by'iteka. Ibi byanteye imbaraga kuko nari niyirije iminsi mirongo ine (kandi nyewe nta nzara nari mfite kuko nanywaga amazi mu gihe cyo kwiwiriza) Si numvaga ukuntu umuntu yabaho igihe cyose aashonje (n'iminsi mirongo ine yari ingoye) afite n'inyota. Ndashaka ko abantu batekereza kuri iki kintu cy'ukuri bakagenzura uko igihe cy'iteka ryose cyabo uko kizaba kimeze. Ndashima Imana yancishije muri iyi minsi mirongo ine yo kwiwiriza.

Ibirebana n'aya magambo nahawe, Imana yakoresheje amagambo menshi ntazi n'icyo asobanura byansabaga kumenya icyo asobanura, ariko nkasanga ari amagambo meza. Nanjye ubusanzwe ndi umwanditsi igihe nanditse inyandiko ndende nk'impapuro ijana binsaba ku gisubiramo cyangwa kongeramo ibindi, ariko ibi byanditswe ntacyo nigeze mpinduraho-nabyanditse uko Imana yabimbwiraga. Imana yambwiraga nandika. Ibyo nanditse nibyo nashyize ahagarara ntabwo nashyize mu cyongereza gitomoye.

Icyubahiro kibe icy'IMANA

Urakoze MANA kubwo kwihangana kwawe kubw'umuntu udafite icyo ari cyo Susan Davis

YESU NIWE MUGATI WO MU IJURU (YOHANA 6:29-58).